# REPUBURIKA Y'U RWANDA

**Minisiteri y'Urubyiruko**

**Minisiteri ya Siporo n'Umuco**

**Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside**

**(CNLG)**

# AMATEKA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI BAKORERAGA MINISITERI Y'URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE (MIJEUMA) N'INZEGO ZARI ZIYISHAMIKIYEHO

Yateguwe na Dr Gakwenzire Philibert

Kigali, Mata 2019

**IJAMBO RY'IBANZE**

Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu wa 1994 yahitanye abarenga miriyoni bishwe mu mezi atatu gusa, inasiga ingaruka nyinshi zirimo umubare munini w'imfubyi, abapfakazi n'abamugaye. Nyuma ya Jenoside, ubuyobozi bushya bw'Igihugu bwihaye intego yo kongera kubaka umuryango nyarwanda washegeshwe hashingiwe ku kumenya ukuri kose ku byabaye kugira ngo kubakirweho umusingi ntayegayezwa w'ubumwe, ubwiyunge n'amahoro arambye mu Banyarwanda.

Nyuma y'imyaka 25 ayo mahano ndengakamere abaye, hakozwe byinshi mu ngeri zose z'ubuzima ku buryo ubu u Rwanda ari Igihugu k'intangarugero muri byinshi. Gusa inzira iracyari ndende, cyane cyane mu kumenya uko Jenoside yateguwe, uko yagenze mu bice no mu nzego zitandukanye z'Igihugu. Kwandika no kubika neza amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi ni inshingano ya buri wese kugira ngo tuyamenye, tuyasigasire, bityo twubake ejo hazaza hatekanye. Leta y'u Rwanda, ibinyujije mu buyobozi bwa Minisiteri ya Siporo n'Umuco ifatanyije n'iy'Urubyiruko, zifuje kwandika amateka ya Jenoside yakorewe abari Abatutsi bakoreraga Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe (MIJEUMA) n'inzego zari ziyishamikiyeho kugeza muri Nyakanga 1994. Iyi nyandiko ikubiyemo ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe hagati ya Mata 2018 na Mata 2019. Twizeye ko bizafasha mu kumenya ukuri kose ku byabaye ku Batutsi bahoze bakorera Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe (MIJEUMA) n'abakoraga mu nzego zari ziyishamikiyeho. Turifuza kandi ko iyi nyandiko iba n'imbarutso y'ibindi bikorwa bigamije kumenya ukuri no gushimangira ubumwe, ubwiyunge n'iterambere rirambye mu Rwanda no kubaha ikiremwamuntu muri rusange.

Turangije dushimira buri wese wagize uruhare muri ubu bushakashatsi, by'umwihariko Leta y'u Rwanda ibinyujije muri Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) yatanze urubuga n'imirongo ngenderwaho. Turashimira kandi itsinda ryakoze ubu bushakashatsi riyobowe na Dr. Gakwenzire Philibert ari kumwe na Dr. Indoha Kimenyi Janvier na Bwana Kimenyi Angelo. Ntitwakwibagirwa kandi gushimira abari abakozi ba MIJEUMA batanze amakuru menshi kandi y'ingenzi kugira ngo iyi nyandiko itungane. Tuboneyeho no kwifatanya n'abari abakozi b'iyi minisiteri barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, abakomoka ku bakozi bayizize no gushimira abatarahigwaga bitandukanyije n'ubwicanyi bwari bwasaze Igihugu

cyose bamwe bakanabizira.

By'umwihariko, iyi nyandiko ituwe inzirakarengane zose zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu wa 1994.

| | |
|---|---|
| **Rosemary MBABAZI** | **Espérance NYIRASAFARI** |
| **Minisitiri w'Urubyiruko** | **Minisitiri wa Siporo n'Umuco** |

## AMAGAMBO MPINE YAKORESHEJWE

| | |
|---|---|
| **ADRA** | Adventist Development and Relief Agency |
| **APACOPE** | Association des Parents pour la Promotion de l'Education |
| **ASAR** | Association Sportive au Rwanda |
| **BCR** | Banque Commerciale du Rwanda |
| **CCM** | Centre for Conflict Management |
| **CDR** | Coalition pour la Défense de la République |
| **CEFOTEC** | Centre de Formation Technique |
| **CND** | Conseil National de Développement |
| **CSK** | Centre Sportif de Kigali |
| **CELOCKI** | Cercle de Loisir et de Culture de Kigali |
| **CERAI** | Centre d'Enseignement Rural et Artisanal Intégré |
| **ELECTROGAZ** | Entreprise d'Electricité, Eau et Gaz |
| **EPA** | Ecole Primaire d'Application |
| **ESM** | Ecole Supérieure Militaire |
| **ETM** | Ecole Technique de Muhazi |
| **ETO** | Ecole Technique Officiel |
| **FERWAFA** | Fédération Rwandaise de Football Amateurs |
| **GSOB** | Groupe Scolaire Officiel de Butare |
| **INR** | Imprimerie Nationale du Rwanda |
| **IPN** | Institut Supérieur Pédagogique |
| **IRDP** | Institut de Recherche et de Dialogue pour la Paix |
| **ISAP** | Institut des Sciences Appliquées |
| **LLM** | Latin et Langues Modernes |
| **MDR** | Mouvement Démocratique Républicain |
| **MIJEUMA** | Ministère de la Jeunesse et des Mouvements Associatifs |
| **MINEPRISEC** | Ministère de l'Enseignement Primaire et Secondaire |
| **MINESUPRES** | Ministère de l'Enseignement Supérieur et de la Recherche Scientifique |
| **MINIJUST** | Ministère de la Justice |

| | |
|---|---|
| **MINISPOC** | Ministry of Sports and Culture |
| **MINITRANSCO** | Ministère des Transports et Communications |
| **MINITRAP** | Ministère des Travaux Publics |
| **MINIYOUTH** | Ministry of Youth |
| **MINUAR** | Mission des Nations Unies pour l'Assisatnce au Rwanda |
| **MRND** | Mouvement Révolutionnaire National pour le Développement (1975-1991)<br>Mouvement Républicain National pour la Démocratie (1991-1994) |
| **PSVF** | Petit Seminaire Virgo Fidelis |
| **RTLM** | Radio-Télévision Libre des Mille Collines |
| **SESG** | Faculté des Sciences Economiqes, sociales et Gestion |
| **SOMUKI** | Société Minière de Muhinga Kigali |
| **TPIR** | Tribunal Pénal International pour le Rwanda |
| **UN/ CPPCG** | United Nations Convention on the Prevention and Punishment of the Crime of Genocide |
| **UNR** | Université Nationale du Rwanda |

**AMASHAKIRO**

**IJAMBO RY'IBANZE ................................................................................................ I**

**AMAGAMBO MPINE YAKORESHEJWE ................................................................. III**

**UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE .................................................. 1**

**1.1. INTEGO Z'UBUSHAKASHATSI ................................................................................ 3**

1.1.1. INTEGO NKURU ........................................................................................................ 3

1.1.2. INTEGO ZIHARIYE ..................................................................................................... 3

**1.2. ISHINGIRO RY'UBUSHAKASHATSI N'ICYUHO BWAJE KUZIBA ............................. 4**

**1.3. UBURYO BWAKORESHEJWE ................................................................................ 4**

1.3.1. IKUSANYAMAKURU ................................................................................................. 4

1.3.2. ABATANZE AMAKURU N'UKO BATORANYIJWE.................................................... 5

1.3.3. ISESENGURAMAKURU ............................................................................................. 5

**UMUTWE WA KABIRI: UBUMENYI RUSANGE KURI JENOSIDE.......................... 6**

**2.1. IBISOBANURO BY'IJAMBO JENOSIDE................................................................ 6**

**2.2. UMWIHARIKO WA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA ................... 7**

2.2.1. UBWICANYI NDENGAKAMERE BWAKOZWE MU GIHE GITO ............................... 7

2.2.2. UMUBARE MUNINI W'ABAZIZE JENOSIDE N'ABAYIKOZE .................................. 7

2.2.3. GUSENYUKA GUKOMEYE KW'UMURYANGO NYARWANDA................................. 8

2.2.4. JENOSIDE YAKOZWE N'ABANYARWANDA, IKORERWA ABANYARWANDA KANDI INAHAGARIKWA N'ABANYARWANDA ............................................................................. 9

**UMUTWE WA GATATU: MINISITERI Y'URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE (MIJEUMA) NA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI BAYIKORERAGA............... 10**

**3.1. AMAVU N'AMAVUKO YA MINISISTERI Y'URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE ............. 10**

3.1.1. UKO INSHINGANO ZAGIYE ZITEKEREZWA N'UKO ZAGIYE ZIHURIZWA HAMWE................. 10

3.1.1.1 Urubyiruko n'Amashyirahamwe ................................................................... 10

3.1.1.2. Urubyiruko, Siporo n'Imyidagaduro ........ 12
3.1.1.3. Imiterere ya Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ........ 13
**3.2. Abaminisitiri bayoboye MIJEUMA ........ 16**
3.2.1. Capitaine André Bizimana ........ 16
3.2.2. Major Jean Nepomuscène Munyandekwe ........ 17
3.2.3. Commandant Pierre Célestin Rwagafirita ........ 17
3.2.4. Siméon Ntezeryayo ........ 19
3.2.5. Colonel Aloys Nsekalije ........ 19
3.2.6. Félicien Gatabazi ........ 20
3.2.7. Colonel Augustin Ndindiliyimana ........ 20
3.2.8. Callixte Nzabonimana ........ 23
**3.3. Uruhare rwa MIJEUMA mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi ........ 24**
3.3.1. MIJEUMA nk'igikoresho cya poritiki n'ubukanguramabaga mu rubyiruko ........ 24
3.3.2. Uruhare rw'Abayobozi n'Abakozi ba MIJEUMA mu gutegura Jenoside yakorewe Abatutsi ........ 25
3.3.2.1. Minisitiri Callixte Nzabonimana ........ 25
3.3.2.2. Simon Bikindi ........ 34
3.3.2.3. Melchior Ilibanje ........ 37
3.3.2.4. Joseph Kurazikubone ........ 37
3.3.2.5. Norbert Muhaturukundo ........ 37
**3.4. Abakozi ba Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe (MIJEUMA) n'ibigo byari biyishamikiyeho bazize Jenoside ........ 38**
3.4.1. Abakozi bazize Jenoside babonewe amakuru ........ 38
3.4.2. Abakozi ba MIJEUMA bazize Jenoside batabonewe amakuru ........ 53

**UMUTWE WA 4: UBURYO IMIKINO N'IMYIDAGADURO BYINJIYE MURI PORITIKI Y'IVANGURA N'AMACAKUBIRI ........ 55**

**4.1. Umwinjiriro ........ 55**
**4.2. Imikino n'imyidagaduro muri poritiki y'ivangura nyuma y'ubwigenge ........ 56**
**4.3. Amateka y'umupira w'amaguru n'ikibazo cy'ivangura, itotezwa na Jenoside**

**YAKOREWE ABATUTSI** .......... **58**
4.3.1. UMUPIRA W'AMAGURU NK'IGIKORESHO CYA PORITIKI Y'IVANGURA .......... 60
4.3.2. AMATEKA Y'AMAKIPE Y'UMUPIRA W'AMAGURU MU RWANDA .......... 62
4.3.2.1. Mukura Victory Sport .......... 62
4.3.2.2. Rayons Sports .......... 77
4.3.2.3. Ikipe ya Kiyovu Sport .......... 87
4.3.2.4. Ikipe ya Panthères Noires .......... 91
4.3.2.5. Ikipe ya Mukungwa FC .......... 92
4.3.2.6. Ikipe ya Etincelles FC .......... 92
4.3.2.7. Ikipe ya Eclair FC .......... 96
**4.4. UMUPIRA W'INTOKI** .......... **96**
4.4.1. BASKETBALL .......... 96
4.4.1.1. Espoir basketball .......... 97
4.4.1.2. Terror Basket ball Club .......... 107
4.4.2.UMUKINO W'INTOKI WA VOLLEYBALL .......... 108
4.4.3.1.Ikipe ya volleyball ya Kaminuza Nkuru y' u Rwanda- Ishami rya Nyakinama .......... 108
4.4.3.2.MINITRANSCO Volleyball Club .......... 128
4.4.3.3. Buhiri Volleball club .......... 132
4.4.3.4. Seminari Nto ya Karubanda (PSVFK) .......... 133
4.4.3. UMUPIRA W'INTOKI (HANDBALL) .......... 136
4.4.4. UMUKINO WA TENNIS .......... 136
**4.5. UMUKINO W'AMAGARE** .......... **139**
**4.6. UMUKINO W'AMASIGANWA Y'IMODOKA** .......... **142**
**4.7. IMIKINO NJYARUGAMBA** .......... **143**
4.7.1. AMAVU N'AMAVUKO Y'IMIKINO NJYARUGAMBA .......... 143
4.7.2. ABAKINNYI BA KARATE BAZIZE JENOSIDE .......... 144
**UMUTWE WA GATANU: KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI NO KURWANYA INGENGABITEKEREZO YAYO MURI MINISPOC NA MINIYOUTH** .......... **149**
**5.1. KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI** .......... **149**
**5.2. KURWANYA INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE** .......... **152**

**UMWANZURO ............................................................................................................ 154**

**IBYIFASHISHIJWE MU NYANDIKO ............................................................................ 157**

**1. ABANTU BATANZE AMAKURU KURI MIJEUMA ........................................................ 157**

**2. ABANTU BATANZE AMAKURU KU BIGO BYARI BISHAMIKIYE KURI MIJEUMA .............. 158**

**3. INYANDIKO ZIFASHISHIJWE................................................................................. 141**

**IMIGEREKA..........................................................................................................I**

**UMUGEREKA WA MBERE : AMAZINA Y'ABAKOZI BA MIJEUMA BAZIZE JENOSIDE N'ABAHAGARARIYE IMIRYANGO YABO......................................................................... I**

**UMUGEREKA WA KABIRI : AMAZINA Y'ABAKOZI BA MIJEUMA BAZIZE JENOSIDE BATABONEWE ABAHAGARARIYE IMIRYANGO YABO ..................................................II**

**UMUGEREKA WA GATATU: ABAKOZI BA MIJEUMA BATABONEWE AMAKURU....................III**

**UMUGEREKA WA KANE: AMAZINA YA BAMWE MU BAKINNYI BAZIZE JENOSIDE N'ABAHAGARARIYE IMIRYANGO YABO.........................................................................IV**

**UMUGEREKA WA GATANU: BAMWE MU BAKINNYI BAZIZE JENOSIDE N'AMAKIPE BABARIZWAGAMO ...............................................................................................IX**

**UMUGEREKA WA GATANDATU: AMAZINA Y'ABAKINAGA IMIKINO NJYARUGAMBA (KARATE) BAZIZE JENOSIDE ..................................................................................................XII**

**UMUGEREKA WA KARINDWI: AMAZINA Y'ABAKINAGA IMIKINO YA TENNIS, IMIKINO NGORORANGINGO, GUSIGANA KU MAGARE NO MU MAMODOKA N'ABANYAMAKURU B'IMIKINO ........................................................................................................................ XIII**

**UMUGEREKA WA MUNANI: INGINGO IBIBAZO BY'UBUSHAKASHATSI BWIBANZEHO ............XIV**

## UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE

Jenoside ni ubwicanyi ndengakamere butegurwa kandi bugakorwa na Leta igambiriye kurimbura igice kimwe cy'abaturage bayo ishingiye ku bwoko bwabo cyangwa idini ryabo. (UN/ CPPCG, 1948). Ikemeza ko ari Jenoside kandi kiyitandukanya n'ubundi bwicanyi ni uko Leta igira umugambi n'ubushake bisesuye (intention) byo gutsemba icyo gice cy'abaturage bayo kandi ikanabishyira mu bikorwa. Ubuhanga mu birebana n'ubumenyi kuri Jenoside Gregory Stanton (2008) yasesenguye ibyiciro umunani Jenoside iyo ari yo yose itegurwamo ikanakorwamo, nk'uko byigishwa na Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG)[1]. Muri make, uwicwa ntazira icyaha yaba yakoze, azira gusa ko ari umwe mu bagize igice cy'abatoranyijwe ngo batsembwe**.**

Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda kuva muri Mata na Nyakanga 1994 yahitanye abasaga miriyoni[2]. Abishwe bagizwe n'ibyiciro byose by'abaturage: abana, abakuru, abize, abatarize, abahinzi, abamugaye, abarwayi, abacuruzi, abarimu, abaganga, abakozi ba Leta, abanyamakuru,… Abicanyi na bo bari muri ibyo byiciro byose kandi umugambi wabo wari uwo kumaraho Abatutsi ngo kugira ngo abazavuka bazajye "*babaza uko Umututsi yasaga"* (Jean Pierre Chrétien et alii, 1995). Ni muri urwo rwego abaturage basanzwe, abize, abagize inzego z'umutekano (abajandarume, abaporisi, abasirikari, imitwe yitwaraga gisirikari yari yaratojwe ubwicanyi), abihayimana,… bijanditse muri Jenoside yibasiye Abatutsi. Jenoside yatijwe umurindi na bamwe mu bagize umuryango mpuzamahanga bicecekeye cyangwa se bafashije abateguye Jenoside nk'uko byagaragajwe n'abashakashatsi barimo Linda Melvern (2006), Ervin Staub (2015) n'abandi.

Mu rwego rwo kumenya ukuri kw'ibyabaye mu Rwanda, ibyakozwe ni byinshi muri iyi myaka 24 ishize Jenoside ihagaritswe na FPR-Inkotanyi. Mu byakozwe harimo ibyari bigamije kumenya impamvu za hafi n'iza kure zayiteye, abayigizemo uruhare n'ingaruka yagize. Muri ibyo, Inkiko Gacaca zagaragaje uruhare runini binyuze mu manza zaciwe n'ubuhamya bwatanzwe n'abitabiraga izo manza. Muri iki gihe ubushakashatsi buracyakomeje mu

[1] CNLG, 2015, *Gusobanukirwa Jenoside*, Kigali

[2] Ubushakashatsi bwakozwe na MINALOC mu 2004, nibwo bwa mbere bwagaragaje ko hari Abatutsi nibura bagera kuri miriyoni imwe n'ibihumbi mirongo irindwi na bine na cumi na barindwi (1, 074,017) bishwe muri Jenoside.

gucukumbura impamvu zateye Jenoside, uko yashyizwe mu bikorwa, ingaruka zayo, ipfobya n'ingengabitekerezo byayo (CCM, 2012). Ndetse n'abashakashatsi ku giti cyabo, baba Abanyarwanda cyangwa Abanyamahanga, bakomeje gucukumbura bagamije kumenya ubukana Jenoside yakoranywe mu bice bitandukanye by'Igihugu. Muri bo twavuga nka Yolande Mukagasana (1999, 2004), Philip Gourevitch (1998), Esther Mujawayo (2006), Jean-Paul Kimonyo (2008), Charles M. Kabwete (2010), Jean Hatzfeld (2003), Charles Mironko (2009, 2014), Dukundane Family (2009), Aimable Kubana (2010), Jean-Damascene Bizimana (2014) n'abandi. Kuri izi nyandiko kandi ni ngombwa kongeraho izavuye mu bushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi bumaze gukorwa ku duce dutandukanye tw'u Rwanda, zigaragaza umwihariko w'ubwicanyi bwahabereye. Muri zo twavuga izakozwe ku duce tw'Amayaga (Faustin Rutembesa & Ernest Mutwarasibo, 2008), Nyarubuye (Paul Rutayisire & Privat Rutazibwa, 2007), Murambi (Laurent Rutinduka, 2010) iyakozwe muri Perefegitura ya Gisenyi (CNLG, 2015), muri Komini ya Rubungo n'iya Gikomero (Philibert Gakwenzire, 2017), iyakozwe mu Karere ka Gasabo (2018), iyakozwe na MININFRA n'izindi nyigo zigikorwaho. Ibigo n'inzego za Leta n'izigenga na byo byashishikarijwe kwandika amateka ku bahoze ari abakozi babyo b'Abatutsi bazize Jenoside, mu rwego rwo kumenya ukuri kose ku byabaye ahongaho bakoreraga. Ubwo bushakashatsi buba bugamije gusesengura byimbitse ibyerekeye Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu rwego rwo kwirinda ko amahano nk'ayo yazongera kubaho, haba mu Rwanda cyangwa n'ahandi ku isi.

Leta y'u Rwanda imaze gukora byinshi ifatanyije n'imiryango y'abacitse ku icumu n'abafatanyabikorwa mu gusubiza icyubahiro abishwe muri Jenoside no kongera gusubiranya umuryango nyarwanda. Intambwe imaze guterwa irashimishije ariko haracyari byinshi byo gukorwa ngo ukuri kose kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda kumenyekane, kuva ku rwego rw'Igihugu rwari rukuriwe n'ubuyobozi bubi bwayiteguye bukanayishyira mu bikorwa, kugeza ku rwego rw'umuryango ndetse n'umuntu ku giti ke wakozweho n'uwo mugambi mubisha. Kumenya ukuri kuri Jenoside bifasha komora ibikomere by'abayirokotse, kubaka no kubungabunga amateka ayerekeye no guhangana n'abayihakana n'abayipfobya.

Igisobanuro cyo gukora ubushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994 ku rwego rw'uturere n'ibigo bya Leta n'ibyabikorera gikubiye mu Mwanzuro wa 2 w'Inama y'Igihugu

ya 13 y'Umushyikirano yateranye ku matariki ya 21 na 22 Ukuboza 2015[3]. Abari muri iyo nama basabwe gukomeza gukora ubushakashatsi kuri Jenoside mu rwego rw'umuco w'Abanyarwanda umaze gushinga imizi wo kwigira no kwishakamo ibisubizo. Ni yo mpamvu Minisiteri ya Siporo n'Umuco ifatanyije na Minisiteri y'Urubyiruko zakoze ubushakashatsi bwimbitse ku bakozi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994 bahoze bakorera Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe (MIJEUMA), hiyongereyeho abakoreraga inzego zari ziyishamikiyeho, birimo abakinaga siporo zitandukanye.

### 1.1. Intego z'ubushakashatsi

#### 1.1.1. Intego nkuru

Intego nkuru y'ubu bushakashatsi ni ugufasha Minisiteri ya Siporo n'Umuco na Minisiteri y'Urubyiruko kumenya no kubungabunga amateka y'abari abakozi bakoreraga Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe n'abakoraga mu nzego zari ziyishamikiyeho kugeza muri 1994 bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

#### 1.1.2. Intego zihariye

Intego zihariye z'ubushakashatsi ni izi zikurikira:

1) Gukora urutonde no gukusanya amakuru yimbitse ku bazize Jenoside no kubungabunga amateka hagaragazwa uko bishwe n'uko bashyinguwe;
2) Gukora urutonde rw'ababakomokaho barokotse no kugaragaza uko bitaweho muri iki gihe;
3) Gufasha abarokotse Jenoside gukira ibikomere basigiwe na yo;
4) Kugaragaza uruhare n'ibikorwa bya MINIYOUTH na MINISPOC mu kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi no mu kurwanya ingengabitekerezo yayo;
5) Gutanga umuganda ku kubaka ubumwe n'ubwiyunge mu bakozi ba MINIYOUTH na MINISPOC by'umwihariko no mu Banyarwanda muri rusange;
6) Gutanga umusanzu mu kumenyekanisha ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda binyuze mu nyandiko zicukumbuye;

[3] Uwo mwanzuro wa 2 ugira uti: «*Gukomeza gusigasira no kurinda ibyiza twagezeho dukesha inkiko gacaca*»

Guha MINIYOUTH na MINISPOC ibitekerezo ku hakubakwa urwibutso ruriho amazina y'abazize Jenoside bakoraga muri MIJEUMA n'izindi nzego zari ziyishamikiyeho.

### 1.2. Ishingiro ry'ubushakashatsi n'icyuho bwaje kuziba

Ubushakashatsi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi ku rwego rw'Uturere n'inzego zihariye ziracyari nke cyane ugereranyije n'izo ku rwego rw'Igihugu. Ibyo bituma amateka y'uko iyo Jenoside yakozwe atamenyekana uko bikwiye bikanatera icyuho mu bumenyi abantu, cyane cyane abakiri bato, bakwiye kuyigiraho. Kugeza ubu kandi ubushakashatsi burambuye kuri Jenoside yakorewe mu hahoze ari inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta nka za minisiteri buracyari mu ntangiriro, kuko inzego nke za Leta ari zo zabukoze[4]. Ni ukuvuga ko ibizava muri ubu bushakashatsi bizafasha gusobanukirwa kurushaho uko yateguwe, uko yashyizwe mu bikorwa, ingaruka zayo ndetse n'igikwiye gukorwa mu guhangana na zo.

### 1.3. Uburyo bwakoreshejwe

Kugira ngo umuntu asobanukirwe ibijyanye na Jenoside yakorewe Abatutsi bakoreraga MIJEUMA n'inzego zari ziyishamikiyeho agomba kwibanda ku gukusanya amakuru yose ashoboka ku mitegurire, imigendekere n'ingaruka zayo, mu bihe bitandukanye by'amateka y'u Rwanda, akayakura mu byiciro byose by'abashobora kuyatanga.

Ubu bushakashatsi ku bahoze ari abakozi ba MIJEUMA bazize Jenoside kandi bwagendeye ku iyigamiterere rifasha mu gucukumbura amakuru yose ajyanye no kumenya abahoze ari abakozi ba Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe bazize Jenoside yakorewe Abatutsi, uko bishwe, abagize imiryango yabo barokotse n'ingaruka byagize ku miryango yabo, Minisiteri bakoreraga n'Igihugu muri rusange.

#### 1.3.1. Ikusanyamakuru

Mu ikusanyamakuru, hakoreshejwe ibiganiro byimbitse n'abatangabuhamya bose bafite icyo bazi kuri Jenoside yakorewe abari abakozi ba MIJEUMA, barimo abacitse ku icumu

---

[4] Ibid.

n'abakoreraga MIJEUMA batahigwaga n'abandi bose bafite amakuru. Mu kuzuza amakuru no kuyemeza, hakozwe ibiganiro byo mu matsinda. Byongeye kandi, amakuru yatanzwe n'abatangabuhamya bava mu byiciro byose yujujwe n'ayo mu nyandiko z'imanza zaburanishirijwe muri Gacaca n'izo mu Rukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha (TPIR) rwa Arusha ku bashinjwe ibyaha bya Jenoside bafite aho bahuriye na MIJEUMA n'inzego zari ziyishamikiyeho na byo byatanze amakuru menshi yifashishijwe.

### 1.3.2. Abatanze amakuru n'uko batoranyijwe

Ubushakashatsi ku bahoze bakorera MIJEUMA n'inzego zari ziyishamikiyeho bureba abishwe bose muri Jenoside bazira ko ari Abatutsi. Gutoranya abatanga amakuru byibanze ku byiciro byose, harimo abaturage basanzwe, abayobozi cyanecyane abari abayobozi mu gihe cya Jenoside. Ku makuru arebana n'abishwe muri Jenoside, uburyo bwo kurangirirana ni bwo bwakoreshejwe kugira ngo amakuru yose aboneke kandi ahuzwe. Muri urwo rwego, ababajijwe bavuye mu byiciro byihariye bikurikira:

- ✓ Abacitse ku icumu bagize imiryango y'abahoze ari abakozi ba MIJEUMA;
- ✓ Abahoze ari abakozi bakoranaga na banyakwigendera muri MIJEUMA;
- ✓ Abagize inzego zihagarariye abacitse ku icumu rya Jenoside;
- ✓ Abandi bantu bari bazi banyakwigendera.

### 1.3.3. Isesenguramakuru

Inyandiko zivuga kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda hamwe n'izindi nyandiko zavuye mu bubikoshakiro bwa MINISPOC zafashije mu isesengura ry'amakuru yakusanijwe mu rwego rwo gusobanukirwa imibanire n'imikoranire hagati y'Abahutu n'Abatutsi muri minisiteri n'inzego zari ziyishamikiyeho, n'inkomoko y'urwango hagati y'Abahutu n'Abatutsi mu gihe cy'ubukoroni, kuri Repubulika ya mbere n'iya kabiri.

# UMUTWE WA KABIRI: UBUMENYI RUSANGE KURI JENOSIDE

## 2.1. Ibisobanuro by'ijambo Jenoside

Jenoside ni ijambo ry'inyunge ryakoreshejwe bwa mbere n'umunyamategeko w'Umuyahudi witwa Raphaël Lemkin mu mwaka wa 1944, ashingiye ku ijambo ry'Ikigereki "*genos"* rivuga ubwoko cyangwa inkomoko, hamwe n'iry'Ikilatini "*cãedere"* risobanura kwica cyangwa kurimbura. Mu gusobanura iri jambo, yagaragaje itandukaniro riri hagati ya Jenoside n'ibindi byaha ndengakamere byibasira inyokomuntu. Nk'uko asobanura, icyaha cya Jenoside gishingiye ku mugambi wo kurimbura burundu abantu bahuriye ku bwenegihugu, ubwoko, ibara ry'uruhu cyangwa idini. Ntabwo abantu barimburwa baba bazize ko bari ku rugamba cyangwa ngo bahorwe ibyaha bakoze, ahubwo bahorwa gusa icyo bari cyo (Totten & Parsons, 2009, 3-4).

Amasezerano mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye yemejwe ku itariki ya 9 Ukuboza 1948, agashyirwa mu bikorwa tariki ya 12/1/1951, amaze kwemezwa n'ibihugu byose bigize uwo Muryango, yavuze mu magambo yumvikanyweho (compromise) icyo Jenoside ari cyo. Muri aya masezerano, Jenoside bivuga kimwe muri ibi bikorwa bikurikira bikoranywe umugambi wo kurimbura bose cyangwa igice cy'abantu bahuriye ku bwenegihugu (national), ubwoko (ethnical), ibara ry'uruhu (racial) cyangwa idini[5]. Ibyo bikorwa ni ibi bikurikira:

- Kwica abantu b'itsinda rimwe (group) ;
- Gukomeretsa bikabije imibiri cyangwa ibitekerezo by'abantu b'itsinda rimwe (group);
- Gushyira abantu b'itsinda rimwe mu buzima bubi (conditions) ubigendereye bwatuma ugamije ko barimbuka bose cyangwa igice;
- Gushyiraho uburyo bubuza iryo tsinda kororoka ;
- Kwambura iri tsinda abana baryo bagahabwa irindi ridafite aho bahuriye.

Mu bushakashatsi bwakozwe kuri za Jenoside zabaye ku isi byagaragajwe ko kugira ngo Jenoside iyo ari yo yose ishoboke igomba kuba ishyigikiwe na Leta. Leta igira umugambi n'ubushake bisesuye (intention) byo gutsemba igice cy'abaturage bayo ikanabishyira mu

[5] UN Convention on the Prevention and Punishment of the Crime of Genocide (UNCG), 1948, Article 2

bikorwa. Impuguke mu bumenyi kuri Jenoside witwa Stanton Gregory yagaragaje ibyiciro byerekana umugambi w'itegurwa n' ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside. Yemeza ko ibyo byiciro bigenda byuzuzanya, ndetse rimwe na rimwe ibikorerwamo bikaba byabera icyarimwe[6].

Tugendeye kuri Jenoside zabaye hirya no hino ku isi, Jenoside iyo ari yo yose irategurwa kandi igira umurongo ntakuka igenderaho. Uwo murongo ni wo uhuza abasangiye ikerekezo kimwe cyo kuyikora, ukitwa ingengabitekerezo ya Jenoside isakazwa mu bantu benshi, ikagira imbaraga maze abantu bakayigenderaho bakemera kuyikora.

### 2.2. Umwihariko wa Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda

Bimwe mu byaranze ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi ni ibi bikurikira:

#### 2.2.1. Ubwicanyi ndengakamere bwakozwe mu gihe gito

Mu ijoro ryo ku wa 6 Mata 1994, indege ya Juvénal Habyarimana wari Perezida w'u Rwanda ikimara kuraswa, bariyeri zahise zishingwa hirya no hino uhereye mu Mugi wa Kigali. Abantu bicishwaga imihoro, ubuhiri buteyemo imisumari, amashoka, ibyuma, ibibando, za gerenade, imbunda n'ibindi. Ubwicanyi bw'abantu benshi bwahise bwibasira za kiriziya, ibitaro, inzu z'ubutegetsi, amashuri no mu giturage hose. Abatutsi bacukuzwaga ibyobo binini maze bakabajugunyamo ari bazima. Abenshi bahungiye muri za kiriziya, batewemo za gerenade zibica nabi, zibatanyagura ibihimba by'umubiri (Nyarubuye, Nyamata, Ntarama, Cyahinda n'ahandi). Abicanyi binjiragamo bagasonga inkomere bakoresheje imipanga, ibyuma, amacumu, amashoka yo gutema amajosi n'ibindi bihimba by'umubiri maze abadahise bapfa, bagasigara aho basambagurika. Nyuma yo gukomeretswa cyane abenshi bajugunywe mu migezi n'ahandi. Jenoside yagombaga gukorwa ku buryo nta n'umwe wagombaga kuyirokoka. Kubera iyo mpamvu, imirima, amashyamba, ibishanga n'imisozi byarajagajazwe kugira ngo abihishemo bavumburwe maze bicwe.

#### 2.2.2. Umubare munini w'abazize Jenoside n'abayikoze

Imibare yavuye mu ibarura ryakozwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu mu wa 2004

[6] Stanton. G., 8 Stages of Genocide [online] Available at http://www.genocidewatch.org

yerekana ko abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994 ari miriyoni imwe n'ibihumbi mirongo irindwi na bine na cumi na barindwi (1,074,017) bishwe mu mezi atatu gusa; na ho mu kegeranyo cyatanzwe n'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Inkiko Gacaca (SNJG) ku musozo w'imirimo yarwo mu wa 2012, rwatangaje ko umubare w'abagize uruhare mu bikorwa byo kwica, gusenya no gusahura urenga miriyoni n'ibihumbi magana abiri (1, 200,000). Iyi mibare irerekana ishusho y'uburemere bw'ingaruka Jenoside yasize ku muryango nyarwanda muri rusange no ku bayirokotse by'umwihariko.

### 2.2.3. Gusenyuka gukomeye kw'umuryango nyarwanda

Nk'uko byanditswe na Servilien Sebasoni (2000), Jenoside yakorewe Abatutsi yashenye umuryango nyarwanda mu mfatiro zose z'ubuzima: ubumuntu, imibereho n'imibanire. Ubuzima bwateshejwe agaciro abantu benshi b'inzirakarengane barabwamburwa. Umuryango nyarwanda watakaje ubumuntu mu buryo bwinshi. Abicwaga bambuwe agaciro n'ubumuntu n'ababicaga batabafitiye impuhwe. Aba na bo biyambuye imyitwarire iranga umuntu bambara iy'ubunyamaswa mu gihe bicaga urubozo abo bari barabanye igihe kirekire, bari barashakanye cyangwa bari basangiye ubuzima.

Ikigo Nyarwanda Kigamije Ubushakashatsi n'Ibiganiro Bigamije Amahoro (IRDP) cyakoze isesengura ku mpamvu zatumye Jenoside yakorewe Abatutsi ishoboka ku gipimo cyo hejuru. Uretse kuba abishwe n'abicanyi bari basangiye byose, harimo n'ibi bikurikira: indangamuntu zarimo ubwoko zatumaga byoroha kumenya Abatutsi bicwa hirya no hino; umuco wo kudahana wimakajwe guhera mu myaka ya za 60; imiterere y'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'ubw'ishyaka rya MRND zatumaga byoroha gutanga amabwiriza kandi agakurikizwa kuva hejuru kugeza hasi. Hari umuco wo kubaha abategetsi buhumyi watumye benshi bari urubyiruko n'injiji bitabira ubwicanyi, cyane ko bari babemereye gusahura iby'abishwe nta nkurikizi; gutegura abicanyi mu mutwe mu gihe kirekire no kugira umugambi wa Jenoside ibanga rikomeye; kubuza Abatutsi guhunga hashyirwaho za bariyeri hirya no hino; uburyo bw'imiturire butuma abantu baba baziranye cyane; ikizere n'uruhwiko Abatutsi bagize Jenoside itangiye aho bibwiye ko ari nk'ubwicanyi bwari bwarabanje bukabasiga, cyane ko n'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha yari yaramaze gusinywa. Hari nanone uruhare rw'itangazamakuru n'imyifatire idahwitse y'Umuryango Mpuzamahanga.

### 2.2.4. Jenoside yakozwe n'Abanyarwanda, ikorerwa Abanyarwanda kandi inahagarikwa n'Abanyarwanda

Nubwo Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994 yakozwe n'Abanyarwanda bayikorera abo basangiye Igihugu, yanahagaritswe n'Abanyarwanda bari bibumbiye mu Muryango wa FPR-Inkotanyi[7]. Ingabo za FPR-Inkotanyi zimaze kubona ko inzego za Guverinoma yiyise iy'Abatabazi zikajije umurego mu kwica abaturage cyanecyane uhereye tariki ya 9 Mata 1994, yasubukuye urugamba igamije kurokora abicwaga. Ingabo za FPR zarwaniraga kandi gutabara ingabo zayo zari zikubiwe i Kigali muri CND, gusenya ubushobozi bw'Interahamwe n'Ingabo za Leta zakoraga ubwicanyi hamwe no kugarura ituze, amahoro n'amategeko.

Abasirikare ba FPR-Inkotanyi barokoye abantu ibihumbi n'ibihumbi uko bagendaga barwana. Bahagaritse Jenoside nyuma y'insinzi ya gisirikare. Mu gihe Jenoside yabaga, abayikoraga n'ababakingiye ikibaba bakoraga ibishoboka ngo bahishe ibyabaye. Intumwa za FPR zazengurutse imijyi myinshi y'Afurika, iy'u Burayi n'iy'Amerika y'amajyaruguru zisobanura uko ibyabaga mu Rwanda ari Jenoside banasaba ko hashyirwaho Urukiko Mpuzamahanga rwo guhana abayiteguye bakanayishyira mu bikorwa. FPR kandi yegeranyije ubuhamya n'ibindi bimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi kugira ngo bizafashe mu kumenya ukuri ku byabaye byose.

[7] Byanafashe, D., & Rutayisire, P., (2011), *Amateka y'u Rwanda. Kuva mu ntangiriro kugeza mu kinyejana cya 20*. CNUR, pp. 558-600

# UMUTWE WA GATATU: MINISITERI Y'URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE (MIJEUMA) NA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI BAYIKORERAGA

## 3.1. Amavu n'amavuko ya Minisisteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe

Ubwo Jenoside yakorerewe Abatutsi yashyirwaga mu bikorwa muri Mata-Nyakanga 1994, Minisiteri yari ishinzwe Urubyiruko, Amashyirahamwe, Siporo n'Imyidagaduro yitwaga Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe. Yari izwi mu rurimi rw'Igifaransa nka *Ministère de la Jeunesse et du Mouvement Associatif*, ari byo MIJEUMA mu magambo ahinnye y'Igifaransa[8]. Ukurikije izi nshingano uko ari enye zari ziyigize mu mpera ry'ubutegetsi bwa Habyarimana, iyi minisiteri ifite amateka maremare afitanye isano na Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994.

U Rwanda rwatangiye kugira za minisiteri nyuma y'amatora ya Komini yabaye muri Kamena-Nyakanga 1960, ubwo Ishyaka rya MDR-PARMEHUTU ryayatsindaga ku buryo bwiganje. Ibyo byatumye rihabwa uburenganzira bwo gushyiraho guverinoma. Icyo gikorwa cyari mu nzira iganisha u Rwanda ku bwigenge. Guverinoma rero ya mbere yagiyeho mu Rwanda ku itariki ya 26 Ukwakira 1960 nubwo yari iy'agateganyo. Kuva icyo gihe kugera igihe Jenoside yakorerwaga Abatutsi mu wa 1994, inshingano zireba urubyiruko, amakoperative, siporo n'imyidagaduro ntizagiye zihabwa imbaraga kimwe cyangwa ngo zihite zihurizwa muri minisiteri imwe.

### 3.1.1. Uko inshingano zagiye zitekerezwa n'uko zagiye zihurizwa hamwe

#### 3.1.1.1 Urubyiruko n'Amashyirahamwe

Kuri guverinoma eshatu u Rwanda rwagize mbere y'ubwigenge, Minisiteri y'Imibereho Myiza y'Abaturage ni yo yonyine yagaragaje ko ifite Urubyiruko n'amashyirahamwe mu nshingazo zabo[9]. Inshingano zirebana na siporo n'imyidagaduro nta minisiteri n'imwe zagaragayemo.

---

[8] Muri iyi nyandiko, tuzajya dukoresha kenshi iyi mpine MIJEUMA, dushaka kuvuga Minisiteri yari ifite izi nshingano enye.

[9] République Rwandaise, Présidence de la République, Organisation de l'Administration centrale rwandaise de 1960 à nos jours, imprimé par l'ORINFOR, 1983 , p.7

Mu ivugurura rya Guverinoma ryabaye ku itariki ya 6 Gashyantare 1964, Minisiteri y'Ubusugire bw'Igihugu yahawe inshingano yo kwita ku bikorwa mboneragihugu by'Urubyiruko. Mu Gifaransa babyise *Service Civique de la Jeunesse*. Ni ukuvuga ko ibikorwa birebana n'urubyiruko byashyizwe muri minisiteri ebyiri.

Guhera mu wa 1960 kugera mu wa 1982 amashyirahamwe yakomeje kubarizwa muri Minisiteri y'Imibereho myiza y'Abaturage n'Iterambere Rusange. Muri iyo myaka yose, amashyirahamwe yari ashinzwe kumenyereza Abanyarwanda gukorera hamwe kugira ngo bongere umusaruro no kwimenyereza uburyo bunoze bwo kuwubyaza amafaranga. Ibigo byo guterana inkunga no kugurizanya na byo byabarizwaga muri iyi minisiteri. Iyi minisiteri kandi yari ifite abakozi bakoreraga ku kicaro cyayo n'abakoreraga hirya no hino mu gihugu bari bashinzwe gutera inkunga amashyirahamwe no kugenzura ibikorwa byayo. Kugera ku itariki ya 31 Ukuboza 1981, abari ku kicaro cyayo bari bazwi ku izina rya *inspecteurs* bari barindwi, hakaba n'abandi icumi bakoreraga muri za Perefegitura n'abandi batandatu bakoreraga muri Superefegitura. Ku rwego rwa Komini hakoreraga abandi ijana na makumyabiri bitwaga ba *encadreurs.*

Minisiteri y'Imibereho Myiza y'Abaturage n'Iterambere rusange kandi yakoranaga na minisiteri zitandukanye, ibigo bya Leta n'ibyigenga. Izo ministeri ni nka Minisiteri y'Ingabo kuko yari ishinzwe kwigisha urubyiruko uburere mboneragihugu, Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Minisiteri y'Imari kuko amashami ya banki z'abaturage n'ibindi bigo byo kugurizanya byari amashyirahamwe na Minisiteri y'Urubyiruko na Siporo kuko urubyiruko rwagira amatsinda yo kwiteza imbere[10].

Mu mpera za 1982, Minisiteri y'Imibereho Myiza y'Abaturage n'Iterambere Rusange yarasheshwe, inshingazo zayo zimurirwa mu zindi minisiteri. Guhera icyo gihe, Minisiteri y'Urubyiruko na Siporo yakiriye inshingano zirebana n'Amakoperative[11]. Kuva ubwo yahinduye izina yitwa Minisiteri y'Urubyiruko n'Amakoperative (MIJEUCOOPE). Guhera icyo gihe minisiteri yashyizeho ubuyobozi bukuru bushinzwe amakoperative- *Direction générale du Mouvement coopératif*. Ubwo buyobozi bukuru bwari bushinzwe gutanga

[10] Ministère des Affaires Sociales et du Développement Communautaire. Bilan de 20 ans d'indépendance ( 1962-1982), pp.44-

[11] Hategekimana Emmanuel, Kigali, le 18/07/2018

amahugurwa, gukurikirana ibikorwa by'amashyirahamwe no kuyatera inkunga.

Mu wa 1988 hatowe itegeko rigenga amakoperative mu Rwanda. Mbere yaho nta murongo uhamye wariho ugenga amakoperative. Ikigo *Iwacu* kiri ku Kabusunzu ni cyo cyari gishinzwe ibya tekiniki mu bijyanye n'amakoperative. Icyo gihe kandi Perezida Juvénal Habyarimana yise umwaka wa 1988 uw'urubyiruko. Kuva ubwo urubyiruko rwagenewe ibikorwa by'amashyirahamwe kurushaho. Ku itariki ya 9 Nyakanga 1989, Koloneli Ndindiriyimana Augustin wayoboraga iyo minisiteri yimuriwe mu y'Ubwikorezi n'Itumanaho (MINITRANSCO) asimburwa na Callixte Nzabonimana wayiyoboye kugeza mu gihe cya Jenoside. Callixte Nzabonimana yari avuye ku buyobozi bw'Ikigo cy'ubushakashatsi n'amahugurwa ku makoperative "Iwacu A.S.B.L". Iki kigo cyashinzwe mu mwaka w'1984 ku bufatanye bwa Leta y'u Rwanda n'iy'u Busuwisi kugira ngo kite ku mahugurwa, ubujyanama n'ubushakashatsi ku makoperative. Ibyo byerekana ko Nzabonimana yajyanwe muri iyi minisiteri kubera ubumenyi Leta yamubonagamo ku birebana n'amashyirahamwe.

**3.1.1.2. Urubyiruko, Siporo n'Imyidagaduro**

Muri Guverinoma yagiyeho ku itariki ya 22 Gashyantare 1972, inshingano zirebana n'urubyiruko zari muri Minisiteri y'Imibererehо Myiza n'Iterambere Rusange naho izirebana na Siporo zikaba muri Minisiteri y'Ubusugire bw'Igihugu zahurijwe hamwe kandi zihabwa imbaraga kurushaho ziremerwa *Secrétariat d'Etat à la Jeunesse et aux Sports.* Iyo minisiteri imaze kujyaho, yayobowe na Bizimana André, wari umusirikare ufite ipeti rya kapiteni[12].

Kuba uru rwego rushyashya rwarahawe umusirikare ngo aruyobore bigaragaza imbaraga Perezida wa Repubulika, Grégoire Kayibanda, yashakaga kuruha agendeye ku rubyiruko. Inshingano nkuru iyo minisiteri yahawe yari iyo gushinga ibikorwa byo gukorera hamwe bijyanye n'imibereho myiza, ubukungu n'imyuga no kubiteza imbere[13]. Umuntu yakongeraho ko guhuriza urubyiruko na siporo muri minisiteri imwe byari ukugira ngo urwo rubyiruko rudasinzira kandi ari rwo mbaraga z'Igihugu.

Aho Repubulika ya Kabiri iziye, Général-Major Juvénal Habyarimana na we yagendeye mu

[12] Présidence de la République, *Organisation de l'administration centrale rwandaise de 1960 à nos jours,* ORINFOR, juillet 1983, pp. 42-55

[13] Séminaire des responsables nationaux des Mouvements de la Jeunesse, Centre de Pastorale Saint Paul du 7 au 10 Avril, 1990, p. 43


murongo wa Perezida Ggéroire Kayibanda yari amaze guhirika. Muri Guverinoma ya mbere yagiyeho aho amariye gufata ubutegetsi, ya *Secrétariat d'Etat* yari ishinzwe Urubyiruko na Siporo yahawe intera yo kuba minisiteri, yitwa *Ministère de la Jeunesse.* Ku nshingano zijyanye n'urubyiruko na siporo hiyongereyeho iy'imyigadagaduro. Bityo, yagize inzego ebyiri z'ubuyobozi bukuru ari bwo buyobozi bukuru bwari bushinzwe urubyiruko, *Direction Génerale: Jeunesse* n'ubwari bushinzwe Siporo n'Imyidagaduro, *Direction Générale: Sports et Loisirs.*

Ubuyobozi bukuru bw'urubyiruko bwari bushinzwe amahurugwa, gutegura no kurangira urubyiruko imyuga rwakora, kwita ku mashyirahamwe y'urubyiruko ajyanye no kwiteza imbere mu bukungu n'ajyanye n'imyidagaduro. Ubundi Buyobozi Bukuru - *Direction Générale: Sports et loisirs*- bwari bushinzwe siporo yo mu makipe n'iy'abantu ku giti cyabo. Ubwo buyobozi bukuru bwari bufite kandi ikiciro cyari gishinzwe imyidagaduro n'imyiyereko - *Direction des Loisirs et Folklore*. Ibyo byakomeje bityo kugera mu wa 1994. Kugera kandi icyo gihe, nk'uko turi buze kubigarukaho, ishami ryari rishinzwe imyidagaduro ryayoborwaga na Bikindi Simon wagize uruhare rukomeye mu gukwirakwiza urwango mu Banyarwanda no kugira uruhare mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside.

### 3.1.1.3. Imiterere ya Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe

MIJEUMA yayoborwaga na Minisitiri akaba yari yungirijwe n'Umunyamabanga Mukuru wari ufite mu nshingano ze imirimo y'ubunyamabanga, imicungire y'abakozi, ibaruramari no guhuza minisiteri n'izindi nzego za Leta. Munsi y'ubunyamabanga bukuru, minisiteri yari ifite amashami atatu ari yo ishami rishinzwe siporo n'imyidagaduro, ishami rishinzwe urubyiruko n'ishami rishinzwe amashyirahamwe. Aya mashami uko ari atatu, na yo yari afite udushami dutandukanye twafashaga minisiteri gusoza inshingano zayo. Dukurikije imiterere y'iyi Minisiteri, n'urutonde yahembeyeho abakozi umushahara wabo w'ukwezi kwa Werurwe 1994, MIJEUMA yari ifite abakozi 544 barimo abakozi 190 bagengwaga n'itegeko ry'abakozi ba Leta (sous-statut) n'abakozi 354 bari bafite amasezerano y'umurimo adahoraho (Sous-contrat). Muri aba bakozi, hari abakoreraga ku kicaro cya minisiteri, abandi bagakorera kuri za Perefegitura, Superefegitura na Komini. Ufashe bakozi bose bakoreraga MIJEUMA, Abatutsi bari 49 bahwanye na 9%. Jenoside yakorewe abatutsi itangira, nta Mututsi n'umwe wari mu mwanya w'ubuyobozi kubera poritiki yo gupyinagaza Abatutsi yari yarimakajwe mu gihugu. Muri ba bakozi 49 b'Abatutsi, 37 bahwanye na 75% barishwe, harokoka 12

bararokoka.


MINISTRE
Secrétaire General
Bureau Gestion
Bureau Gestion des crédits
Bureau Relations Publiques
Bureau Courriers & Archives
Dir. Gen. des Sports &
Dir. Gen. du Mouvement Associatif
Dir. Gen. de la Jeunesse
Direction Plannification
Direction sports
Direction Folklore &
Direction des cooperatives
Direction encadrement & Formation
Div. Inspection & Evaluation
Division Plannification
Div. E.P.S
Div. Activités Sportives
Div. Folklore
Div. Loisirs
Div. Assistance
Div. Encadrement & Formation
Div. Formation
Div. Encadrement
Div. Production
Bureau Evaluation & Controle
Bureau Legislation & Contentieux
Bureau Documentation E.P.S
Bureau Sports d'équipe
Bureau Sports individuel
Bureau Assistance & Controle
Bureau Formation
Bureau Programmes
Bureau Approvion-nement
Bureau Etudes des Marchés
Bureau Statistiques
Bureau Jeunesse & Cooperative
Bureau Sports
Bureau Ballet Rwandais
Bureau Loisir Socio-Educatif
Bureau Mvt des Jeunesse
Bureau Groupement socio-Econ.

Mu magambo avunaguye, amateka ya za minisiteri mu Rwanda ahera mu wa 1960. Guhera icyo gihe kugera ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi yashyirwaga mu bikorwa muri Mata-Nyakanga 1994, imiyoborere y'u Rwanda ishingiye kuri za minisiteri yari imaze imyaka mirongo itatu n'ine. Muri iyo myaka yose, hagiyeho guverinoma zitandukanye. Hari izajyagaho nyuma y'amatora y'Umukuru w'Igihugu n'abagize Inteko Ishinga Amategeko hakaba n'izajyagaho igihe cyose Perezida wa Repubulika yabaga ashatse kuzivugurura. Ni muri Urwego, inshingano runaka zatekerezwagaho, zigashyirwa muri minisiteri iyi cyangwa iriya nk'uko twagiye tubibonana. Ni na ho kandi abayobozi baboneraga umwanya wo kuziha imbaraga, kuzihuriza hamwe, kuzitandukanya cyangwa kuziha umurongo runaka. Ni yo mpamvu usanga kugera igihe Jenoside yakorerwaga Abatutsi, minisiteri yitwaga MIJEUMA yari ibumbiyemo inshingano enye ari zo Urubyiruko, Amashyirahamwe, Siporo n'Imyidagaduro. Bityo, iyo minisiteri nyirizina igasa nk'aho yavutse mu myaka icumi nyuma y'ubwigenge. Mu wa 1989 Minisiteri y'Urubyiruko n'Amakoperative (MIJEUCOOPE) yahinduriwe inyito, yitwa Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe (MIJEUMA) ari na ryo zina yakomeje kugera igihe cya Jenoside.

### 3.2. Abaminisitiri bayoboye MIJEUMA

Mu kuvuga ku bayoboye iyi minisiteri, umuntu yahera mu wa 1972 ubwo Minisiteri y'Urubyiruko na Siporo yajyagaho kugera ku itariki ya 18 Nyakanga 1994 Guverinoma y'Abatabazi iraye iri busimbuzwe Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda. Muri iyo myaka makumyabiri n'ibiri, iyo minisiteri yayobowe n'abaminisitiri umunani, batanu muri bo bari abasirikare bo mu rwego rwo rukuru. Abasiviri na bo bayiyoboye bamwe bari abatoni ba Perezida Habyarimana kandi ari abayoboke b'ingoma ye.

#### 3.2.1. Capitaine André Bizimana

Ku itariki ya 21 Gashyantare 1972, umusirikare André Bizimana wari ufite ipete rya capitaine yahawe kuyobora Sekeretariya ya Leta ishinzwe Urubyiruko na Siporo. Yayiyoboye kugera ubwo Generali Juvénal Habyarimana ahiritse ubutegetsi bwa Perezida Grégoire Kayibanda mu ijoro ryo ku itariki ya 4 rishyira iya 5 Nyakanga 1973[14]. André Bizimana yakomokaga muri Komini ya Masango muri Perefegitura ya Gitarama.Yarangije mu ishuri ry'u Rwanda rya

---

[14] République Rwandaise, Présidence de la République, Organisation de l'Administration centrale rwandaise de 1960 à nos jours, imprimé par l'ORINFOR, 1983, p. 135

gisirikari mu kiciro (Promotion) cya kane mu wa 1964[15].

Capitaine André Bizimana yinjiye muri poritiki ate? Ahagana mu wa 1970, Perezida Grégoire Kayibanda yatangiye kwishisha abasirikare bakuru bamokokaga mu majyaruguru y'u Rwanda ahari hakunze kwitwa mu Rukiga. Icyo gihe nibwo yari atangiye kugirana ubwumvikane buke n'abanyaporitiki bakomokaga muri ako karere. Ibyo byatumye Kayibanda yiyegereza Capitaine André Bizimana wakomokaga mu gace kamwe na we bitaga Nduga kugira ngo amufashe kugenzura imikorere y'abasirikare bagenzi be bakomokaga mu majyaruguru. Kayibanda yanamushinze gushaka abasore bakomokaga i Gitarama ngo binjire ari benshi mu gisirikare, mu giporisi no mu nzego zishinzwe iperereza. Ni muri urwo rwego yamushyize muri guverinoma amushinga urubyiruko na siporo. Igihe Habyarimana yafataga ubutegetsi, Bizimana ari mu bakoranaga na Kayibanda bya hafi bafunzwe nyuma baza no kwicwa.

### 3.2.2. Major Jean Nepomuscène Munyandekwe

Major Jean Népomuscène Munyandekwe yakomokaga i Gitarama. Yarangije mu ishuri rya gisirikare ry'u Rwanda mu kiciro cya kabiri mu wa 1963[16]. Ari mu basirikare cumi n'umwe bafatanye ubutegetsi na Habyarimana. Abo basirikare bahise bisaranganya za minisiteri baziyobora by'agateganyo kugera ubwo Habyarimana ashyizeho guverinoma nshya ku itariki ya 01 Kanama 1973. Bityo, Munyandekwe yayoboye iyi minisiteri guhera ku itariki ya 5 kugera ku ya 31 Nyakanga 1973.

### 3.2.3. Commandant Pierre Célestin Rwagafirita

Commandant Pierre Célestin Rwagafirita akomoka muri Komini ya Kigarama muri Perefegitura ya Kibungo. Yarangije mu ishuri rya gisirikare ry'u Rwanda mu kiciro cya gatatu mu wa 1964. Ari mu bafatanye ubutegetsi na Perezida Habyarimana. Icyo gihe yahise ayobora Minisiteri y'Abakozi, nyuma aza guhabwa Minisiteri y'Urubyiruko na Siporo guhera ku itariki ya 1 Kanama 1973 kugera ku ya 10 Kamena 1975. Yavuye muri guverinoma ajya kuyobora Jandarumori y'Igihugu kugera asimbuwe na Colonel BEM Augustin Ndindiriyimana mu wa

---

[15]André Guichaoua, Les Camarades du 5 juillet et les premières promotions d'officiers des Forces armées rwandaises,Http://rwandadelaguerreaugenocide.univ-paris1.fr/wp-content/uploads/2010/01/Annexe_1.pdf, byasomwe kuwa 16/09/2018.

[16]Ibidem

1992.

Rwagafirita ari mu bagize uruhare rukomeye mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi. Mu nyandiko Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside yashyize ahagaragara mu mpera z'umwaka wa 2016, igaragaza uruhare rwa Georges Martres wahoze ari Ambasaderi w'u Bufaransa mu Rwanda kuva mu wa 1989 kugeza mu wa 1993. Muri iyo nyandiko, Dr Jean Damascène Bizimana yasobanuye ko Ambasaderi yaganiriga n'abayobozi bakuru bari bashinzwe umutekano mu gihugu ari bo Colonel Serubuga Laurent wari umugaba w'ingabo wungirije mu gisirikare cy'u Rwanda na Colonel Rwagafirita. Muri urwo ruhererekane rw'amakuru, Rwagafirita yahishuriye Jenerali Jean Varret, umuyobozi w'ubufatanye mu bya gisirikare kuva mu Ukwakira 1990 kugeza muri Mata 1993, ko Abatutsi ari bake cyane, ko bazabarimbura[17][18].

Mu gihe cya Jenoside, Rwagafirita yagize uruhare mu irimburwa ry'Abatutsi mu Burasirazuba bw'u Rwanda, by'umwihariko muri Perefegitura ya Kibungo aho yari ashinzwe icyo gikorwa. Ahaguye Abatutsi benshi muri Kibungo, haba ku bigo by'abihayimana, ku biro by'ubuyobozi n'ahandi, Rwagafirita yabigizemo uruhare. Mu batanze amakuru n'ubuhamya mu rubanza rwa Octavien Ngenzi na Tito Barahira bahoze ari ba burugumesitiri ba Komini Kabarondo, bavuze ko yahagarikiye ubwicanyi bwabereye kuri Paruwasi ya Kabarondo. Ku itariki ya 13 Mata 2018, ubwo bwicanyi ni bwo bwabaye rurangiza[19].

Colonel Rwagafirita yitwaga umubyeyi wa batisimu wa Kibungo. Yagiraga uruhare rwo gushyirishaho abayobozi bose muri iyo Perefegitura, guhera kuri Perefe kugera kuri Konseye wa Segiteri. Bityo, yari yubashywe na bose. Ni na we wari waragejeje Ngenzi na Barahira ku buyobozi bwa Komini ya Kabarondo. Ubwo bwicanyi bwatangiye saa saba z'amanywa, mu gihe mu gitondo uko ari batatu bari biriwe bagenzura kiriziya Abatutsi bari bahungiyemo.

---

[17] CNLG yagaragaje uruhare rw'Abafaransa muri Jenoside yakorewe Abatutsi, http://www.african-peoplesvoice.com/cnlg-yagaragaje-uruhare-rw-abafaransa-muri-Jenoside-yakorewe-abatutsi/, byarebwe ku wa 17/09/2018.

[18] Ibidem

[19] Sehene Ruvugiro, Kabarondo: «Mutangire mukore ahandi barangije» (Barahira) http://paxpress.rw/amakuru/ubutabera/article/kabarondo-mutangire-mukore-ahandi-barangije-barahira, byarebwe ku wa 17/09/2018

### 3.2.4. Siméon Nteziryayo

Yakomokaga mu Bugarama muri Perefegitura ya Cyangugu. Amashuri yisumbuye yayize muri "*Collège Interracial de Bukavu* » muri Kongo mbiligi ahagana mu wa 1960. Yakomereje muri Kaminuza ya Liège mu Bubiligi aho yakuye impamyabushobozi mu ibarurishamibare (ingénieur statisticien). Mu mashuri yisumbuye yiganye na Juvénal Habyarimana. Kuva ubwo babanye neza. Aho afatiye ubutegetsi yamugize inkoramutima ye. Yagiye amushyira muri za guverinoma uko zagendaga zisimburana. Yinjiye muri guverinoma bwa mbere ku itariki ya 11 Kamena 1975 ari nabwo yari agiye kuyobora Minisiteri y'Urubyiruko. Yayiyoboye kugera ku wa 7 Mutarama 1979. Nyuma yahawe kuyobora Minisiteri y'Imirimo ya Leta. Guhera ku itariki ya 08 Gashyantare 1982 kugera ku ya 2 Gashyantare 1991 yayoboye minisiteri zishamikiye kuri perezidansi. Muri icyo gihe yakoranaga na Perezida Habyarimana nka minisitiri w'intebe we nubwo nta bubasha busesuye yari afite ku bandi baminisitiri[20]. Kubera uwo mwanya yamazemo igihe kirekire, ibyemezo bya poritiki n'ubuyobozi byafatwaga mu gihugu yabigiragamo uruhare. Christophe Mfizi na we wakoranye n'ubutegetsi bwa Habyarimana bya hafi yemeza ko byageze aho n'abari bashinzwe iperereza mu gihugu babanzaga kumugezaho raporo zabo mbere y'uko zigezwa aho zagombaga kujya. Ikindi ni uko yakoranye bya hafi n'abari mu kazu nk'uko Christophe Mfizi nabyo abihamya[21].

### 3.2.5. Colonel Aloys Nsekalije

Colonel Aloys Nsekalije yayoboye Minisiteri y'Urubyiruko guhera ku itariki ya 8 Mutarama 1979 kugera ku ya 28 Werurwe 1981. Muri iki gihe, yibanze ku bukangurambaga bw'urubyiruko bushingiye ku moko, aho gutoranya urubyiruko rwagombaga guhugurwa mu bijyanye n'imyuga.

Guhera ku itariki 28 Werurwe 1981, yahinduriwe imirimo agirwa Minisitiri w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye. Muri iyo minisiteri niho yakomereje gahunda y'iringaniza mu burezi aho yatangaga amabwiriza ku bayobozi mu nzego z'ibanze n'amashuri kutarenza umubare w'abana b'Abatutsi bagombaga kwakirwa mu mashuri yisumbuye na kaminuza.

---

[20] http://rwandadelaguerreaugenocide.univ-paris1.fr/wp-content/uploads/2015/11/From-War-to-Genocide-Box-4.pdf, p.1

[21] Tribunal Pénal International pour le Rwanda, Affaire N° ICTR-2001-73, Le Procureur chambre III c. Protais Zigiranyirazo, Procès, Jeudi 22 juin 2006 9h 50, 21

### 3.2.6. Félicien Gatabazi

Félicien Gatabazi yavukiye muri Komini Mbazi, muri Perefegitura ya Butare. Yize iby'ubwubatsi mu Bubiligi (Université de Louvain). Yakoze imirimo inyuranye. Yabaye Umuyobozi wungirije w'imirimo muri Kaminuza y'u Rwanda, Umuyobozi mukuru muri Minisiteri y'Imirimo. Iyo minisiteri yaje no kuyibera Umunyamabanga mukuru. Nyuma yagiye muri guverinoma zinyuranye guhera ku itariki ya 8 Ukuboza 1977, ubwo Habyarimana yamushingaga minisiteri yitwaga *Ministère des Travaux Publics et de l'Equipement.* Yayoboye Minisiteri y'Urubyiruko na Siporo muri guverinoma yagiyeho ku itariki ya 29 Werurwe 1981 ayisimburwaho na Major BEM Augustin Ndindiliyimana ku itariki ya 8 Gashyantare 1982[22]. Guhera ku itariki ya 8 Mutarama 1984 kugera igihe amashyaka menshi agarukiye mu Rwanda, Félicien Gatabazi ntiyigeze asubira muri guverinoma ya Perezida Habyarimana, ahubwo guhera icyo gihe yarafunzwe. Mu wa 1992, yabaye Umunyamabanga Mukuru w'ishyaka PSD, anayobora Ministeri y'Imirimo ya Leta, *Minisère des Travaux Publics.* Yapfuye mu ijoro ryo ku itariki ya 21 Gashyantare 1994 arasiwe ku irembo iwe ataha.

### 3.2.7. Colonel Augustin Ndindiliyimana

Augustin Ndindiliyimana yavukiye muri Komini Nyaruhengeri muri Perefegitura ya Butare mu 1943. Guhera mu wa 1973, yayoboye minisiteri zitandukanye zirimo iy'urubyiruko, siporo n'imyidagaduro yahawe guhera ku itariki ya 8 Gashyantare 1982 kugera ku ya 9 Nyakanga 1989. Guhera icyo gihe yagiye kuyobora Minisiteri y'Ubwikorezi n'Itumanaho atamazeho igihe kinini kuko mu ivugurura rya guverinoma ryabaye mu wa 1991 yagizwe minisitiri muri perezidansi ushinzwe ubusugire bw'igihugu kugeza muri Mata 1992. Ku itariki ya 02 Nzeri 1992, yagizwe umukuru wa Jandarumori. Uwo mwanya yawubayemo kugera Jenoside irangiye muri Nyakanga 1994.

Ku itariki ya 28 Mutarama 2000 Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwagiriyeho u Rwanda Arusha muri Tanzaniya rwamureze kuba mu bacuze umugambi wa Jenoside, icyaha cya Jenoside n'icyaha kibasira inyokomuntu. Yareganywe n'abandi basirikare bari bakuru mu ngabo z'u

---

[22] André Guichaoua, *Rwanda 1994: les politiques du génocide à Butare, Editions Karthala, p.38*

Rwanda mu gihe cya Jenoside ari bo Augustin Bizimungu, François-Xavier Nzuwonemeye na Innocent Sagahutu.

Augustin Ndindiliyimana yafatiwe mu Bubiligi ku itariki ya 29 Mutarama 2000. Ku itariki ya 22 Mata 2000 ajanwa mu rukiko rwaburanishije imanza za Jenoside yakorewe Abatutsi Arusha. Yatangiye kuburana ku itariki ya 27 Mata 2000 ahita ahakana ibyaha byose yaregwaga. By'umwihariko, Ndindiriyimana yaregwaga ko guhera mu mpera z'umwaka wa 1990 kugera muri Nyakanga 1994, yabaye mu bacuze umugambi wo kurimbura Abatutsi kandi akanagira n'uruhare mu kuwushyira mu bikorwa. Nk'umwe mu bayoboranye Igihugu na Perezida Habyarimana, uwo mugambi yaregwaga wari ugizwe no kubiba urwango n'irondabwoko, gutoza imitwe yitwaraga gisirikare no kuyiha intwaro, no gukora urutonde rw'abagombaga kwicwa mu ikubitiro. Urukiko rugendeye ku mwanya w'ubuyobozi yari afite mu gihugu, rwamuregaga kugira uruhare mu gutegura uwo mugambi, gutanga amabwiriza yo kuwushyira mu bikorwa no kuba ubwe yarishe.

Mu gutegura umugambi wo kurimbura Abatutsi no kwica abanyaporitiki batavugaga rumwe na Leta, guhera mu wa 1992, ubuyobozi bwa gisirikare na gisivire bahaye intwaro Interahamwe n'abaturage. Kubera ko izo ntwaro zari zuzuye mu mugi wa Kigali, abasirikare bari baroherejwe n'Umuryango w'Abibumbye kugira ngo bafashe u Rwanda mu gushyira mu bikorwa amasezerano ya Arusha, mu ntangiriro z'umwaka wa 1994, bashyizeho gahunda yo gukusanya izo ntwaro.

Abo basirikare bagombaga gufatanya na Ndindiliyimana wari ukuriye Jandarumori ariko nta cyo bagezeho gifatika. Ibyo bikaba byaratewe n'uko Ndindiliyimana yabaga yaramenyesheje Mathieu Ngirumpatse wari Perezida wa MRND gahunda yariho. Ngirumpatse na we akamenyesha Interahamwe zikimura izo ntwaro. Ku itariki ya 10 Mutarama 1994, umwe mu bayobozi b'Interahamwe yabwiye abayoboraga abasirikare b'Umuryango w'Abibumbye ko hari intwaro zigenewe kuzica Abatutsi zari zihishe ahantu henshi mu mugi wa Kigali. Ku itariki ya 13 z'uko kwezi, abo basirikare baje kuvumbura ko intwaro nyinshi zari zihishe ahantu hatandukanye hakurikiranwaga n'abayobozi ba MRND. Inyinshi zari ku Kimihurura aho ikicaro k'iri shyaka cyakoreraga no mu nzu ya Ndindiriyimana ubwe.

Abanyaporitiki b'Abahutu b'intagondwa babonaga Abasirikare boherereje n'Umuryango w'Abibumbye bari mu mutwe uzwi ku izina rya MINUAR nk'abaje kubangamira umugambi

wabo wo kumaraho Abatutsi. Bityo, izo ntagondwa zakoraga uko zishoboye ngo zibangamire akazi kabo. Abasirikare bari bibasiwe cyane ni Ababiligi kuko ari bo bari bakomeye kandi bafite n'ibikoresho byo mu rwego rwo hejuru. Intagondwa z'Abahutu zashakaga kubananiza ngo batahe. Ku itariki ya 7 Mutarama 1994, Ndindiliyimana n'abandi bayobozi bakomeye b'u Rwanda bakoreye inama ku biro bikuru bya MRND aho bafatiye umwanzuro wo kubangamira abasirikare b'Ababirigi.

Mu ijoro ryo ku itariki ya 6 rishyira iya 7 Mata 1994, abasirikare b'Ababiligi bari mu mutwe wa MINUAR bategetswe kujya guherekeza Minisitiri w'Intebe Agathe Uwilingiyimana ngo ajye kuvugira ijambo ryo guhumuriza Abanyarwanda kuri Radiyo Rwanda. Bageze iwe, hafi saa kumi n'imwe za mugitondo bafashwe n'ingabo z'u Rwanda bamburwa intwaro. Basabye ko babajyana ku kicaro gikuru cya MINUAR barabangira ahubwo babajyana muri Camp Kigali. Bari kumwe n'abandi basirikare baturuka mu gihugu cya Ghana ariko bo barabareka baragenda. Bagenzi babo b'Ababiligi bagerageje guhangana n'abasirikare b'u Rwanda ariko birangira babiciye muri Camp Kigali iri hafi y'ishuri rikuru rya gisirikare aho Ndindiliyimana yari mu nama. Nk'uwari ushinzwe umutekano muri Kigali akaba yaranakoranaga na MINUAR ku buryo by'umwihariko, yamenyeshejwe akaga abasirikare b'Ababiligi barimo. Aho kugira icyo akora yikomereje inama kugera irangiye i saa sita z'amanywa.

Mu gihe cya Jenoside, Ndindiliyimana yari azi ko Abatutsi bamwe barimo kwicwa kuko yahabwaga umunsi ku wundi za raporo n'abajandarume. Ikindi ni uko yanatemberaga mu gihugu hose areba ibirimo kuba ari na ko ajya mu nama zinyuranye zigamije kurimbura Abatutsi. Kandi koko, Augustin Ndindiliyimana nk'umugaba w'Abajandarume yari azi cyangwa yagomba kumenya ko abo yari akuriye barimo kwica Abatutsi. Ntiyigeze akoresha ububasha yari afite ngo ahagarike ubwo bwicanyi kandi abahane. Ingabo za FPR-Inkotanyi zihagaritse Jenoside, Augustin ari mu bafashe inzira y'ubuhungiro.

Urubanza rwa Ndindiliyimana n'abo bari kumwe rwatangiye ku itariki ya 20 Nzeri 2004. Ku itariki ya 17 Gicurasi 2011, urugereko rwa kabiri rw'urukiko rwa mbere rwemeye ko aburanishwa icyaha cya Jenoside, icyaha kibasira inyokomuntu n'ubwicanyi bugambiriye kurimbura Abatutsi. Nyuma y'urubanza, urukiko rwasanze icyaha cy'umugambi wa Jenoside n'ubufatanyacyaha kitamuhama. Urukiko kandi rwasanze afite inyoroshyacyaha, rwemeza ko nta bubasha yari afite buhagije ku bajandarume yitwaga ko ayobora, ko yashyigikiye amasezerano y'amahoro ya Arusha kandi ko atashyigikiye ubwicanyi mu Rwanda. Ibyo byose

byatumye akatirwa igihano k'imyaka cumi n'umwe gihwanye n'igihe yari amaze muri gereza kuva aho aviriye mu Bubirigi, bityo ahita afungurwa. Ku itariki ya 11 Gashyantare 2014 haciwe urubanza rwe rw'ubujurire.

Urukiko rw'ubujurire rumaze guterana, rwagaragaje ko nta bimenyetso bihamya ko Ndindiliyimana yagenzuraga bihagije abajandarume cyanecyane ko imitwe yabo yari hirya no hino mu gihugu yayoborwaga n'ingabo z'Igihugu guhera ku itariki ya 7 Mata 1994. Kandi kuba abatangabuhamya hari aho bagiye banyuranya cyane mu byo bagombaga kwemeza, urukiko rwasanze bigoye kwemeza ko yagize uruhare yagize mu bitero abajandarume bagabye ku Batutsi hirya no hino mu gihugu. Bityo, rwafashe umwanzuro wo kumuhanaguraho ibyaha byose yarezwe[23].

### 3.2.8. Callixte Nzabonimana

Nzabonimana Callixte yavukiye muri Segiteri ya Kavumu, Komini Nyabikenke, Perefegitura ya Gitarama mu wa 1953. Arangije amashuri yisumbuye yakomereje kaminuza ahitwa Dijon mu Bufaransa. Ayarangije kwiga ikiciro cya kabiri cya kaminuza yatuye ahitwa Nancy aho mu Bufaransa kugera mu 1983. Ku itariki ya 15 Mutarama 1989, yagizwe Minisitiri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe kugera mu gihe cya Jenoside. Ni umwe mu bari bagize Guverinoma y'Abatabazi. Muri icyo gihe kandi yari na Perezida w'ishyaka MRND muri Perefegitura ya Gitarama.

Yafatiwe i Kigoma mu gihugu cya Tanzaniya ku itariki ya 19 Gashyantare 2008, ahita yoherezwa mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashiriweho u Rwanda Arusha. Mu rubanza rwe, yaregewe hamwe n'abandi banyaporitiki harimo n'abaminisitiri bari muri Guverinoma y'Abatabazi ari bo: Bizimana Augustin wari Minisitiri w'Ingabo, Edouard Karemera wari Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, André Rwamakuba wari Minisitiri w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, Mathieu Ngirumpatse wari Perezida w'ishyaka MRND, umunyemari Félicien Kabuga na Juvénal Kajelijeli wayoboye Komini Mukingo guhera mu wa 1988 kugera mu wa 1993.

Ku itariki ya 31 Gicurasi 2012 yakatiwe igihano cyo gufungwa burundu, kemezwa n'Urugereko

---

[23] https://trialinternational.org/fr/latest-post/augustin-ndindiliyimana/

rw'Ubujurire ku itariki ya 29 Nzeri 2014[24].

### 3.3. Uruhare rwa MIJEUMA mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi

Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe yayobowe mu bihe bitandukanye n'abaminisitiri usanga bari bahuriye kuri poritiki ishingiye ku kwimakaza ivangura hagati y'Abanyarwanda babinyujije mu nshingano iyo minisiteri yari ifite. Nubwo hari Abatutsi bakorerega iyo minisiteri, ubushakashatsi bwagaragaje ko batotezwaga n'abayobozi babo ndetse na bagenzi babo bakoranaga. Mu bika bikurikira, turasobanura uruhare rw'abo bayobozi mu gutoteza, gutegura Jenoside yakorewe Abatutsi no kuyishyira mu bikorwa. Abayobozi n'abakozi babigizemo uruhare ni benshi, ariko bose si ko babonewe amakuru n'ibimenyetso bidashidikanywaho. Ni yo mpamvu abo twanditseho ari ahanini abanyuze imbere y'ubucamanza. Ariko n'abagaragaye mu nama cyangwa abagiye batangwa n'indi myitwarire twagiye tubagarukaho hirya no hino muri iyi nyandiko.

Ubushakashatsi kandi bwacukumbuye uburyo Abatutsi bakoreraga MIJEUMA batotejwe mu bihe bitandukanye cyanecyane guhera mu wa 1990 ubwo intambara yo kubohora u Rwanda yari itangiye. Mu gihe cya Jenoside bagiye bicirwa hirya no hino mu gihugu. Ubushakashatsi bwakoze uko bushoboye kugira ngo hamenyekane uko bishwe. Umubare munini wabo waramenyekanye, hari n'abandi hamenyekanye amazina gusa ariko ntihamenyekana uburyo bishwe.

#### 3.3.1. MIJEUMA nk'igikoresho cya poritiki n'ubukangurambaga mu rubyiruko

Ahagana mu mwaka wa 1980 mu gihe MRND yarimo itegura isabukuru y'imyaka 5 yari imaze ishinzwe, Minisiteri yari ifite urubyiruko mu inshingano zayo yashyizeho uburyo bwo guhuriza hamwe urubyiruko muri gahunda yamenyekanye mu magambo y'igifaransa nka "*Mouvement d'ensemble"* tugenekereje mu kinyarwanda "*Imikino Isangiweho*". Iyi *Mouvement d'Ensemble* yagizwe igikorwa ngarukamwaka aho MIJEUMA yahurizaga hamwe urubyiruko hirya no hino mu gihugu hagamijwe icengezamatwara ya MRND. Muri icyo gikorwa kandi, MIJEUMA yakoreshaga urubyiruko mu gutegura ibirori ngaruka mwaka by'isabukuru y'ishyaka MRND

[24] Le Procureur c. Callixte Nzabonimana, affaire no ICTR-98-44D-T, Jugement portant condamnation, Jugement rendu le 31 mai 2012

byizihizwaga tariki ya 5 Nyakanga. Ubwo amashyaka menshi yemererwaga gukora poritiki mu wa 1991, MRND nayo yarivuguruye ishinga n'umutwe w'urubyiruko witwa "Interahamwe". MRND yifashishije uburambe yari ifite mu gucengeza amatwara mu buryo bw'igihiriri bwari buzwi nka *"Mouvement d'Ensemble"* mu guha izo Nterahamwe imyitozo ya gisilikare. MRND kandi yakomeje kwifashisha ubu buryo mu kwigarurira imitima y'urubyiruko mu gucengeza amacakubiri n'urwango byatumye urubyiruko rwitabira vuba gukora Jenoside.

### 3.3.2. Uruhare rw'Abayobozi n'Abakozi ba MIJEUMA mu gutegura Jenoside yakorewe Abatutsi

Abayobozi n'abakozi ba MIJEUMA bagize uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu buryo butandukanye. Nk'uko bigaragara, uruhare rw'abayobozi tugiye kuvuga rwagaragaye mu gutegura inama zitegura Jenoside, ubukangurambaga buganisha mu gukwirakwiza amacakubiri n'urwango ku Batutsi binyujijwe mu mbwirwaruhame n'inganzo, itotezwa, ihagarikwa n'ihindagurwa mu kazi n'ibindi byakorerwaga Abatutsi bakoreraga muri MIJEUMA n'inzego zari ziyishamikiyeho. Abayobozi n'abakozi bamenyekanye mu kwibasira Abatutsi kurusha abandi ni aba bakurikira:

#### 3.3.2.1. Minisitiri Callixte Nzabonimana

Mu Ukwakira 1990 ubwo Abatutsi batotejwe by'umwihariko kugera Jenoside itangira ikarinda irangira, MIJEUMA yari mu maboko ya Minisitiri Callixte Nzabonimana kandi akaba ku isonga y'abanyaporitiki b'ishyaka rya MRND ari na ryo ryateguye rikanashyira mu bikorwa ubwo bwicanyi ndengakamere. Uruhare rwe rugaragarira mu itegurwa, igerageza n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside.

##### 3.3.2.1.1. Callixte Nzabonimana, imwe mu nkingi MRND yari yegamiye

Callixte Nzabonimana yabaye Minisitiri igihe poritiki y'u Rwanda yagenderaga ku ishyaka rimwe rukumbi rya MRND. Guhabwa uwo mwanya byari ikizere gikomeye kuko yasimbuye Colonel Augustin Ndindiliyimana wari umaze imyaka irindwi ayiyobora. Nzabonimana we yayiyoboye imyaka hafi itanu, bityo akaba ari we musivili wamaze igihe kinini ku isonga ry'iyo minisiteri kandi akayikurwaho n'uko ingoma ya Perezida Habyarimana ihirimye. Mbere y'umwaka wa 1991, minisiteri zose zari zifite inshingano yo kurengera inyungu n'ibikorwa bya MRND no gucengeza amahame yayo. Hategekimana Emmanuel, wakoze muri iyi minisiteri

guhera mu wa 1984 kugera mu wa 1994 ashinzwe serivise rusange -*Chef de Division des Services Généraux*- yemeza ko muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Imyidagaduro kimwe no mu zindi minisiteri, hakorwaga inama za selire ya MRND buri kwezi, naho animasiyo ikaba ku wa Gatatu wa buri cyumweru. Umukozi waburaga muri ibyo bikorwa yashoboraga kwirukanwa. Callixte Nzabonimana yari atyaye cyane muri ibyo bikorwa. Ikindi ni uko kuba yarakomeje kuyobora iyo minisiteri muri Jenoside nk'umwe mu bagize ishyaka rya MRND byereka ikizere yari afitiwe no kuba yari yaracengewe na poritiki y'iryo shyaka.

Ubwo amashyaka menshi yongeraga kwemererwa gukora mu wa 1991, Callixte Nzabonimana yabaye Perezida wa MRND muri Perefegitura ya Gitarama. Nk'uko Hategekimana Emmanuel[25] abihamya, Nzabonimana yakoresherezaga inama za komite ya MRND muri Perefegitura ya Gitarama mu biro bye. Igihe kinini iyo nama yabaga irimo Justin Temahagari, umujyanama wa Minisitiri ushinzwe amategeko n'ubutegetsi; Jean Utumabahutu, wayoboye Inama y'Abaporotesitanti mu Rwanda (Eglise Presbytérienne au Rwanda), Kamari Isaac wari warigeze kuyobora agashami gashinzwe gutanga inguzanyo muri MIJEUMA n'abandi bakomoka i Gitarama bari muri komité ya MRND muri iyo Perefegitura.

#### 3.3.2.1.2. Imyitwarire ya Callixte Nzabonimana kuva intambara yo kubohora u Rwanda itangiye

Intambara yo kubohora u Rwanda imaze gutangizwa na FPR-Inkotanyi ku itariki ya 01 Ukwakira 1990, muri za minisiteri hagiyeho amatsinda ya MRND yo guhangana n'ibyitwaga ibibazo Igihugu cyari kinjiyemo. Na MIJEUMA rero yari ifite iryo tsinda.

Mu ijoro ryo kuwa 04 rishyira uwa 05 Ukwakira 1990, Abatutsi bamwe biswe «ibyitso» bya FPR », baricwa, barafungwa kandi baratotezwa bikomeye. Iryo tsinda rya MIJEUMA ryitwaga ko rishinzwe guhangana n'ibibazo Igihugu cyari kinjiyemo ryayoborwaga na Nzabonimana ubwe. Abandi bari barityayemo bari muri MRND Temahagari Justin, wari Umujyanama mu by'amategeko n'ubutegetsi wa Minisitri, Bikindi Simon, Kayinamura Grégoire, Rosalie Mukankuranga n'abandi. Iryo tsinda ryo muri MIJEUMA ryakoze inama mu Ugushyingo 1990 ryemeza ko bamwe mu bari abakozi ba minisiteri ari ibyitso barafungwa. Bafungujwe na Colonel

[25] Muri iyi nyandiko, turifashishа ubuhamya bwatanzwe na Hategekimana Emmanuel, yatanze ku itariki 22/12/2008 mu biro by'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwagiriyeho u Rwanda mu biro byarwo by'i Kigali. Tuboneyeho no kumushimira kuba yarabiduhereye uburenganzira, Lieu de l'interrogatoire: Hôtel Amahoro-Bureau du TPIR

Ndindiliyimana Augustin wigeze kuyobora iyi minisiteri akaza kwimurirwa muri MINITRANSCO.

Muri mitingi ya MRND yabereye ku Kabaya ku itariki ya 22 Ugushyingo 1992, ubwo Léon MUGESERA yavugaga ko Abatutsi bazabanyuza iy'ibusamo bagasanga bene wabo muri Abyssinia, Callixte Nzabonimana, umuyobozi mukuru w'ibiro bye, Justin Temahagari umujyanama we mu by'amategeko n'ubutegetsi n'itorero Irindiro rya Bikindi bari bahari.

Ikindi kizwi ni uko Callixte Nzabonimana na bamwe mu bakozi ba minisiteri yayoboraga bagize uruhare mu kwica Abatutsi bo mu Bugesera muri Werurwe 1992. Mbere y'ubwo bwicanyi, Nzabonimana, Bikindi, n'abayobozi b'Interahamwe barimo Georges Rutaganda bakoreraga inama muri MIJEUMA mu biro bya Minisitiri. Minisitiri Nzabonimana aza no gutanga imodoka yo mu bwoko bwa Toyota Hiace Minibus ijyana Interahamwe kwica mu Bugesera. Nyuma y'ubwo bwicanyi ni bwo Hategekimana yamenye icyo izo nama zari zigamije.

Mu gitondo cyo ku itariki ya 10 Werurwe 1992, ubwicanyi bwaraye butangiye muri iryo joro mu Bugesera, abagore babiri bashinje Bikindi kuba yagize uruhare muri ubwo bwicanyi. Ntibumvaga uko yaraye mu Bugesera akaba ari ku kazi muri icyo gitondo. Ikindi ni uko yasaga nk'utaraye mu rugo. Kuri ibyo bibazo abo bagore bibazaga, Bikindi yabasubije ko ubutaha ari bo azaheraho yica. Nyuma y'ubwo bwicanyi, Abatutsi bamwe bavuye mu itorero Irindiro kuko bari bamaze kubona ko ritakigamije ibikorwa by'umuco ahubwo ryafashe intera muri poritiki.

Muri buri mitingi ya MRND, abayobozi bayo baririmbaga indirimbo zahimbwe na Bikindi zagira zashshishikarizaga kwica Abatutsi zigira ziti: « Mu wa 1959, twabahaye amahirwe yo guhunga, ntituzongera gukora iryo kosa».

### 3.3.2.1.3. Callixte Nzabonimana na Simon Bikindi mu mugambi wa Jenoside

Guhera mu wa 1991, Nzabonimana na Bikindi bakoranaga bya hafi atari mu nyungu za MIJEUMA ahubwo bakorera ishyaka ryabo MRND. Indirimbo zogezaga iri shyaka n'izashishikarizaga kwanga Abatutsi no kubarimbura zose zahimbirwaga muri iyi minisiteri. Bikindi yari afite itorero ryitwaga Irindiro akaba ari na ryo ryaherekezaga MRND muri za mitingi ngo rishyushye imbaga yabaga ihari. Bikindi yafataga igihe cyo gutoza itorero rye kandi akabikorera muri MIJEUMA mu bwumvikane na Minisitiri Callixte Nzabonimana. Iryo torero ryaterwaga inkunga na MRND muri byose, ndetse yari yarariguriye imyambaro

nk'iy'Interahamwe.

Kwambika abambari ba MRND «bakaberwa», Habyarimana yari yarabigize intego nkuko yabivugiye mu Ruhengeri ku itariki ya 15 Ugushyingo 1992. Uko Nzabonimana yajyaga mu nama yahuzaga abahagarariye MRND mu rwago rwa za Perefegitura, niko yasaba itorero rya Bikindi guhimba indirimbo zijyanye n'ingengabitekerezo ya MRND n'aho poritiki yabaga igeze muri icyo gihe. Emmanuel Hategekimana, nk'uwari ushinzwe inyubako za minisiteri, ibyo yabaga abikurikiranira hafi kugira ngo akingure cyangwa akinge icyumba Itorero ryitorezagamo. Abari bagize Irindiro bari barahoze mu itorero ry'Igihugu ryitwaga Indangamirwa, ryari ryarashwinzwe na Bikindi akaba ari na we waritozaga nk'uwayoboraga ishami ry'imyidagaduro muri MIJEUMA.

### 3.3.2.1.4. Imikoranire ya Callixte Nzabonimana n'Interahamwe

Guhera mu myaka ya 1980, ishyaka MRND ryagiraga ishami ry'urubyiruko ryitwaga JMRND nk'uko habaga ishami ry'Abagore ari ryo URAMA n'iry'Abakozi ba Leta ari ryo CESTRAR. Cyokora JMRND yari itararangiza inzira zose amategeko yateganyaga ngo rikore ku mugaragaro nk'ariya mashami yandi. Amashyaka menshi atangiye mu wa 1991, Calixte Nzabonimana nka Minisitiri wari ufite urubyiruko mu nshingazo ze yifashishishije JMRND yabarirwaga muri minisiteri ye ashishikariza urubyiruko kujya muri MRND. Urwo rubyiruko ni rwo rwaje kubyara umutwe w'Interahamwe.

Nk'umuyobozi rero wagize uruhare mu ikubitiro ngo uwo mutwe ujyeho, Nzabonimana yari afite ijambo rikomeye ku Nterahamwe. Ni muri urwo rwego yazikoreshaga inama mu biro bye ari kumwe na Georges Rutaganda, wari Visi-Perezida w' Interahamwe. Habaga kandi hari Simon Bikindi na Justin Temahagari kuko wasangaga ari bo bari bamwungirije mu bikorwa bya MRND muri rusange n'iby'urubyiruko rw'iryo shyaka by'umwihariko. Ni bo bakurikiranaga ibibazo urwo rubyiruko rwashoboraga kugira mu zindi minisiteri cyangwa bagahagararira Nzabonimana mu nama n'urwo rubyiruko cyangwa ahandi yakenerwaga mu nyungu zarwo.

Callixte Nzabonimana yari afite uruhare ku rwego rw'Igihugu rwo gushishikariza urubyiruko kujya muri MRND. Bitewe n'uko atari afite uburenganzira bwo gukoresha amafaranga ya minisiteri muri ibyo bikorwa kuko Minisiteri y'Imari itari kubimwemerera yifashishaga

amafaranga y'umushinga BAD (Bureau d'Aide au Développement) wari ushinzwe gutera inkunga amashyirahamwe. Kuko ari minisiteri ye yayacungaga, Nzabonimana yayakoreshaga mu bikorwa by'Interahamwe. Habyarimana yari yarategetse ko Interahamwe zigomba kugira imyambaro isa. Amafaranga yo kuyigura yavaga rero muri za minisiteri z'iryo shyaka. Nk'uko Emmanuel Hategekimana abyemeza, Nzabonimana yakoreshaga ayo mafaranga y'umushinga BAD kugira ngo akorane n'inzego za Pereferegitura na Komini. Abayobozi b'Interahamwe mu mugi wa Kigali bo bamusangaga mu biro bye akaba ari ho bakorera inama.

Hagati ya 1992 na 1993 habaye umwihariko. Interahamwe zahawe imyanya y'akazi muri za minisiteri nta burambe ku kazi, nta n'mpamyabushobozi. Yari imyanya yahimbwe gusa. Ku bwi'iyo mpamvu, Emmanuel Hategekimana yigeze kumara iminsi n'iminsi atunganya amasezerano y'akazi hagati ya minisiteri ye n'Interahamwe. Interahamwe zakomeje guhabwa akazi muri Stade Amahoro kuko yari ikigo kigenga ariko kirebererwa na MIJEUMA. Mu buryo bwari busanzwe, iyo umuntu yahabwaga akazi muri minisiteri runaka amasezerano y'umurimo yagombaga kwemezwa na Minisiteri y'Imari kuko ni yo yamuhembaga. Ukurikije ibyo Emmanuel Hategekimana yabonye, si ko byagenze muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Amashyirahamwe kuko abantu bose bahawe akazi bishingiye ku rwego bagaragazaga mu kwemera amahame y'Interahamwe, bahembwaga bitanyuze kuri Minisiteri y'Imari. Ibyo bivuze ko zahembwaga amafaranga aturutse mu mishinga y'interambere yakoreraga muri MIJEUMA n'ibigo byari biyishamikiyeho.

Ikindi, Callixte Nzabonimana yakoze kugira ngo yiyegereze urubyiruko rw'Interahamwe ni uko yashinze ishyaka ryitwa ko ryigenga, ariko rikorera mu kwaha kwa MRND. Gushinga iryo shyaka kandi bwari uburyo bwo kugararagaza ko hari amashyaka menshi, kandi atandukanye ashyigikiye MRND. Bityo, Interahamwe wazisangaga muri MRND no muri iryo shyaka ry'urubyiruko. Na ryo ryakoreshaga amafaranga aturutse muri MIJEUMA. Perezida waryo yari muramu we. Bamwe mu bari bagize iryo shyaka, Nzabonimana yakoraga uko ashoboye bagahabwa akazi muri minisiteri yayoboraga. Urugero ni agashami kari gashinzwe ubuyobozi n'amafaranga kaje kuyoborwa na Jean Paul Munyembaraga amaze kwinjira muri iryo shyaka.

### 3.3.2.1.5. Uko amasezerano y'amahoro y'Arusha yakiriwe muri MIJEUMA

Mu byo amasezerano y'amahoro yasinyiwe Arusha ku itariki ya 4 Kamena 1993, harimo ko Minisiteri y'Urubyiruko, Amashyirahamwe n'Imyidagaduro, iy'Ubutegetsi bw'Igihugu

n'iy'Ubuzima zagomba guhabwa umutwe wa poritiki wa FPR-Inkotanyi. Mu kwitegura gushyira mu bikorwa ayo masezerano, mu ntangiro za 1994, abakozi ba MIJEUMA bari mu ishyaka rya MRND kimwe na Nzabonimana, bateguye ibirori byo kumusezeraho. Muri ibyo birori, mu magambo no mu ndirimbo, abayoboke ba MRND barahirira ko batazatatira igihango k'ishyaka ryabo, ko bazifatanya na bagenzi babo kandi ko nta Muhutu numwe uzemera ko Igihugu kiyoborwa n'Abatutsi.

Bavugaga ko niba Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ihawe Abatutsi, ko ikiruta ari uko Abahutu bakwishyira mu kagozi aho kuyoborwa n'Abatutsi nka mbere ya 1959. Muri izo ndirimbo, bahitaga bongera bakisubiza : «*Kuki se mwa Bahutu mwe twakwimanika? Aho kwimanika, Abahutu bagomba kwikiza Abatutsi bose ngo batazongera kubashyira mu bucakara nk'ubwa mbere ya 1959* ». Amaherezo rero, Perezida Habyarimana yanze ko ayo masezerano ashyirwa mu bikorwa bityo, Callixte Nzabonimana akomeza kuyobora MIJEUMA kugeza no mu gihe cya guverinoma y'abatabazi.

### 3.3.2.1.6. Callixte Nzabonimana mu gihe cya Jenoside nyirizina

- **Inama yo kuri Komini ya Mushubati**

Mu ntangiriro za Kamena 1994, umukozi wayoborwaga na Callixte Nzabonimana yamubonye i Gitarama muri Komini Mushubati agiye gukoresha inama. Yari yitwaje imbunda anambaye imyenda ya gisirikare, kandi arinzwe n'abasirikare. Yari atwawe n'umushoferi wa MIJEUMA witwa Fidèle Nteziryayo, nyuma ya Jenoside wakoze muri ONATRACOM (Office National des Transports en Commun). Iyo nama Emmanuel Hategekimana twigeze kuvuga yayigiyemo. Yiyumviye uburyo Callixte Nzabonimana yari yashishikarije abasore b' «intarumikwa» kurwana n'ingabo za FP-Inkotanyi no kwikiza «ibyitso» byazo. Yabwiye imbaga y'abantu barenga magana abiri (200) barimo impunzi zaturutse i Kigali zikomoka i Gitarama na Butare. Kubera ko abakomokaga muri izi ntara bafatwaga nk'ibyitso by'Inkotanyi, Interahamwe zari zarababujije kwinjira mu maperefegitura ya Kibuye, Gisenyi na Ruhengeri. Iyo nama yabereye ku kibuga i Nyarusange ku muhanda ujya ku Kibuye, imbere y'ishuri ribanza n'ikigo nderabuzima. Intero ya MRND ni yo yari iyo. Yabwiraga abari aho ko bose bagomba guhagurukira icyarimwe bagasubiza Inkotanyi aho zahoze kuva mu wa 1959. Inama ikirangira, abasore benshi cyane bafashe umugambi wo gufata intwaro bakarwanya Inkotanyi. Ku rundi ruhande, Abatutsi bamwe bari muri izo mpunzi barishwe. Hari n'abana b'Abahutu bitiranyije

n'Abatutsi biciwe imbere y'ababyeyi n'abavandimwe babo. Nta cyo bashobora kuvuga kuko na bo bashoboraga kwicwa.

- **Callixte Nzabonimana yahekuye aho avuka muri Jenoside**

Nk'uko twabibonye, Callixte Nzabonimana avuka muri Komini ya Nyabikenke, i Gitarama. Bityo, iyo Komini yari ayizi neza kandi ayubashywemo. Ibyo bikaba byaratumye agira uruhare mu irimburwa ry'Abatutsi benshi bashoboka. Uruhare rwe muri Jenoside rwaranzwe no gukoresha inama abaturage abashishikariza kwica Abatutsi, kugaba ibitero aho Abatutsi babaga bahungiye, kugororera ababaga bishe Abatutsi, kujya mu nama zo gutegura Jenoside, gutoteza no kwicisha abayobozi badashyikiye umugambi wa Jenoside kuzimaganya ibimenyetso by'abamaze kwicwa, gukwirakwiza intwaro n'ibindi.

- **Inama Callixte Nzabonimana yakoreshereje inama i Butare ya Rutobwe**

Nk'uko Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriwe u Rwanda Arusha muri Tanzaniya rwabikoreye iperereza kandi rukabihamya, ku itariki ya 12 avril 1994, Callixte Nzabonimana yayoboye inama i Butare muri Komini Rutobwe maze ashishikariza abaturage kwica Abatutsi no kwigabiza imitungo yabo. Yahise abaza niba hari Abatutsi bari muri iyo nama, bituma Abatutsi bari bitabiriye iyo nama bashaka uko bahunga. Muri ako kanya abajandarume bari baherekeje Nzabonimana kumurindira umutekanao bahise bafata Abatutsi bose babatsinda aho. Nyuma y'iyo nama ubwicanyi bwahise bukwira muri Komini Rutobwe, bwitabirwa n'abaturage, Interahamwe n'abasirikare.

- **Inama yabereye mu Cyayi n'igitero cyagabwe ku Batutsi bari bahungiye ku biro bya Komini ya Nyabikenke**

Umutekano umaze kuba muke ku Batutsi nyuma y'itariki ya 7 Mata 1994 no kumeneshwa mu ngo zabo, bagiye bashaka aho bahungira. Ni muri urwo rwego hari abahungiye ku biro bya Komini Nyabikenke atari uko bazi ko bari buhabone umutekano ahubwo ari uko babaga babuze epfo na ruguru. Ku itariki ya 13 Mata 1994, abicanyi babagabyeho igitero maze abaporisi ba Komini bagisubizayo ndetse hanapfamo umwicanyi umwe, undi arakomereka. Icyo gihe nta mpunzi n'imwe yagize icyo iba. Bukeye bwaho ku itariki ya 14 Mata nyuma ya saa sita, Callixte Nzabonimana yakoresheje inama abaturage barenga mirongo itatu ahongaho i Cyahi ababwira

ko bagomba kwica Abatutsi no kwigabanya ibyabo nyuma. Yarababwiye ati: «Ndabizi ko Abahutu mutumva! Mwikomeza kurya inka z'Abatutsi bahungiye ku biro bya Komini. Ik'ingenzi si izo nka! Ik'ingenzi ni ba nyirazo!».

Igitero cya mbere cyagabwe mu ijoro ry'uwo mugoroba Nzabonimana yari yashishakarijeho abaturage kwica Abatutsi. Cyageze ku biro bya Komini hagati ya saa kenda na saa kumi za mugitondo, kiyobowe n'abaporisi ba Komini. Bari bitwaje gerenade, imbunda n'intwaro za gakondo. Icyo gitero cyarakomeje ku itariki ya 15 Mata, kigizwe n'abaturage, Interahamwe n'abaporisi.

Mbere y'uko Nzabonimana ashishikariza abaturage bari bateraniye i Cyayi kwica Abatutsi bari bahungiye ku biro bya Komini Nyabikenke no kwigabiza ibyabo, igitero cyari cyabagabweho mbere cyari cyapfubye kuko abaturage bandi n'abaporisi bari bafashije Abatutsi kugikumira. Nyuma rero ya disikuru ya Nzabonimana, ba baturage n'abaporisi barahindukiye bajya kurimbura ba Batutsi.

Ikindi ni uko nyuma y'iyo disikuru, ibitero byitabiriwe n'abaturage benshi, bityo birushaho kugira ubukana kandi bihindura isura. Mu gihe abateye kuri paruwasi ya Ntarabana no ku biro bya Komini ku itariki ya 13 Mata bari bitwaje intwaro gakondo, abari bagize igitero cyababwe nyuma yaho (15 Mata) baje bitwaje imbunda na za gerenade. Ibyo bigaragaza ko Nzabonimana yagize uruhare rukomeye mu kwicisha abo Batutsi bo mu gace ibiro bya Komini Nyabikenke byari biherereyemo. Ikindi cyabayeho ni uko nyuma y'inama yo mu Cyayi, ubwo Nzabonimana yamenyeshaga Abahutu ko bagomba kubanza kwica Abatutsi, kubasahura bikaza nyuma, Jenoside yakwiriye muri Perefegitura ya Gitarama yose.

- **Callixte Nzabonimana afunguza abicanyi muri Komini ya Rutobwe**

Ahagana ku itariki ya 18 avril 1994, Nzabonimana yashishikarije abaturage kurimbura Abatutsi kandi ategeka Jean-Marie Vianney Mporanzi wari Burugumesitiri wa Komini Rutobwe kurekura abari bamaze kwica Abatutsi muri Komini ye. Nyuma y'icyo gikorwa Jenoside yongereye ubukana. Abo bicanyi bamaze kurekurwa baboneyeho uburyo bwo kwitegura kurushaho, maze bagaba ibitero binyuranye byishe Abatutsi benshi muri Komini Rutobwe hagati y'amatariki ya 21 na 30 Mata 1994. Muri ayo matariki na nyuma barishe barasenya kandi barasahura, bambuka iyo Komini bakomereza mu ya Nyamabuye.

– **Amabwiriza yo kwicisha abayobozi**

Ku itariki ya 18 Mata 1994, ku kigo cy'amahugurwa y'abakozi ba Leta kiri i Murambi, i Gitarama habereye inama y'abaminisitiri ba Guverinoma y'Abatabazi hamwe na perefe y'Ababurugumesitiri. Iyo nama yayobowe na Minisitiri w'Intebe, Jean Kambanda. Callixte Nzabonimana nawe yari ayirimo. Muri iyo nama, Nzabonimana yategetse ko Ababurugumesitiri n'abayobozi b'inzego z'ibanze badashyigikiye Jenoside bagomba kwicwa. Mu minsi yakurikiye iyo nama, hari abishwe ari bo Burugumesitiri Callixte Ndagijimana wayoboraga Komini Mugina, Konseye Bernard Twagiramukiza na konseye Wallaxe Gasigwa. Ibyo byatumye abayobozi b'ibanze batari bashishikariye kwica babikora kugira ngo ataba aribo baza kwicwa (urup. 266).

– **Gusibanganya ibimenyetso bya Jenoside**

Jenoside imaze gufata umurego mu kwa Mata 1994, Nzabonimana yagiye ku biro bya Komini Nyamabuye abwira abicanyi bari bari aho ngo basenye inzu y'uwitwaga Jean de Dieu Mpambara mu rwego rwo kuzimanganya ibimenyetso by'icyaha cya Jenoside. Uwo Mpambara yari yarapfuye mu wa 1985 ariko umuryango yari yarasize wabaga muri iyo nzu nubwo abana be bari bahungiye i Kabgayi. Muri Jenoside, abica baba bafitiye urwango ndengakamere abicwa. Ntibaba bashaka ko hagira icyabo kibibutsa ko babayeho. Mu gihe abicanyi basanze ntawuri mu nzu ya Mpambara, bahisemo kuyisenya. Mbese ni nka wawundi ubura inda akica umugi. Ikindi ni kwica uhigwa no gusibanganya ibimuranga biri mu mugambi n'ibikorwa bya Jenoside bijyanye no guhakana. Guhera icyo gihe, abicanyi baboneyeho, aho bishe hose bakora uko bashoboye kose ngo basibanganye ibimenyetso by'abo bamaze kwivugana (urup. 383).

– **Gukwirakwiza imbunda muri Komini ya Tambwe**

Mu mpera z'ukwezi kwa Mata, Nzabonimana yajyanye intwaro ku biro bya kiomini Tambwe kugira ngo zikwirakwizwe mu baturage. Nzabonimana yavugaga ko ari izo kugira ngo abo baturage birindire umutekano no kurwanya umwanzi. Uwo mwanzi yavugaga yari Umututsi aho ava akagera (urup. 398).

– **Ibyo Callixte Nzabonimana yakoze birenze ibyo Muntu kwibanza**

Nzabonimana yari umuntu ukomeye, uzwi kandi uvuga rikijyana muri Perefegitura ya Gitarama

mu gihe cya Jenoside. Aho kugira ngo akoreshe ububasha yari afite ngo arengere Abatutsi bari mu kaga muri iyo Perefegitura, ahubwo ni we wahagarariye kubicisha no gutera umwete abakoraga Jenoside nk'igihe yafunguzaga abicanyi muri Komini Rutobwe no gutegeka gusenya amazu y'Abatutsi muri Komini Nyarubuye. Nta shiti, ibyo bikorwa byatumye Jenoside yongera ubukana muri ako gace. Urebye umubare w'Abatutsi biciwe ku biro bya Komini Nyabikenke usanga birenze icyaha cyo kwibasira inyoko-muntu. Ikindi ni uko Abatutsi bari ku biro biciweho, bari abantu batagira kivurira.

**3.3.2.2. Simon Bikindi**

**3.3.2.2.1. Simon Bikindi, mu muhamagaro w'amacakubiri**

Simon Bikindi ni mwene Manzi na Nyirakamondo. Yavukiye i Mubona ahahoze ari muri Komini ya Rwerere ya Perefegitura ya Gisenyi. Yize amashuri yisumbuye mu ishuri nderabarezi rya Byumba arangiza mu wa 1975. Akirangiza amashuri yisumbuye, yatangiye akazi mu kwezi kwa cumi 1976 muri Ministeri y'Urubyiruko n'Amakoperative ashinzwe guhuza ibikorwa mbonezamubano n'umuco, guteza imbere ibigo by'urubyiruko no gutegura ibirori nkangurambaga ku rwego rw'Igihugu.

Bikindi Simon yamenyekanye cyane mu bikorwa byo guhimba indirimbo n'ibihangano byaganishaga ku gushishikariza Abahutu kwanga Abatutsi abinyujije mu rubyiruko. Umwanya yakoragamo muri minisiteri wamuhesheje uburyo bukomeye bwo kugera mu nzego z'urubyiruko hose mu Rwanda mu rwego rwo kubiba amacakubiri n'urwango mu rubyiruko.

Ku tariki ya 13 Nyakanga 2001, Simon Bikindi yafatiwe mu Buholandi. Ku itariki ya 27 Werurwe 2002 yoherezwa kuburanira mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwagiriyeho u Rwanda Arusha muri Tanzaniya. Yatangiye kuburana ku itariki ya 18 Nzeri mu 2006. Nyuma yo kuburana no kujurira, yahamwe n'icyaha cyo gushishikariza Abahutu bamwe gukorera Abatutsi Jenoside. Ku itariki ya 18 Werurwe 2010 ahanishwa igihano cyo gufungwa imyaka cumi n'itanu.

**3.3.2.2.2. Uruhare rwa Simon Bikindi mu kubiba amacakubiri aganisha kuri Jenoside yakorewe Abatutsi**

Simon Bikindi yari icyamamare mu guhimba no kuririmba akanayobora Itorero rye bwite

Irindiro. Akoresheshe iyo mpano ye yagize uruhare mu itegurwa rya Jenoside mu Rwanda hose akoresheje ibihangano bye. Yahimbye indirimbo nyinshi atanga n'ibiganiro mbwirwaruhame bihamagarira abo yitaga rubanda nyamwinshi kwanga Abatutsi no kubarimbura. Yakoranaga n'abayobozi bakuru ba MRND, Interahamwe, CDR, RTLM n'ab'ibitangazamakuru kugira ngo akwirakwize urwo rwango kandi ashikarize abaturage gukora Jenoside.Yagize kandi n'uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside nyuma y'urupfu rwa Perezida Juvénal Habyarimana mu mugi wa Kigali no muri Perefegitura ya Gisenyi aho yayoboye ibitero by'Interahamwe, zirimo ababyinnyi bari bagize iterero Irindiro. Iryo torero ryari rigizwe n'ababyinnyi, abaririmbyi n'abakaraza bagera kuri mirongo itanu bari intyoza mu mbyino n'indirimbo nyarwanda. Ryashinzwe mu wa 1987, ryemerwa ku buryo bw'amategeko mu wa 1989. Ryari rigizwe n'Abahutu n'Abatutsi ariko Abatutsi baje kugenda bavamo buhorobuhoro uko Itorero Irindiro ryagendaga rifata isura ya poritiki.

### 3.3.2.2.3. Imikoranire ya Bikindi Simoni n'inzego z'ubuyobozi n'amashyaka yagize uruhare muri Jenoside

Simon Bikindi yakoranaga bya hafi na Perezida wa Repubulika Habyarimana, Minisitiri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe Callixte Nzabonimana, n'abayobozi bo mu rwego rw'Igihugu ba MRND mu gutoza umutwe w'Interahamwe kwitwara gisirikare no kuzangisha Abatutsi. Muri ibyo bikorwa, ni nako yashakiraga Interahamwe abayoboke mu bice bitandukanye by'Igihugu. Ahaberaga mitingi hose, Bikindi yabaga ahari n'Itorero rye. Muri mitingi yabaye mu wa 1993, Edouard Karemera wari Perezida wa MRND mu rwego rw'Igihugu yatatse Bikindi agaragaza uruhare afite mu gukwirakwiza ingengabitekerezo y'ishyaka MRND na CDR. Impamvu Karemera yavugaga ibyo ni uko mu by'ukuri Bikindi yari afite ijambo rikomeye ku rubyiruko, bityo akaba yarifashishwaga mu kurushishikariza kwitabira imigambi ya MRND na CDR yo gutegura no gukora Jenoside.

### 3.3.2.2.4. Imikoranire ya Bikindi Simoni na RTLM na Radio Rwanda

Radio RTLM yari yarashingiwe kwangisha Abatutsi abandi Banyarwanda, kubatesha agaciro no kuzabarimbura. Kugira ngo ibyo bigerweho, RLTM yashishikarizaga Abahutu kugira ubumwe. Nyuma y'isesengura ryimbitse, urukiko rwa Arusha rwemeje ko koko iyo radio yari rutwitsi. Abayumvaga bahamagarirwaga guhangana n'Inyenzi-Inkotanyi. Mu mvugo ya RTLM, byavugaga kurimbura Abatutsi. Mu gihe cya Jenoside, iyo radio yakomeje umurego,

isaba Abahutu kuvumbura Abatutsi aho bari hose no kubica. Simon Bikindi ari mu bashinze iyo radio, anayifitemo imigabane kandi n'indirimbo zashishikarizaga kwica Abatutsi zanyuragaho. Ibyo rero bivuga ko Bikindi na RTLM bari bahuje imyumvire. Ikindi ni uko RTLM yafataga Bikindi nk'inararibonye n'umusesenguzi wa poritiki y'u Rwanda muri icyo gihe. Mu Ukuboza 1993 no muri Mutarama 1994, Gaspard Gahigi, wari umunyamakuru wa RTLM yahaye ibiganiro Simon Bikindi. Icyo gihe yagaragaje ko ashyigikiye imigambi yose ya Perezida Habyarimana mu migambi ye yose kandi yamagana amasezerano y'amahoro ya Arusha.

#### 3.3.2.2.5. Kwitabira ibikorwa bya poritiki byibasira Abatutsi

Bikindi yagiye muri za mitingi zabaga zigamije gutegura kwica Abatutsi no kwigabiza ibyabo kuko uko zarangiraga bahitaga bagabwaho ibitero. Hagati y'ukwezi kwa Kanama 1993 n'Ukuboza 1993, Bikindi yakoresheje inama zitandukanye muri Komini Rwerere no mu mugi wa Gisenyi. Yakunze kugaragara azenguruka mu modoka ifite indangururamajwi yagendaga avugiramo. Izo nama zakozwe nyuma y'itariki ya 12 Kanama 1993, ubwo Bikindi yari amaze kugaruka mu Rwanda avuye mu butumwa yari yaragiyemo i Burayi muri Mata, yagiye muri mitingi yabereye kuri sitade Umuganda avugira muri urwo ruhame ko umwanzi w'Igihugu adakwiye gushakirwa kure, ko ari Umututsi aho ari hose yaba iruhande rwawe, mu rugo cyangwa ku musozi runaka kandi ko Abahutu bagomba kubahiga bakabica. Nyuma y'iyo nama Abahutu bamwe bahise bashishikarira guhiga Abatutsi barabica, harimo umugore witwaga Ancilla n'umukobwa we[26].

#### 3.3.2.2.6. Uruhare rw'indirimbo za Bikindi mu kubiba amacakubiri

Guhera mu wa 1990 kugera mu wa 1994, Bikindi yahimbye indirimbo zagorekaga amateka y'u Rwanda kandi zishishikariza Abahutu kugira ubumwe no kubushyigikira, bugakomera kandi bukaramba. Muri izo ndirimbo yemezaga ko Abatutsi bari baragize Abahutu abacakara babo. Yasabaga Abahutu ko bagomba kurengera revorisiyo yabaye mu wa 1959 n'ibyo yari imaze kugeza kuri rubanda nyamwinshi. Indirimbo zagenderaga ku mategeko icumi y'Abahutu. Indirimbo za Bikindi zakoze ishyano cyane ni: *Twasezereye*, *Nanga Abahutu* na *Bene Sebahinzi*. By'umwihariko, indirimbo "*Twasezereye*" yahamagaririaga Abahutu kwishyira

---

[26] ICTR, Chambre d'Appel, Bikindi contre le Procureur, Affaire n° -01-72-A, p.42

hamwe bakarwanya amasezerano ya Arusha, mu gihe "*Nanga Abahutu*" na "*Bene Sebahinzi*" zasabaga Abahutu kwifatanya ngo bahangane n'umwanzi umwe rukumbi ari we Mututsi (urup. 59). Mu wa 1993, Bikindi yahimbye kandi indirimbo "*Mbwirabumva*" igamije guha imbaraga izo ndirimbo zavuzwe mbere. Mu ndirimbo "*Mbwirabumva*" yemezaga ko Abatutsi bakandamije Abahutu imyaka magana ane (urup.. 65)

**3.3.2.3. Melchior Ilibanje**

Melchior Ilibanje mwene Ndabibitse na Bankunda yavukiye i Muyongwe mu yahoze ari Komini Tare ya Perefegitura ya Kigali Ngali mu wa 1955. Ilibanje yize amashuri abanza, akomereza mu ishuri ry'ubuforomo ariko ntiyarangiza. Yatangiye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amakoperative tariki ya 15/09/1979, ashinzwe ubufasha mu by'ubuvuzi mu makipi ya siporo (assistant médical). Nyuma yaje gushingwa guhugura abatoza mu makipi y'umupira w'amaguru mu Rwanda.

**3.3.2.4. Joseph Kurazikubone**

Joseph Kurazikubone ni mwene Gonsalves Rwamiheto na Lucie Nyirabirama wavukiye Ngege mu hahoze ari Komini Cyabingo muri Perefegitura ya Ruhengeri tariki ya 17/11/1947. Yize amashuri yisumbuye mu Ishuri Nderabarezi rya Byumba, aminuza mu Ishami ndangaburezi muri Kaminuza Gatorika ya Louvain mu wa 1975. Akirangiza amashuri y'isumbuye, Kurazikubone yigishije umwaka umwe kuri Seminari Nto ya Rwesero. Guhera mu wa 1976 kugeza mu wa 1981, yagizwe umuyobozi mukuru ushinzwe amashuri makuru n'ayisumbuye muri Minisiteri y'Uburezi. Kuva mu wa 1982, yahinduriwe inshingano agirwa umuyobozi w'ishami rishinzwe amahugurwa y'Urubyiruko rutize muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amakoperative.

**3.3.2.5. Norbert Muhaturukundo**

Muhaturukundo yakoreye Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ari umuyobozi mukuru w'ishami rya siporo. Yarangwaga cyane n'ivangura yagaragazaga mu mvugo no mu bikorwa abikorera Abatutsi muri MIJEUMA n'ibigo byari biyishamikiyeho. Nko mu Ukwakira 1988, Ikipe y'Igihugu y'Umupira w'Intoki-Volleyball yitabiriye ibirori byo kwizihiza isabukuru y'imyaka 10 Perezida wa Kenya Daniel Arap Moi yari amaze ku butegetsi. Mu kwitegura uwo mukino, Norbert Muhaturukundo yarwanyije ko abakinnyi b'Abatutsi bawitabira bityo

bavanwa ku rutonde.

Iryo vangura yongeye kuri garagaza mu wa 1989 ubwo yari amaze kubona umubare w'abatutsi uruta uw'Abahutu bari batoranijwe guserukira u Rwanda mu mikino y'akarere yagombaga kubera muri Gabon. Aba bakinnyi bitabiriye iyo mikino, ariko bigaragara ko Abatutsi nta gaciro bahabwa nk'abandi mu kipe y'igihugu.

Mu wa 1992, Norbert Muhaturukundo yaje guhindurirwa imirimo agirwa Superefe wa Superefegitura ya Nyanza ariko ntiyahatinda kuko yahise yimurirwa muri Superefegitura ya Kiyumba. Muri izi Superegitura zombi yaranzwe n'amacakubiri akaba ariyo yatumye adatinda ku buyobozi i Nyanza bitewe n'uko abaturage baho batabyihanganiye, biba ngombwa ko ahindurirwa imirimo.

### 3.4. Abakozi ba Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe (MIJEUMA) n'ibigo byari biyishamikiyeho bazize Jenoside

#### 3.4.1. Abakozi bazize Jenoside babonewe amakuru

Urutonde n'umwirondoro bikurikira biragaragaza Abatutsi bakoraga muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe bazize Jenoside. Uru rutonde rwakozwe hifashishijwe amakuru y'ibanze twahawe na Minisiteri ya Siporo n'Umuco. Mu rwego rwo kurunoza, abashakashatsi bagiranye ibiganiro mu matsinda n'abahoze ari abakozi ba Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe bababafasha kubabwira abandi Batutsi bazize Jenoside batarugaragaho, kimwe n'abari baruriho atari byo.

Mu bushakashatsi, amakuru yose kuri bamwe muri abo bakozi ntiyabashije kuboneka, yaba ari mu bubiko shakiro bwa minisiteri mu bijyanye n'abakozi cyangwa se mu gushakisha abavandimwe babo n'abababakomokaho. Muri rusange abantu mirongo itatu (30) ni bo babonewe amakuru avuye mu byangombwa byabo mu bubikoshakiro bwa minisiteri no'ku bandimwe babo, incuti zabo cyangwa abo bakoranaga. Hari abakozi b'iyahoze ari Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe batanu batabonewe (5) amakuru bitewe n'uko abababakomokaho cyangwa abavandimwe babo ndetse n'abakoranaga na bo batigeze bamenya uko bishwe cyangwa se banamenye niba hari abababakomokaho barokotse. Amazina yabo n'imyirondoro yabo ni iyi

ikurikira:

**1. Nathan Bicunda**

Nathan Bicunda ni mwene Njangwe na Nyiramayimayi. Yavukiye Murambi mu wa 1948. Yize amashuri yisumbuye mu ishami ry'ubumenyi mu Ishuri ryitiriwe Mutagatifu Andereya aho yarangije mu1969.

Nathan Bicunda yatangiye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko tariki ya 1/10/1974 akuriye ibiro bishinzwe igenamigambi[27].

**2. Gabriel Gasore**

Gabriel Gasore ni mwene Ntagozera na Mukahanyurwa wavutse ku itariki ya 24 Werurwe1959 i Ntongwe mu yahoze ari Komini Mushubati ya Perefegitura ya Gitarama. Yize amashuri




yisumbuye, arangiza mu ishami nderabarezi muri Zayire ariyo Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo y'ubu. Yatangiye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe tariki 28 Werurwe1989 mu Ishami rishinzwe Itorero ry'Igihugu ryari mu Rukari i Nyanza.

Interahamwe zamuvanye i Nyanza hamwe n'abandi Batutsi babicira i Mugonzi. Yapfuye akiri ingaragu[28].

[27] Amakuru yakuwe mu bubikoshakiro bw'ibyangombwa by'abakozi muri Minisiteri ya Siporo. Abashakashatsi babuze umuntu ubaha amakuru yandi.

[28] Ubuhamya twahawe n'uwo bakoranaga

**3. Gihana Leopold**



Léopold Gihana ni mwene Ignace Nyilinkwaya na Cécile Mukamusoni. Yavukiye Rwabicuma muri Komini Nyabisindu mu wa 1963.

Yatangiye akazi ko gutwara imodoka muri minisisteri ku itariki ya 02 Kamena 1988. Ku itariki ya 15 z'uko kwezi yoherejwe gukorera i Kibungo ku biro bya Perefegitura. Amakuru ajyanye n'urupfu rwe ntayo twabashije kumenya.

**4. Alphonse Gisagara**

Alphonse Gisagara ni mwene Murashi na Mukabaziga. Yavukiye i Rwamashyongoshyo muri Komini Gikoro mu wa1947 .

Gisagara arangije amashuri abanza yakomereje mu Rwunge rw'Amashuri ya Butare aho yagarukiye mu mwaka wa kane. Yatangiye akazi muri Minisiteri y'Itangazamakuru n'Ubukerarugendo ku itariki ya 1 Nyakanga 1964 ashinzwe kwakira inyandiko no kuzishyingura. Mu wa 1974 yahinduriwe imirimo ajya gukora muri Minisiteri y'Imibereho Myiza y'Abaturage n'Amakoperative ashinzwe kwigisha no guhugura urubyiruko. Guhera mu wa 1984, Minisiteri y'Imibereho Myiza y'Abaturage n'Amakoperative yahinduye inyito yitwa Minisiteri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative. Muri iyo minisiteri, yari ashinzwe inguzanyo ziciriritse zatangwaga na minisiteri. Nyuma yaho yaje kwimurirwa mu kigo gihugura urubyiruko cya Gaculiro.

Gisagara Alphonse yari umugabo utuje kandi w'umuhanga mu gutegura imishahara y'abakozi akaba ari na we wabazwaga ibijyanye na yo. Yakundaga umurimo akanashishikarira gukemura ibibazo by'imishahara y'abakozi cyangwa inguzanyo.

Mu gihe cya Jenoside yari atuye i Gaculiro, aho yavuye kubera ko yari mu bantu bahigwaga n'Interahamwe ahungira mu kigo cya *Croix-Rouge Rwandaise* hamwe n'umugore n'abana be

batatu. Ubuhamya twahawe n'umwana we Mwenedata Alexis, yatubwiye ko Gisagara Alphonse yatungiwe agatoki, Interahamwe ziramutwara zimwicira aho muri Croix Rouge. Ikindi yatubwiye ni uko Abatutsi biciwe muri Croix Rouge kugeza amagingo aya batigeze bashyingurwa mu cyubahiro.

Mu bagize umuryango wa Gisagara Alphonse, harokotse umugore we waje gupfa nyuma ya Jenoside azize indwara. Harokotse nanone abana be batatu ari bo Mwenedata Alexis, Nsabimana Jean de Dieu na Gombaniro Norbert[29].

**5. Charles Habimana**

Charles Habimana ni mwene Hategekimana na Mujawimana wavutse mu wa 1953 i Nyakabanda mu yahoze ari Komini Ngoma ya Perefegitura ya Butare. Yatangiye akazi muri muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe tariki ya 16 ukuboza1986 atwara imodoka[30].

Charles Habimana yari atuye mu Gatenga.Yarishwe n'umuryango we wose ku buryo ntawasigaye wo kubara inkuru. Interahamwe bari baturanye nizo zamwishe we n'umugore we n'abana be bane mu ntangiriro z'ukwezi kwa Gatandatu mu wa 1994[31].

**6. Anne Marie Kabagwiza Mukasekuru**

Anne Marie Kabagwiza Mukasekuru ni mwene Juvénal Kabano na Ancilla Nyirababiligi. Yavutse mu wa 1965 i Runda mu yahoze ari Komini ya Tare. Yize amashuri abanza muri



Komini ya Tare. Ayisumbuye mu Ishami Mbonezamubano i Byumba (Ecole sociale de Byumba). Kabagwiza yashakanye na Ndayambaje tariki ya 30 Gicurasi1987.

Yatangiye akazi tariki ya 10 Ukuboza 1985 ari umwanditsi wungirije muri Minisiteri y'Urubyiruko na za Koperative muri servisi ishinzwe za koperative no guhugura urubyiruko Ku itariki ya 03 Mutarama 1986, Kabagwiza yimuriwe mu kigo gishinzwe

[29] Ikiganiro twagiranye na Mwenedata Alexis, umwana wa Gisagara Alphonse
[30] Amakuru yakuwe mu bubikoshakiro bw'ibyangombwa by'abakozi muri Minisiteri ya Siporo
[31] Ikiganiro na Kabaka Valentin, umuvandimwe wa Habimana Charles

guhugura urubyiruko k'i Nyamagabe[32].

**7. Innocent Kabandana**

Innocent Kabandana yakoze mu nzego zitandukanye za leta guhera mu Ukwakira 1973. Ku itariki ya 03 Nzeri 1992 nibwo yimuriwe muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe. Mu gihe cya Jenoside Kabandana n'umgore we bari bafitanye abana batanu (abakobwa bane n'umuhungu umwe). Mu nzira bahunga biciwe i Buringa bavuye i Gitarama bagana i Nyabikenke aho avuka mu ntangiriro z'ukwezi kwa gatandatu, harokoka umwana we w'umukobwa.



Burugumesitiri Karuganda wayoboraga Komini ya Nyabikenke mu gihe cya Jenoside yaje mu modoka ya Komini ari kumwe n'abaporisi, ibitambika imbere maze asohoka abasaba kujya ku murongo, maze asaba Kabandana Innocent indangamuntu. Akirimo kuyishaka, Karuganda yahise amurasa we n'umugore n'abana be bane.

Mwizerwa Salome wari ufite imyaka itandatu icyo gihe, yarokotse kuko yasigaye ku ruhande ntiyajya ku murongo hamwe n'abandi. Ubu Mwizerwa Salome yize Kaminuza akaba yicumbikiye ku Kabeza mu Murenge wa Kanombe.

**8. Eric Didier Kabalira**

Eric Didier Kabalira ni mwene Clément Kabalira na Valérie Ngambiki. Yavukiye i Kigeme mu yahoze ari Komini Nyamagabe. Eric Kabalira yatangiye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ku itariki ya 18 Gashyantare 1991 mu ishami rishinzwe guhugura urubyiruko. Ku itariki ya 7 Ukwakira 1991, Padiri Joseph Bimenyimana wayoboraga Ishuri ryitiriwe Mutagatifu Andereya yasabye Minisiteri y'Urubyiruko kuyiha umukozi uhoraho ushinzwe urubyiruko. Guhera ubwo, Minisiteri y'Urubyiruko yamwohereje kuba umunyamabanga w'Umuryango w'Urubyiruko w'Abanyeshuri Gatorika (Jeunesse


---

[32] Amakuru yakuwe mu bubikoshakiro bw'ibyangombwa by'abakozi muri Minisiteri ya Siporo.

Estudiantine Catholique – JEC) mu ishuri ryitiriwe Mutagatifu Andereya i Nyamirambo[33]. Abashakashatsi babuze ubaha amakuru y'uburyo yishwe muri Jenoside.

**9. Pierre Canisius Kabasha**

Pierre Canisius Kabasha ni mwene Mushumba na Kayitesi. Yavutse mu wa 1962 i Kabare ahahoze ari muri Komini Muhazi ya Perefegitura ya Kibungo. Yize amashuri yisumbuye



mu'ishuri ryitiriwe Mutagatifu Andereya mu bijyanye n'Ikilatini n'Ubumenyi (Latin-Sciences), arangiza mu 1983. Yakomeje amashuri muri Kaminuza Nkuru y'U Rwanda arangiza mu Ishami ry'Ubumenyingiro (Ingenieur Technicien en electromecanique) mu wa 1989. Yatangiye gukorera Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ku itariki yau17 Nzeri 1990 mu ishami rishinzwe guhugura urubyiruko. Yari ashinzwe gutegura imfashanyigisho no guhugura abahugura urubyiruko mu bijyanye n'ubumenyingiro (mécanique). Yishwe akiri ingaragu.

**10. Guy (Guido) Kabera**

Guido Kabera yavukiye muri Komini Tambwe mu yahoze ari Perefegitura ya Gitarama. Yatangiye akorera Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere rusange, ahindurirwa imirimo yoherezwa gukorera Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe.

Guido Kabera yari umuhanga cyane kandi wubahiriza inshingano ze. Mu gihe cyo kubaka Stade Amahoro, ni we mukozi wa Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe wari wungirije itsinda ry'Abashinwa ryari rishinzwe kubakisha Stade Amahoro. Ku itariki ya 08 Ukuboza 1993, yahinduriwe inshingano ashyirwa mu ishami rishinzwe ubushakashatsi no kunganira Minisiteri y'Urubyiruko mu bijyanye n'amategeko. Kabera yari yubatse, yicanywe n'umwana

[33] amakuru yakuwe mu bubiko bw'ibyangombwa by'abakozi muri minisiteri ya siporo

we w'imfura, umugore we ararokoka.

### 11. Eugénie Kambayire

Eugénie Kambayire ni mwene François Simbiyara na Julienne Nkundabiga. Yavukiye i Mbuye muri Komini Ntyazo, i Butare, ku itariki ya 14 Mata 1958. Eugénie Kambayire yize imyaka itatu y'amashuri yisumbuye mu ishami mbonezamubano.

Yatangiye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko na Siporo ku itariki ya 2 Mata 1979 nk'umunyamabanga mu Kigo cy'amahugurwa (Encadrement Régional de la Jeunesse) cya Byumba. Mu bihe bitandukanye, Kambayire yakomeje gukorera Minisiteri y'Urubyiruko na Koperative mu mashami atandukanye.

- Ku i tariki ya 02 Gashyantare 1982 yavuye i Byumba ajya gukorera i Gitarama mu kigo cy'amahugurwa y'urubyiruko.
- Ku itariki ya 27 Werurwe 1985 yagiye gukorera muri Superefegitura ya Nyabisindu mu bukangurambaga bw'urubyiruko.
- Ku itariki ya 15 Ugushyingo 1989 yimuriwe mu ishami ry'imyidagaduro (Folklore et ballets) mu Rukari.
- Ku itariki ya 02 Werurwe 1990, Kambayire yavanywe mu Rukari yoherezwa gukorera mu Kigo cy'amahugurwa cya Kavumu[34].

Kambayire Eugenie yari afite umuryango ariko amakuru ajyanye n'urupfu rwe ntitwabashije kuyabona.

### 12. Pierre Claver Kavange

Pierre Claver Kavange ni mwene Nyiringango na Karuyenzi. Yavutse ku itariki ya 15 Ukuboza 1943 mu Rutamba, muri Komini ya Nkumba ya Perefegitura ya Ruhengeri. Yatangiye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko ku itariki ya 12 Nzeri 1985, avuye ku rugerero muri Minisiteri y'Ingabo yakoreye kuva 18 Nyakanga 1963 kugeza ku itariki ya 01 Nyakanga 1985.

Kavange Pierre Claver yari umugabo w'intwari kandi usetsa cyane. Mu gihe cya Jenoside, ubutwari bwe bwaranzwe no kurwana ku Batutsi bicwaga. Yiciwe i Masoro ya Ndera ahari muri Komini ya Rubungo we n'umuryango we, harimo abana be bari baje baturutse muri

---

[34] Amakuru yakuwe mu bubiko bw'ibyangombwa by'abakozi muri Minisiteri ya Siporo

Canada kwishimira isinywa ry'amasezerano y'amahoro ya Arusha[35].

### 13. Innocent Kayitakirwa

Innocent Kayitakirwa ni mwene Rwabilinda na Kabihogo. Yavukiye i Kanazi muri Komini ya Kanzenze mu wa 1958. Yize amashuri yisumbuye arangiza mu Ishuri Nderabarezi rya Byumba (Ecole Normale de Byumba) mu wa 1979.

Yatangiye akazi mu wa 1979, akora muri Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye (MINEPRISEC) kugeza mu wa 1989, yigisha muri Lycée de Kigali. Guhera mu wa 1990 yahinduriwe imirimo yoherezwa gukora muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ari umuyobozi w'Ikigo cy'amahugurwa y'Urubyiruko cya Gati muri Komini ya Muhazi. Ku itariki ya 03 Nyakanga 1992 yahinduriwe imirimo yoherezwa gukorera mu Kigo cy'amahugurwa y'Urubyiruko i Mayange muri Komini ya Kanzenze. Amakuru ajyanye n'umuryango we ndetse n'urupfu rwe ntiyabashije kuboneka.

### 14. Jean Baptiste Kayitare

Jean Baptiste Kayitare ni mwene Gicali na Kaboninkwano. Yavukiyei Kayonza mu yahoze ari Perefegitura ya Kibungo mu wa 1956 . Yashakanye na Uzazigira Constance mu wa 1991. Kayitare yize amashuri yisumbuye mu Ishuri Nderabarezi rya Zaza aharangiriza ikiciro rusange. Mu 1976 kugeza mu 1977 yahuguwe mu bijyanye no guhugura urubyiruko.

Mu wa 1978, Kayitare yatangiye akazi i Kanombe mu Kigo Ngororamuco cy'Urubyiruko cyagengagwa na Minisiteri y'Ingabo. Mu wa 1984, yakomereje imirimo muri Minisisteri y'Urubyiruko n'Amakoperative aho yashinzwe guhugura urubyiruko mu Kigo cy'amahugurwa y'urubyiruko mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi cya Gati. Yishwe n'Komini muri paruwasi ya Mukarange muri Komini Muhazi[36].

### 15. Noël Kayitare

Noël Kayitare yakoreraga Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ashinzwe urubyiruko muri Komini Mbazi mu yahoze ari Peregitura ya Butare. Yashakanye na Anne Marie Sangumukobwa babyarana abana babiri. Sangumukobwa Anne Marie na we yakorera iyi

[35] Amakuru twahawe n'umukozi bakoranye igihe kirekire
[36] Amakuru yakuwe mu bubikoshakiro bw'ibyangombwa by'abakozi muri Minisiteri ya Siporo.

Minisisteri ari umunyamabanga mu Kigo Gihugura Urubyiruko cya Rwabuye. Mu gihe cya Jenoside umuryango wabo wose warishwe ntihagira n'umwe urokoka[37].

**16. Appolinarie Mukabalisa**

Appolinarie Mukabalisa ni mwene Paul Mudacumura na Spéciose Mukangwije. Yavukiye i Cyegera muri Komini ya Ntyazo i Butare mu wa 1957. Amashuri yisumbuye yayigiye mu Ishuri Nderabarezi rya Kigeme aharangiza mu wa 1977.



Akirangiza amashuri yahise atangira akazi yigisha mu ishuri ribanza i Kigeme aho yakoze kugeza mu wa 1981. Kuva muri Mutarama 1981 kugeza mu wa 1982 yagiye gukora muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi. Muri Muri Kamena 1986, yimuriwe muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amakoperative kuba umunyamabaganga mu ishami ry'ubuyobozi rishinzwe imyitozo ngororangingo.

Muri Jenoside Mukabalisa yarishwe hamwe n'umugabo we n'abana babo babiri bakuru. Abandi babiri, barokowe n'umuturanyi wabo w'Umufaransa. Yabajyanye mu Bufaransa ari na ho batuye ubu[38].

**17. Narcisse Munyambaraga**

Narcisse Munyambaraga yari umuyobozi w'ishami rishinzwe urubyiruko.Yari umukozi ushoboye ariko kubera gutoteza Abatutsi byariho icyo gihe, yahoraga yimurirwa hirya no hino muri za minisiteri. Munyambaraga yahuye n'akaga gakomeye mu Ukwakira 1990 ubwo yafungwaga yitwa ikitso k'Inkotanyi.

Muri Mata 1994, Munyambaraga yiciwe mu kigo cy'abihaye Imana i Nyamirambo aho yari yahungiye[39].

**18. Néhémie Mureramanzi**

---

[37] Amakuru twahawe n'Inshuti y'umuryango wakoranaga n'umugore wa Kayitare mu Kigo cy'amahugurwa y'Urubyiruko cya Rwabuye.

[38] Ikiganiro twahawe n'uwo bakoranaga.

[39] Amakuru twahawe n'uwo bakoranye.

Néhémie Mureramanzi yavukiye i Busoro muri Komini ya Kinyamakara mu wa 1960. Yize amashuri abanza ku ishuri ribanza rya Mbogo, arangiza amashuri yisumbuye ku ishuri mbonezamubano rya Kansi i Butare.

Yatangiye akazi muri Minisiteri y'Imibereho Myiza n'Amajyambere Rusange mu Ukwakira 1981. Guhera mu 1983 nibwo Mureramanzi yakomereje imirimo ye muri Minisiteri y'Urubyiruko na Koperative. Ku itariki ya 18 Ukuboza1986 yahawe buruse yo kwiga muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda. Akirangiza, yifuje gusubira gukorera Minisiteri y'Urubyiruko ntibyakunda kubera poritiki yo gutoteza Abatutsi yariho icyo gihe. Yaje mu kinyamakuru "Isibo" cyandikaga amakuru anenga guverinoma ya Habyarimana. Amakuru ajyanye n'umuryango we cyangwa se uburyo yishwe ntiyabashije kuboneka.

**19. Francois Muzamuzi**

François Muzamuzi akomoka muri Komini ya Murama ya Perefegitura ya Gikongoro. Yakoraga mu mushinga wa minisiteri ugamije iterambere ry'urubyiruko (Projet encadrement de la Jeunesse). Yiciwe mu Bibare muri Segiteri ya Remera, Komini ya Kacyiru aho yari atuye. Amakuru twahawe na mugenzi we bakoranaga ni uko mu bagize umuryango wa Muzamuzi François, harokotse umugore we n'umwana we, ubu bakaba batuye muri Canada[40].

**20. Edouard Mwumvaneza**

Edouard Mwumvaneza ni mwene Karegeya na Nyirandihano wavutse mu wa 1952 i Samba, mu yahoze ari Komini Mukingi ya Perefegitura ya Gitarama. Yatangiye akazi tariki ya 15 Kamena 1970 mu ishami rishinzwe guhugura urubyiruko muri Ministeri y'Ingabo.Yakoreye mu bigo bishinzwe guhugura urubyiruko muri Mutura kuva 1970 kugeza mu 1977. Kuva mu 1978, Mwumvaneza yakomeje guhugura urubyiruko mu kigo cy'amahugurwa cya Cyangugu. Kuva mu wa 1979 yimuriwe mu Kigo cy'Amahugurwa y'Urubyiruko i Mayange, nyuma aza kwimurirwa mu Kigo cy'Amahugurwa y'Urubyiruko i Kanombe. Aho inshingano zo guhugura urubyiruko zeguriwe Minisiteri y'Urubyiruko, Mwumvaneza yoherejwe gukorera Minisiteri y'Urubyiruko na Koperative guhera ku itariki ya 08 Mutarama 1984 mu kigo cy'amahugurwa y'urubyiruko cya Gaculiro aho yakoze kugeza mu wa 1993.

[40] Ikiganiro n'uwo bakoranaga

Amakuru atuzuye twabashije kumenya tuyahawe n'inshuti ze ni uko umugore wa Mwumvaneza Edouard n'abana babo babiri barokotse[41].

**21. Celestin Nahimana**

Celestin Nahimana yavukiye mu yahoze ari Komini ya Mbazi ya Perefegitura ya Butare mu 1960. Yatangiriye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyiramwe ku itariki ya 2 Werurwe 1989 mu Kigo cy'Amahugurwa y'Urubyiruko cya Rwabuye.



Yishwe n'Interahamwe tariki ya 25 Mata 1994 i Mbazi aho ubuyobozi bwa Komini ya Mbazi bwahurije hamwe Abatutsi mu kibuga bababeshya ko bagiye kubarindira umutekano. Nyamara umugambi nyawo wari uwo kubahuriza hamwe kugira ngo byorohere abasilikare n'Interahawmwe kubarimbura[42].

**22. Tharcisse Ndazirengeye**

Tharcisse Ndazirengeye yavukiye muri Komini ya Mubuga ya Perefegitura ya Gikongoro mu wa 1950.

Yatangiye gukora akazi muri Minisiteri y'Ingabo ashinzwe guhugura urubyiruko mu bigo by'amahugurwa bitandukanye. Mbere yuko ibigo by'amahugurwa byegurirwa Minisisteri y'Urubyiruko, Ndazirengeye yakoze mu kigo ngororamuco cya Mutura kuva mu 1969 kugeza mu wa 1976. Mu wa 1977 yimuriwe mu kigo ngororamuco i Mpanda. Mu wa 1978 yaje gukomereza ako kazi mu kigo ngororamuco cya Kanombe mbere yuko yimurirwa i Mayange


[41] Amakuru twahawe n'inchuti y'umuryango wabo.
[42] Amakuru twahawe na Mukuru we.

mu Bugesera. Ku itariki ya 15 Gicurasi 1984, yagiye kuyobora ikigo gihugura urubyiruko i Sovu mu yahoze ari Komini ya Huye ya Perefegitura ya Butare.

Ndazirengeye yiciwe kuri Segiteri ya Huye arashwe n'abasirikare. Mu muryango we harokotse umugore we Mukantabana Immaculée n'abana bane ari bo Gonzague Mutabera, Fidèle Muhirwa, Jean Marie Mutuyimana na Marie Claire Niyonsenga[43].

**23. Alphonse Ntagungira**

Alphonse Ntagungira ni mwene Louis Nsanzurwimo na Margarita Nyirabigunda. Yavukiye i Sha muri Komini ya Gisuma, Perefegitura ya Cyangugu ku itariki ya 08 Gashyantare 1963.



Yize amashuri yisumbuye mu Seminari Nto ya Nyundo aho yarangije mu wa 1984. Yatangiriye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko na za Koperative ku itariki ya 21 Gicurasi 1985. Ntagungira yahagaritse akazi ku itariki 10 Ukuboza 1988 ajya gukomeza amashuri muri Kamunuza Nkuru y'u Rwanda. Alphonse Ntagungira, nubwo yari akiri muto mu myaka, yari umusore ufite igitinyiro. Amakuru y'uko yishwe ntitwabashije kuyamenya.

**24. Claudette Nyirakigage**

[43] Ikiganiro twagiranye na Mukantabana Immaculée, Umogore wa Ndazirengeye Tharcisse.



Claudette Nyirakigage ni mwene Ndegeya na Mukabutama. Yavukiye i Kanazi muri Komini Kanzenze mu wa 1968. Yize amashuri abanza n'ayisumbuye kugeza mu mwaka wa gatatu. Nyuma yakoze amahugurwa y'ubukarani mu gihe cy'amezi ikenda muri J.O.C ayasoza ahabwa ikemezo ko ashoje neza ku itariki ya 10 Kamena 1989.

Yatangiye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe tariki ya 27 Ukuboza 1989 nk'umunyamabanga mu ishami ry'igenamigambi. Nk'uko bigaragara mu nyandiko z'isuzumamikorere, Nyirakigage yari umukozi mwiza witangiraga akazi kandi agakorana umurava. Muri Nyakanga-Kanama yabaye umunyamabanga wa mbere muri minisiteri wahuguwe gukoresha mudasobwa, atangira kuyikoresha muri Nzeri 1989.

Claudette Nyirakigage yari umukobwa wari ufite uburanga, akaba mwiza cyane ku mutima no ku mubiri urangwa no kuvuga make. Amakuru twahawe n'uwo bakoranye, yatubwiye ko yamusanze hamwe n'abandi Batutsi bari bafungiwe kuri sitasiyo ya jandarumori i Nyamirambo ahitwa kuri 40, agakeka ko ari ho yiciwe. Yishwe akiri ingaragu.

**25. Liberata Nyiraneza**




Liberata Nyiraneza ni mwene Ruhigira na Nyiramparaye. Yavukiye muri Komini ya Kibirira muri Perefegitura ya Gisenyi mu 1964. Yize amashuri yisumbuye mu Ishami Mbonezamubano i Byumba (Ecole Sociale) aho yarangije ku itariki ya 28/06/1985.

Yatangiye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amakoperative tariki ya 03/01/1986 ashinzwe kwigisha kudoda mu Kigo Gihugura Urubyiruko cya Gaculiro. Nyiraneza Liberata yishwe akiri ingaragu[44].

[44] Amakuru twahawe n'uwo bakoranye

**26. Uzziel Rugabira**



Uzziel Rugabira mwene Kalinijabo na Mukangwije. Yavukiye i Nyabiranga muri Komini ya Bwakira muri Perefegitura ya Kibuye. Yize amashuri yisumbuye muri Zaire arangiza mu ishami ry'imibare n'ubugenge.

Yatangiye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko ku itariki ya 20 Ukuboza 1985 ari umunyamabanaga mu buyobozi bushinzwe igenamigambi. Tariki ya 06/07/1992 yaje guhagarikwa mu kazi mu buryo butunguranye azize akarengane, bitewe na poritiki yo gutoteza Abatutsi yariho muri icyo gihe. Na we yishwe akiri ingaragu[45].

**27. Oscar Ruzagiliza**



Oscar Ruzagiliza ni mwene Rutagayisaso na Musirimu. Yavukiye i Rwakabuye muri Komini ya Mabanza ku Kibuye mu wa ,1959. Yize amashuri yisumbuye arangiza mu ishuri ryisumbuye rya Gitwe mu ishami ry'ubumenyi.

Yatangiye akazi muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amakoperative ku itariki ya 16 Nzeri 1981 ashinzwe gutegura ibiganiro bigenewe urubyiko no gutegura ikiganiro "*Ejo nzamera Nte*?" kuri Radiyo Rwanda[46].

Ku itariki ya 10 Ukwakira 1988, Oscar Ruzagiriza yahagaritse akazi kubera umwuka mubi wa poritiki wariho muri icyo gihe. Yahise atangira kwikoresha, akora nk'umwunganizi mu by' amategeko. Izi nshingano yazigaragaje cyane mu gihe yunganiraga Abatutsi bafunzwe mu Ukwakira 1990 bitwa ko ari ibyitso by'Inkotanyi. Yari umugabo w'imico myiza, wagiraga

[45] Amakuru twahawe n'uwo bakoranye
[46] Amakuru yakuwe mu bubiko bw'ibyangombwa by'abakozi muri Minisiteri ya Siporo.

urugwiro, usetsa cyane kandi agakundwa n'abantu benshi[47].

**28. Anne Marie Sangumukobwa**

Sangumukobwa yari umukozi wakoreye minisiteri ari umunyamabanga mu kigo gihugura urubyiruko cya Rwabuye. Yashakanye na Noheri Kayitare babyarana abana babiri. Noheri Kayitare na we yari Umukozi wa minisiteri, ashinzwe ubukangurambaga bw'urubyiruko mu yahoze ari Komini Mbazi. Mu gihe cya Jenoside bose barishwe ntihagira n'umwe urukoka.

**29. Jean Baptiste Sengoga**

Jean Baptiste Sengoga ni mwene Ruvumbuka na Mutumwinka. Yavutse tariki ya 28 Werurwe 1955 i Nyakizu muri Perefegitura ya Butare. Yize amashuri abanza i Nyakizu akomereza mu mashuri yisumbuye mu rwunge rw'amashuri i Butare mu kiciro rusange.

Yashakanye na Mukasengoga Augusta babyarana abana batatu, n'abandi bana babiri b'imfubyi barereraga.



Sengoga yatangiye akazi ku itariki ya 3 Nzeri 1974 muri Minisiteri y'Ingabo ashinzwe guhugura urubyiruko mu kigo ngororamuco. Mu wa 1984, inshingano zo guhugura urubyiruko zimuriwe muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amakoperative aho yabanje gukorera mu Kigo Gihugura Urubyiruko (CFJ) cya Mayange i Bugesera. Hanyuma yimurirwa mu kigo gihugura urubyiruko cya Kirwa muri Komini Sake muri Perefegitura ya Kibungo. Muri Gashyantare 1993, yarimuwe ku biro bya Perefegitura ya Kibungo ashinzwe urubyiruko. Muri Werurwe yongera kwimurwa ajya gukorera muri Komini Sake.

Jean Baptiste Sengoga yari umugabo watangiraga igikorwa akaruhuka ari uko agishoje.

[47] Amakuru twahawe n'uwo bakoranaga

Nyamara icyo gihe imikoranire yari igoranye kubera umwuka w'amacakubiri wari hagati y'abakozi. Sengoga yishwe mu gitondo cyo ku itariki ya 07 Mata 1994 iwe mu rugo. Yishwe n'igitero cyari kiyobowe n'abasilikari bafatanije n'Interahamwe zitwaje imihoro n'impiri, apfana n'abana be babiri, imfubyi ebyiri yareraga, mushiki we n'umwana we bari baje kubasura. Mu muryango wa Sengoga, harokotse umugore we Mukasengoga Augusta n'umwana we w'umukobwa Mugirasoni Sengoga Valentine ubu batuye ku Kimihurura[48].

**30. Marie Rose Samputu**

Marie Rose Samputu n'umugabo we bari abakozi ba Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe. Bahungiye mu muryango w'inshuti yabo witwa Isidore Ngarambe. Nyuma uyu Isidore Ngarambe ni we wagiye guhuruza Interahamwe zo mu muryango bita Abanyabungo batuye ku musozi wa Kigali. Icyo gihe haje igitero kirimo Bizimungu, Kalisiti, Munyaneza, Innocent, Kagote, Eugene, Serugendo mwene Sebumba na Umulisa. Zimaze kumubona zamuzamukanye mu ishyamba ryari haruguru y'uwo mugabo Isidore. Zihamugejeje zabanje kumusambanya zirangije ziramwica. Nyuma ziza kumujomba ibiti munda ibyara. Ibyo byabereye muri Segiteri Kigali, Selire Gitikinyoni, muri Komini ya Butamwa.

**31. Jean de la Croix Mugandura**

Jean de la Croix Mugandura yari umukangurambaga w'urubyiruko muri Komini ya Nyarugenge, akaba yari atuye mu Biryogo mu gihe cya Jenoside. Jean de la Croix Mugandura yakinaga umukino wa Volleyball mu ikipe yitwaga "*Buhiri*", yitorezaga kuri Club Rafiki akaba yari n'Umutoza w'ikipe y'abakobwa "*Les Lionnes*" ya Komini ya Nyarugenge. Mu gihe cya Jenoside yatewe grenade aho yari atuye mu Biryogo, agambaniwe na Jean Nepomuscene Rufifi wari Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali akaba na Perezida wa CDR muri Segiteri ya Biryogo. Amaze kurokoka iyo grenade, Mugandura yahungiye i Kabgayi ari na ho izindi Nterahamwe zamusanze ari inkomere ziramuhuhura.

### 3.4.2. Abakozi ba MIJEUMA bazize Jenoside batabonewe amakuru

Hari abakozi ba MIJEUMA bazize Jenoside abashakashatsi batabashije kubonera amakuru

---

48 Amakuru twahawe n'Umugore wa Sengoga Jean Baptiste

ajyanye n’uko bakoze muri iyi minisiteri n’uko bishwe. Ibyo byatumye nta n’icyo bamenye ku babakomokaho cyangwa abo bafitanye andi masano. Abo bakozi ni aba bakurikira:

1. Bagirigomwa Christophe
2. Byampororo
3. Gasasira Jean Baptiste yakoreraga i Gaculiro
4. Gashumba Michel
5. Nshimiyimana Emile
6. Jean de la Croix Mugandura

# UMUTWE WA 4: UBURYO IMIKINO N'IMYIDAGADURO BYINJIYE MURI PORITIKI Y'IVANGURA N'AMACAKUBIRI

## 4.1. Umwinjiriro

Amateka n'umuco nyarwanda byerekana ko mu Rwanda imikino n'imyidagaduro byari bigize igice kinini cy'ubuzima bwabo. Ishuri ryariho kuva imyaka myinshi cyane mbere y'uko Abakoroni badukana ibyabo bagatesha agaciro ibyacu basanze ni itorero ryari irerero aho buri wese mu rubyiruko yanyuraga akiga indangagaciro na kirazira, akigishwa kumasha kugira ngo azatabarire Igihugu kandi akiga gutarama no kwiyereka mu bandi kugira ngo ataba igifura[49]. Imikino gakondo yabayeho igihe kirekire kandi ifasha mu kubaka Igihugu cy'u Rwanda kugeza aho n'iya kizungu iziye izanywe n'abanyamahanga.

Ubushakashatsi bwakozwe n'ishyirahamwe ry'imikino mu Rwanda ibufatanyije n'Inteko Izirikana bwashyizwe ahagaragara mu gitabo kitwa "*Imikino n'urwego gakondo*", bwagaragaje imikino igera kuri 39 yakinwaga mu Rwanda hose. Iyo mikino yari ikubiye mu byiciro 3 bikurikira:

- Umukino wo kunyabana;
- Umukino w'ururanyundo;
- n'umukino w'imyitozo y'ingabo.

Iyo mikino ahanini yakorwaga mu itorero ryatangiye mu Rwanda ahagana mu 1300, kandi ikaba yari ikomatanyije indagagaciro eshatu ari zo:

- Ubusabane n'isangano (byagereranywa no Kubahana);
- Kugira ishyaka no guharanira kubana neza;
- Gukunda Igihugu no kwitegura kukitangira, indangagaciro y'umwihariko ku Banyarwanda.

Imikino gakondo yagiye yibagirana buhorobuhoro iza gusimburwa n'iyo dufite ubu. Nyuma y'ikendera ry'imikino gakondo yavuzwe haruguru, hadutse imishya izanywe n'abakoroni n'abihayimana b'Abagatorika. Muri uko gukendera kw'imikino gakondo byajyanye n'icika rya bimwe mu biranga umuco nyarwanda na kirazira. Ni ingenzi rero kumenya amateka y'iyo mikino yazanywe n'abakoroni igasimbura imikino gakondo yaranze ubusabane n'imibanire

[49] Ijambo igifura rikoreshwa ku muntu utazi gutarama no guterana ubuse ku buryo iyo bamunenze cyangwa bakamuvugaho ibinyoma arakara, ndetse akanivumbura akava mu bagabo bataramye.

by'Abanyarwanda.

### 4.2. Imikino n'imyidagaduro muri poritiki y'ivangura nyuma y'ubwigenge

Kuva kera na kare imikino mu Rwanda yari mu matsinda abiri: imikino kuri buri wese n'imikino yabaga iteguwe mu ikipe. Hagati ya 1962 na 1972, ubuyobozi bwagaragaje ubushake mu guteza imbere imikino ubwo. Haje gushyirwagaho ishami rya ubuyobozi bukuru bw'urubyiruko muri Minisiteri y'Umuryango n'Iterambere ry'Abaturage. Icyo kikaba ari kimwe mu byerekana ko imikino yitaweho. Muri iryo shami ry'ubuyobozi kandi hashyizwemo gahunda ireba imikino n'imyidagaduro. Ikindi ni uko muri Manifeste ya MDR- Parmehutu yo ku itariki ya 7 Kamena 1969 igaragaza ubushake abayobozi bari bafite mu guteza imbere imikino. Iyo kongere yashimangiye ibi bikurikira:

- Guteza imbere imikino mu rubyiruko
- Kugira ibibuga by'imikino no gutegura amarushanwa muri buri Komini n'ibindi[50].

Muri Repuburika ya mbere ibyakozwe si byinshi biteza imbere imikino, ahubwo hatanzwe umurongo ngenderwaho mu kuyiteza imbere. Ahubwo iki gihe cyaranzwe n'ibibuga bike kandi bitameze neza, ndetse n'aho byabonekaga habaga ari mu bigo by' amashuri, mu bigo bya gisirikare, kaminuza y'u Rwanda, ishuri rya Mutagatifu Andereya, urwunge rw'amashuri rw' i Butare cyangwa ahandi hantu hatagerwaga na buri wese. Ibyo bibuga hafi ya byose byubatswe hagati ya 1973-1981.

Mu wa 1973, Perezida Habyarimana akimara gufata ubutegetsi, ishami ryari rifite imikino n'imyidagaduro mu nshingano ryahawe imbaraga, bityo hagati ya 1973-1982, inshingano z'iryo shami ry'ubuyobozi ryongerwa imbaraga nk'uko bisobanurwa muri Manifeste ya MRND aho igira iti:"*Imikino n'imyidagaduro bigomba gutezwa imbere ariko kandi bigakorwa nyuma y'akazi*". Muri iyo Manifeste kandi MRND yashimangiraga ko imikino n'imyidagaduro yagera mu makomini yose ndetse ibibuga by'imikino n'imyidagaduro bikongerwa kandi n'ibisanzweho bigakorwa neza.

Iki gihe cyaranzwe no guteza imbere imikino n'imyidagaduro, haba hagati mu gihugu ndetse no hanze yacyo. Amakipe y'u Rwanda yatangiye gukina imikino mpuzamahanga. Mu bijyanye n'ubuyobozi bw'inzego z'imikino n'imyidagaduro hashyizweho ubuyobozi bushinzwe imikino

[50] Raporo ya MIJEUMA yo mu wa 1982.

n'urubyiruko ku rwego rwa Komini na Perefegitura, kugira ngo bubashe gutegura neza urubyiruko kandi bunabashishikariza gukora imikino inyuranye. Hashyizweho ku rwego rwa minisiteri, ubuyobozi bw'amashyirahamwe y'imikino ku buryo bukurikira:

- Ishyirahamwe nyarwanda ry'umupira w'amaguru;
- Ishyirahamwe nyarwanda ry'abasiganwa ku maguru;
- Ishyirahamwe nyarwanda ry'umukino w'intoki wa basket ball;
- Ishyirahamwe nyarwanda ry'umukino w'intoki wa volley ball;
- Ishyirahamwe nyarwanda ry'abasiganwa ku magare.

U Rwanda kandi rwaje kwemererwa kwinjira mu miryango yo mu karere ndetse na mpuzamahanga mu bijyanye n'imikino:

- 1973: Ishyirahamwe mpuzamahanga ry'abasiganwa ku maguru;
- 1975: Inama nkuru y'imikino muri Afrika;
- 1976: Impuzamashyirahamwe nyafurika y'abasiganwa ku maguru (C.A.A.A);
- 1977: U Rwanda rwemerewe kwinjira mu mpuzamashyirahamwe nyafurika y'umupira w'amaguru (CAF);
- 1978: U Rwanda rwemerewe kuba umunyamuryango wa FIFA;
- 1978: U Rwanda rwinjiye mu muryango mpuzamahanga w'umukino w'intoki wa Volleyball (FIVB);
- 1977: U Rwanda rwinjiye mu muryango mpuzamahanga w'umukino w'intoki wa Basket (FIBA).

Urugamba rwo kubohora u Rwanda rutangiye mu Ukwakira 1990, imikino yose yarahagaritswe mu gihugu mu gihe kingana n'amezi cumi n'umunani. Mu by'ukuri ntibyari ukubera ikibazo cy'umutekano muke, ahubwo byari uko ubutegetsi bwikangaga ko mu mikino kuri za sitade hahinduka inzira yo gushaka no kwinjiza abayoboke b'Inkotanyi.

Igihe imikino n'imyidagaduro byakoreshwaga nk'igikoresho cya poritike y'ivangura mu banyarwanda, hari abanyaporitike babonaga ko bikwiye guhinduka, bityo imikino igakoreshwa mu guhuza abanyarwanda. Urugero ni igihe abayobozi b'Ishyaka PSD baherekeza urubyiruko rw'ishyaka PSD bitaga "*Abakombozi*" mu mikino yaruhuje n'urubyiruko rwa FPR Inkotanyi ku cyicaro gikuru ku Mulindi wa Byumba ku itariki 18 Nyakanga 1993. Abari bayoboye urwo rubyiruko ni Maitre Félicien Ngango wigeze kuyobora Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Umupira w'Amaguru (FERWAFA) na Gafaranga Théoneste bombi ari abayobozi b'ishyaka PSD.

Hakiniwe umukino w'intoki Volleyball n'uw'amaguru. Abakombozi batsinze ikipe y'umukino w'intoki wa FPR-Inkotanyi naho ikipe y'umukino w'amaguru ya FPR-Inkotanyi itsinda iya PSD. Nyuma y'imikino, hakurikiyeho ubusabane hagati y'abakinnyi n'abayobozi b'iyo mitwe ya poritike yombi.

Imikino yo kwishyura yari iteganyijwe kuzaba amasezerano y'amahoro ya Arusha amaze gushyirwaho umukono. Amaze gushyirwaho umukono, imikino yo kwishyura yagombaga kubera ku kibuga cy'imikino cya Nyamirambo, ariko kubera umutekano mucye yaje kuburizwamo. Uwo mutekano mucye watewe n'abanyaporitike bo mu ishyaka rya MRND na *"Hutu Power"* batifuzaga ibikorwa byatuma abanyaporitiki, urubyiruko n'Ingabo za FPR-Inkotanyi basabana n'Abaturage bakanamenyekana mu gihugu. Nyuma, abitabiriye iyo mikino yabereye ku Mulindi bose bahigishijwe uruhindu baranatotezwa. Jenoside itangiye, abenshi muri bo barishwe ku ikubitiro.

### 4.3. Amateka y'umupira w'amaguru n'ikibazo cy'ivangura, itotezwa na Jenoside yakorewe Abatutsi

Umwanditsi Thomas Riot (2008)[51] agaragaza ko umupira w'amaguru wageze mu Rwanda mu gihe cy'umwaduko w'abazungu uzanjywe n'abakoroni ku bufatanye n'Abapadiri Bera.

Mu myaka ya 1920 nibwo umukino wagaragaye cyanecyane mu bigo by'amashuri n'iby'abihayimana. Uwari ku isonga ryabo ba misiyoneri ba Kiriziya Gatorika yari Padiri Schumacher w'Umudage wabaga i Kabgayi.

Mu myaka ya 1945-1952, nibwo havutse ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru (ASAR) ryari rifite intego yo guteza imbere imikino nubwo umukino wavugwaga ari umupira w'amaguru gusa[52]. Iryo shyirahamwe ryari ribumbatiye amakipe y'umupira w'amaguru agera ku ijana na makumyabiri ndetse n'abanyamuryango bagera ku bihumbi bitatu. Ng'uko uko umupira w'amaguru winjiye mu muco w'Abanyarwanda usanga imikino gakondo.

Mbere ya 1950, umupira w'amaguru ntiwarangwagamo umwiryane na muke kuko amakipe ijana na makumyabiri yariho n'abanyamuryango bagera ku bihumbi bitatu ntibyari bishigiye

---

[51] Football et mobilisations identitaires au Rwanda: ethnohistoire d'une invention coloniale (1945-1959).

[52] A.S.A.R. : Association Sportive au Rwanda.

ku moko. Hagati ya 1950-1958, nibwo ikibazo cy'amoko hagati y'Abahutu n'Abatutsi cyagaragaye mu mupira w'amaguru. Byatumye usubira inyuma cyane kubera ubwumvikane buke hagati y'abakinnyi bishingiye ku moko. Abakinnyi benshi mu makipe banze kwitabira imikino abandi baratatana, bityo amakipe atangira gusenyuka. Mu wa 1958, umupira warahagaze maze umwuka w'inzangano hagati y'Abahutu n'Abatutsi ufata indi ntera, kugera mu wa 1959.

Nyuma yaho u Rwanda ruboneye ubwigenge mu wa 1962 mu myaka yakurikiyeho kugeza mu 1972, hongeye kuvuka amakipe mashya maze bityo abakunzi b'uwo mukino bongera kubona akanya ko kwihitiramo no kogeza amakipe yabo mu mikino y'amarushamwa anyuranye yakorwaga muri icyo gihe. Amenshi muri ayo makipe yatangiye afite andi mazina atavugwa muri iki gihe. Muri yo twavuga nka Mukura Victory Sport y'i Butare (1963), ikipe y'ingabo z'Igihugu yaje kwitwa Panthers Noirs (1965), Kiyovu Sports y'i Kigali (1964), amakipe ya SOMOKA (Standard-Rwinkwavu (1964) n'indi y' i Rutongo, Rayon Sport y'i Nyanza- Butare (1965), na Espoir FC y'i Cyangugu (1969).

Mu myaka ya 1970, amakipe y'umupira w'amaguru yakunze gukina imikino mpuza mahanga. Ikipe y'Igihugu yahuye n'amakipe atandukanye muri iyo mikino:

- U Budage,
- U Burundi,
- Uganda
- U Bushinwa (1977)
- Sao Tomé (1977)
- Gabon (1976), n'ahandi.

Mu myaka ya 1980, umupira w'amaguru mu Rwanda wateye imbere cyane mu rwego rw'ubumenyi no mu rwego rw'uburyongiro, ari na ko amakipe ajya ahagaragara.

Ubwo bumenyi bwagaragazwaga n'ukuntu abakinnyi babifashijwemo cyane n'abatoza babo bitwaraga neza mu kibuga. Mu mikinire yabo wabonaga harimo ubushishozi, bakita cyane guhindura imikinire bitewe n'ubuhanga bw'ikipe babaga bahuye. Icyo gihe kandi cyaranzwe n'ihererekanya ry'umupira hagati y'abakinnyi mu kibuga mu buryo bwa mpande eshatu. Ni nabwo kandi amarushanwa mu mupira w'amaguru yiyongereye, ndetse n'umubare w'amakipe uriyongera haba mu kiciro cya mbere ndetse n'icya kabiri. Muri ayo makipe twavuga nk'ikipe

ya Mukura Victory Sports y'ahitwa i Ngoma ahahoze Perefegitura ya Butare, Rayon Sports y' i Nyanza muri Nyabisindu, Kiyovu Sports yari i Kigali muri Nyarugenge, Mukungwa FC yari muri Perefegitura ya Ruhengeri, Etincelles yari iya Perefegitura Gisenyi, Pantères Noirs yari yegamiye ku ngabo z''Igihugu, Kilovolt yari iy' ikigo cya Electrogaz, Eclair FC yari iy' ikigo k'ingabo z'Igihugu cya Kanombe, STIR FC yari iyi ikigo gishinzwe ubwikorezi, Miroplast yari iy'uruganda rwakoraga ibikoresho bya parasitike n'andi.

Mu myaka ya 1990, umupira w'amaguru mu Rwanda wakomeje gutera intambwe igaragara, ariko uza guhagarikwa n'igitero cyo kubohora u Rwanda. Imikino n'imyidagaduro mu Rwanda yaje guhagarikwa igihe kigera ku mezi cumi n'umunani. Icyo gihe kandi amakipe yose ntiyagarutse mu mikino cyanecyane ayari afitanye isano n'inzego za gisirikare.

### 4.3.1. Umupira w'amaguru nk'igikoresho cya poritiki y'ivangura

Tugarutse ku mateka y'imikino hagati ya 1990 na 1994, ni ngombwa kuvuga ngo abanyaporitiki babi u Rwanda rwagize bifashishije imikino itandukanye cyanecyane umupira w'amaguru kugira ngo basakaze urwango rushingiye ku moko, bityo babasha kwigisha no gucengeza ingengabitekerezo yaje kubyara Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata-Nyakanga 1994. Imikino ubusanzwe yahuzaga abantu ikabatera ishyaka n'akanyamuneza yaje guhindurwa urubuga rwo kubiba inzangano n'amacakubiri, gutoteza no kwica bamwe, akenshi bigakorerwa ku bibuga n'inzego zitwaga ko zishinzwe umutekano wa bose.

Ku bijyanye n'urwo rwango n'amacakubiri yarangwaga mu mikino yo mu Rwanda mbere ya 1994, ndetse n'uruhare rwa bamwe mu gutegura no mu gushyira mu bikorwa Jenoside, Ambasaderi Munyabagisha Valens yabisobanuye mu magambo akurikira ubwo hibukwaga abakinnyi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 23:

"*Hagati ya 1973 na 1980, kwinjira mu ikipe ya Kaminuza Nkuru y'u Rwanda y'umupira w'intoki basketball cyangwa se uwa volley uri Umututsi byari ibintu bikomeye cyane! Byamusabaga kuba ari umuhanga cyane cyangwa se kugira inshuti zashoboraga kumufasha kwinjira muri iyo kipe ya Kaminuza. Mu mikino yose n'ubuzima bw'ikipe habaga harimo umumaneko ukurikirana ibivugwa n'ibikorwa byose ku buryo nta bwisanzure bwarimo. Amagambo mabi y'ivangura n'itotezwa ry'Abatutsi yakundaga kugaragara no ku bibuga iyo twabaga twakinnye n'amakipe akomeye yariho muri icyo gihe nka OKAPI na ESM, aho mu mikino abafana babaga*

*bagutuka ku buryo byashoboraga kugutesha umutwe watsindwa bati: ni ya Nyenzi ! Ayo magambo ni na yo yakomeje gukoreshwa no mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994"[53].*

Nk'uko bikomeza byemezwa na Bwana Munyabagisha, umubano wihariye hagati y'umupira w'amaguru n'ubutegetsi bwariho mu Rwanda watangiye ahagana mu wa 1986 ubwo ubutegetsi bwakoreshaga uwo mukino nk'igikoresho cya *mobilisation* kugira ngo bigarurire abaturage batinyaga ko bakwigaragambya kubera ibibazo by'ubukungu bikomeye byariho icyo gihe. Abategetsi bahise binjira mu buyobozi bw'amakipe yose, bamwe batari bazi n'iyo iby'imikino bigana[54]. Uwo mubano wakajije umurego guhera mu wa 1990 ubwo amakipe yariho yeguriwe amaparefegitura, abasirikari n'ibigo bya Leta n'ibyigenga. Ibyo byakurikiye iyubakwa rya Stade Amahoro i Remera no kwogeza umupira w'amaguru kuri Radiyo- Rwanda ari byo byatumye umupira ukurikirwa unakundwa na benshi.

Urugamba rwo kubohora Igihugu rutangiye mu Ukwakira 1990, imikino yarahagaritswe mu gihugu hose amezi 18, mu by'ukuri atari ukubera ikibazo cy'umutekano muke, ahubwo ari ukubera ko ubutegetsi bwikangaga ko mu mikino kuri za stades hahinduka inzira yo gushaka no kwinjiza abayoboke b'Inkotanyi.

Amateka n'inyandiko nke ziboneka byerekana ko ubutegetsi bwo mu Rwanda hagati ya 1990 na 1994 bwifashishije abakunzi b'imikino itandukanye mu gucengeza amatwara y'urwango n'amacakubiri yagejeje u Rwanda kuri Jenoside. Urugero rwa hafi ni umutwe w'Interahamwe wavutse uhereye ku ikipe ya Club Loisirs ya Kajuga Robert[55] mu wa 1991. Icyo gihe kandi cyaranzwe n'intambara yari ishyamiranyije ingabo z'u Rwanda na FPR-Inkotanyi mu mujyaruguru y'u Rwanda, yagiraga ingaruka mu bice bisigaye by'Igihugu kubera ko ku bibuga by'imikino hari hasigaye haza abasirikari bambaye gisiviri bakiyenza ku Batutsi no ku bantu bose bafatwaga nk'aho badashyigikiye ubutegetsi bwariho cyanecyane abo ubwo butegetsi bwitaga Abanyanduga.

Mu mpera z'umwaka wa 1993, havutse udutsiko tw'abahezanguni mu mashyaka, mu gisirikari

---

[53] Ikiganiro cyatanzwe mu Kwibuka 24 ku ya 22 Kamena 2018 kuri Stade Amahoro.

[54] Rutaganda Georges wabaye Interahamwe ikomeye yahawe kuyobora Rayons Sport mu wa1992, Abanyenyanza baramwangira.

[55] André Guichaoua asobanura ko mu wa 1991 ari bwo Kajuga Robert yashinzwe ikipe y'umupira yitwa *Club Loisirs* yaje kuvamo umutwe wa mbere w'Interahamwe ubwo Leta ya Habyarimana yari imaze kwemera amashyaka menshi.

no muri jandarumori twarwanyaga ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ya Arusha yari amaze gushyirwaho umukono. Bafatanyagaga n'ibinyamakuru byandika ndetse na RTLM yari imaze gushingwa. Kuvuga amakuru y'isubiranamo no gucikamo ibice muri ayo mashyaka byakorwaga nk'uko umupira wogezwa ku buryo ibyari gufana n'ibyishimo byahindutsemo isebanya no guhembera inzangano n'amacakubiri yavuyemo Jenoside yakorewe Abatutsi. Ubutegetsi bwari bugeze ku ntego yabwo yo gukangurira Abahutu bose kwica Abatutsi byashyizwe mu bikorwa mu gihugu hose kuva ku itariki ya 6 Mata 1994.

### 4.3.2. Amateka y'amakipe y'umupira w'amaguru mu Rwanda

Mu gushaka amakuru y'amakipe n'uburyo yabayeho, ubushakashatsi bwibanze cyane ku makipe yakoreshejwe mu kwimakaza amacakubiri hagati y'abakinnyi cyangwa se amakipe yatotejwe kubera ko yakinishaga Abatutsi cyangwa se akaba yari afite abakunzi b'Abatutsi.

#### 4.3.2.1. Mukura Victory Sport

Amateka y'umupira w'amaguru yemeza ko ikipe ya Mukura yatangiriye ku kibuga cyari imbere ya "*Economat Général*" ya Diyoseze ya Butare. Umukino wa Mukura watangijwe n'Abafurere bayoboraga ishuri ryitwaga Indatwa ari ryo ryaje kuba *Groupe Scolaire Officiel de Butare*. Mu by'ukuri muri Astrida hari ikipe yitwaga *Victoria* yamenyekanye cyane mu myaka ya 1940 ikaba yaratozwaga n'umugoronomu witwaga Philemota. Mu wa 1945 nibwo hatangiye amarushanwa ku rwego rw'Igihugu. Icyo gihe abakinnyi bari bazwi muri iyo ikipe harimo abakinnyi bakaze barimo uwitwaga Mazuru w'i Mpare, hakabamo Joseph Gitera[56] waje kuba umunyapolitike, Petero Intamati na Nyagapyisi. Umuzamu wayo yitwaga Athanase Shyirahayo. Harimo kandi n'abazungu bayikinagamo icyo gihe. Mu by'ukuri umuntu yavuga ko *Victoria* ari yo mukurambere wa Mukura.

Mu wa 1963, Astrida yahindutse Komini Mukura n'ikipe yaho ihita ifata iryo zina. Izina rimaze kwemezwa bamwe mu Bafurere bateraga inkunga ikipe basabye ko hakongerwaho Victory, kuva ubwo ikipe yitwa Mukura Victory Sport ityo. Ababigizemo uruhare mu guha izina rishya iyi kipe harimo Paul Gakuba wabaye Konseye kugeza mu wa 1990 ubwo yafungwaga mu byitso by'Inkotanyi ndetse akaza no kugwa muri gereza. Paul Gakuba yabaye umuyobozi wa Mukura VS aza gusimburwa na Burugumesitiri wa Komini ya Ngoma Kanyabashi yahoze

---


[56] Joseph Gitera ni we wahimbye Amategeko 10 y'Abahutu muri 1957

yitwa Komini ya Mukura[57].

Mu myaka ya 1970 nibwo Mukura Victory Sports yageze mu kiciro cya mbere, inamenyekana ku rwego mpuzamahanga. Mu wa 1977, yaguye amarembo yakira abakinnyi bakomeye baturuka mu bihugu mu karere u Rwanda ruririmo nka Nakabwa Etienne, Gatama, Sudi Sakata, Baudouin, n’abandi. Mu wa 1978 abo bakinnyi batumye yitwara neza, maze itwara igikombe kitirirwaga Perezida Habyariman cyaje kwitwa mu gihe cy’amashyaka menshi “Igikombe cy’amahoro” itsinze Rayon Sports ibitego 5-1.

Mukura kandi yaserukiye u Rwanda mu gikombe cya munani cy’Afrika cy’amakipe yatsindiye ibikombe iwayo. Muri wa 1979, ikipe Mukura yakunze guhura n’amakipe menshi yomu bihugu duturanye. Muri yo twavuga Pamba, Panafrica, Prince Louis na Vitalo z’i Burundi. Muri Kongo yakinnye na Mungano, Virunga; muri Uganda, yahuye n’amakipe ya Express na Kampala City Council.

Mukura VS yeuganye igikombe k’uwa 5 Nyakanga 1986 itsinze Panthères Noires ibitego 2-1. Ibigwi bya Mukura Victory Sports byarakomeje no mu myaka ya 1990. Mukura yari ifite abafana bakomeye ndetse n’abaterankunga bashishikazwa n’ishema ryayo ndetse no guhora ku isonga. Muri bo twavugamo Paul Gakuba wari umucuruzi ukomeye i Ngoma, Faustin Masabo, Kamugunga, Athanase Kayitakire n’abandi.



Mu bijyanye n’amacakubiri mu mikino, ikipe Mukura yigeze kwamburwa amanota 14 bavuga ko yakinishije umukinnyi Camille Kayihura, umuhungu wa Jean Damascène Kumuyange wigaga mu gihugu cy’u Burundi. Abahannye iyo kipe bavugaga ko yakinishije Inyenzi yahunze

[57] Yagize uruhare runini muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Butare mu wa 1994 ndetse aburanishirizwa Arusha.

ibyo bitaga amahoro n'umudendezo mu Rwanda.

Abakinnyi ba Mukura VS bo mu bwoko bw'Abatutsi bahizwe na bamwe muri bagenzi babo bakinanaga. Mu bakinnyi ba Mukura VS bahemukiye umuryango wa Mukura bakagira uruhare mu bwicanyi harimo Kanyabashi wigize kuba umuyobozi wayo n'abakinnyi nka Gashirabake Assouman na barumuna be na Cyanira bajyaga guhiga bagenzi babo kuko babaga bazi aho bihishe. Hari na none abandi bakinnyi bagerageje guhisha bagenzi babo nka Martin Ntwari wagerageje guhisha bagenzi be ndetse n'abandi baturage[58].

Kugeza ubu hamaze kumenyekana abantu 27 bari abakinnyi, abatoza n'abayobozi ba Mukura VS bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ari bo Gakuba Paul (wari Perezida), Ngarambe Faustin, Masabo Laurent, Kayitakire Athanase, Karenzi Pierre Claver, Nsonera Pierre, Ngango Felicien, Ntagorama, Ndakaza Joseph, Kanamugire, Karabaranga Servillien, Mulindahabi Charles, Mukubu Rucyahana Faustin, Rutiyomba, Rugema, Karongire, Kente Emmanuel, Kayihura Camille, Sitaki Charles, Théophile Rutagengwa, Musisi Jean Paul, Rudasingwa Justin, Rutegazihiga Martin, Mugirwa Eugène na Rutiyomba Janvier.

#### 4.3.2.1.1. Imibanire y'abari bagize umuryango wa Mukura Victory Sports kugeza muri Mata 1994

Ikipe ya Mukura yari igizwe ahanini n'abakinnyi n'abafana bakomoka mu gice cy'amagepfo y'u Rwanda aho ubutegetsi bwa Repubulika ya Kabiri bitaga mu Nduga. Icyo gice cyakunze kurebwa nabi no guhezwa ku byiza byose by'Igihugu n'ubutegetsi bwa Juvénal Habyarimana bwari bwarimakaje ivangura ry'amoko n'uturere. Intambara yo kwibohora itangiye mu Ukwakira 1990, abantu benshi bo muri icyo gice baribasiwe bashinjwa kuba ibyitso by'Inkotanyi, barafungwa ndetse bamwe baje kugwa muri gereza. Bityo, ibikorwa by'ivangura n'urugomo ntibyasize n'imikino ubusanzwe itagombye kurangwamo urwango n'ivangura ari na ko bitasize n'ikipe ya Mukura yaje kwibasirwa bikomeye, inashegeshwa na Jenoside yahitanye benshi mu bakinnyi, abayobozi n'abafana bayo.

Nubwo amacakubiri atarafite imbaraga hagati mu ikipe no mu bafana bayo, hari bamwe mu bafana ndetse n'abakinnyi ubwabo bahemukiye umuryango wa Mukura FC. Twavugamo nka

---

58 Ubuhamya twahawe n'abakunzi ba Mukura VS barokotse Jenoside.

Ngiruwonsanga n'ubu ufungiye icyaha cya Jenoside muri gereza ya Karubanda.

### 4.3.2.1.2. Urutonde rw'abakinnyi n'abayobozi ba Mukura Victory Sports bazize Jenoside yakorewe Abatutsi

Abakinnyi, abatoza n'abayobozi ba Mukura Victory Sports bazize Jenoside mu wa 1994 baguye hirya no hino mu gihugu ku buryo bigoye kumenya urupfu rwabo. Bamwe barashyinguwe, abandi imibiri yabo ntiraboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro. Abamenyekanye ni aba bakurikira:

**1. Gakuba Paul**

Gakuba Paul wabaye Perezida wa Mukura igihe kirekire ni mwene Nyiridandi na Kamabera.



Yavukiye ahitwa i Kibingo muri Komini Gishamvu, ubu ni mu Karere ka Nyaruguru. Mu muryango wabo bari abana ikenda. Yavutse mu wa 1931, hari mu gihe k'iyima rya Mutara III Rudahigwa n'icibwa ry''Umwami Musinga.Yashakanye na Nyirabaganwa Agnès mu wa 1949 babyarana abana ikenda (9), batanu (5) bishwe muri Jenoside harokoka bane(4) aribo Kayitare Innocent, Gakuba Charles, Pauline Kanzayire na Gakuba Illuminée.

Amashuri abanza yayigiye i Kansi; ayisumbuye ayiga mu Ndatwa n'Inkesha, yiga ubucuruzi n'ibaruramari. Mu wa 1955 yagizwe umucungamari "Administrateur" wa Komini. Nyuma abazungu bamaze kugenda yakoreye Komini Cyarwa yaje guhinduka Mukura. Mu wa 1967 yatangiye kwikorera, aba umucuruzi ukomeye muri Komini ya Ngoma.

Mu wa 1990, Gakuba Paul yarafashwe afungwa mu bahimbiwe ko ari ibyitso by'Inkotanyi. Yaje kugwa muri gereza kubera imibereho mibi no kwanga kumuvuza. Yapfuye ku itariki ya 21/11/1990 ubwo bamuteraga urushinge ku mbaraga bigatuma impyiko zidakora neza. Mu Nkiko Gacaca, urupfu rwe rwahamye umuganga wo ku bitaro bya Kaminuza ya Butare akaba n'umwarimu wigishaga muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda witwa Dr Jean Népomuscène Nsengiyumva ubu ufungiye muri gereza yo ku Karubanda wamuteye urwo rushinge rwamuhitanye. Abaforomo bari kumwe icyo gihe bamufashe ngo bamutere kuko we yari yabyanze ni bo babishinje uwo muganga. Muri icyo cyumweru nabwo nibwo umugabo wari

inshuti ye bari bafunganywe witwa Evariste Kamugunga na we yapfuye urupfu rusa n'urwo.

Paul Gakuba yari umuntu wubashywe kandi ugira ukuri. Yarangagwa no kwitangira akazi cyane kandi akifuza ko abantu bajijuka. Ibyo ni byo byatumye aba umujyanama wa Segiteri ya Ngoma igihe kinini.. Iyo mirimo y'ubuyobozi yakoreraga Igihugu yayifatanyaga n'iy'ubucuruzi. Yari umuntu ugira neza kuko yafashaga umugannye wese, bigatuma akundwa n'abantu benshi bamufataga nk'umubyeyi. Abatutsi bo bamubonaga nk'umuntu ushobora kubavuganira kubera kurwanya akarengane bagirirwaga[59].

**2. Ignace Gakuba**

Ignace Gakuba ni mwene Daniel Gatwa na Elizabeth Niyontama. Yavukiye ku Gisagara muri Komini Ndora, Perefegitura ya Butare mu 1941. Yashakanye na Marie Chantal Uwimana byabyarana abana umunani.



Amashuri abanza yayigiye ku Gisagara, ayarangiza mu wa 1953. Yize amashuri yisumbuye mu Burundi. Yakoze muri Ministeri y'Ubwikorezi no Gutumanaho, MINITRANSCO. Agezemo yahawe amahugurwa yerekeranye n'ubumenyi bw'ikirere, ayarangije yoherezwa gukora ku kibuga k'indege i Ngoma ari na ho Jenoside yamusanze.

Mu wa 1959, umuryango wa Gakuba waribasiwe maze benshi mu bavandimwe be baricwa,. Mu wa 1960 abari barokotse bongeye kwibasirwa, ndetse na we yirukanwa mu mashuri yisumbuye ari nabwo yahise ahungira i Burundi.

Kuva mu 1990, urugamba rwo kubohora Igihugu rutangira, Gakuba yibasiwe na bagenzi be b'Abahutu bakoranaga, bavuga ko ari Inkotanyi adakwiye kuba ari kumwe na bo. Ni na bo bafashe iya mbere mu kohereza ibitero mu rugo rwe ku ya 20 Mata 1994 aho yari atuye i Tumba.


Gakuba yari umukunzi wa Mukura ndetse n'umuterankunga wayo. Yarangwaga no

[59] Ubuhamya bwatanzwe n'umuvandimwe we witwa Gatera ndetse n'umwana we witwa Kayitare, Huye, Kanama 2018.

kwiyoroshya ndetse no gukunda abantu atarebeye mu moko, agafasha cyane abatishoboye.

**3. Jean Damascène Kumuyange**

Jean Damascene Kumuyange yavukiye i Sovu mu wa 1916. Ni mwene Sebutege na Anne Irebe, babyaranye abana batandatu barimo abahungu batatu n'abakobwa batatu. Amashuri abanza yayigiye i Butare . Ayarangije, yize i Kabgayi mu Bafurere b'Abayozefiti ndetse aza no kuba umwe muri bo ariko aza kuvamo. Aho Mu Bafurere baje kumusezerera bavuga ko adafite ubuzima bwiza.



Kumuyange yakoze imirimo itandukanye. Amaze kuva mu Muryango w'Abafureri, Umugabekazi Kankazi yamushinze gucunga umutungo we. Nyuma yaje kujya gukora mu isosiyeti yakoraga iby'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro Usumbura mu gihugu cy'u Burundi. Agarutse mu Rwanda yakoze mu ikaragiro ry'amata i Nyanza. Nyuma yaje kuhava ajya kwigisha ku ishuri ribanza rya Kamwambi i Kigoma. Mu wa 1959 nibwo yahavuye ahungira muri i Mitiyana muri Uganda .

Mu wa 1961, we n'umuryango we bagarutse mu Rwanda akomeza umwuga we w'ubwarimu i Gihindamuyaga, nyuma yimurirwa i Sovu kugeza ahagaritse akazi mu wa 1974. Jean Damascène Kumuyange yabaye umukunzi wa Mukura ndetse n'umuterankunga. Urukundo yari afitiye Mukura rwerekanwaga n'uburyo igihe yakiniraga i Butare yabaga yaje kuyishyigikira, yaba yagiye hanze akayiherekeza. Amaze kugira imbaraga nke kubera izabukuru, yagabanije guherekeza Mukura ariko ntiyashoboraga kuryama abakinnyi batageze i Butare. Ikindi gihango yari ayifitiye, umwe mu bana be witwaga Camille Kayihura amaze gukura yakinnye muri Mukura ndetse no mu ikipe y'Igihugu "Amavubi", aba icyamamare, bityo bigashimisha se.

Kumuyange yiciwe i Sovu mu Kigo Nderabarezi aho yari yahungiye n'umuryango we. Bahungira muri icyo kigo, yari kumwe n'uwo bashakanye, abana be n'abuzukuru be ndetse n'abandi bavandimwe. Abasirikare bayoborwaga na Habyarabatuma ni bo babwiye Abatutsi bari batuye aho i Sovu ko baza aho ku kigo bakabarindira umutekano. Nyuma Interahamwe n'abasirikare babirayemo barabica harokoka mbarwa. Urwibutso rwa Sovu rubitse imibiri

y’Abatutsi bagera ku bihumbi umunani (8000).

**4. Camille Kayihura (1956-1994)**

Camille Kayihura ni mwene Jean Damascène Kumuyange na Immaculée Mukarubuga. Yavukiye i Sovu mu wa 1956 mu muryango w’abana ikenda. Amashuri abanza yayigiye i



Gihindamuyaga kuva mu wa 1962 kugeza mu wa 1968, arangiriza umwaka wa karindwi i Cyahinda. Nyuma se Kumuyange yaje kumwohereza kwiga i Burundi kubera ivanguramoko n’uturere byari mu mashuri mu Rwanda. Mu wa 1970 nibwo yatangiye mu ishuri rya Saint Albert arangiza mu wa 1978 mu ishami ry’ubumenyi. Mu wa 1979, Kayihura Camille yagarutse mu Rwanda akora muri CURPHAMETRA i Butare ariko anakina muri Mukura. Mu wa 1985 nibwo yashakanye na Yvona Uwamungu, babyarana abana batatu.

Mu kazi yakoraga yari indashyikirwa, akarangwa n’umurava; byatumye ahabwa amahugurwa atandukanye mu bihugu bitandukanye byo ku mugabane w’u Bubirayi birimo u Budage, u Bufaransa n’ahandi. Yari umuntu uvuga make, agakunda abantu cyane. Mu bijyanye n’umupira w’amaguru, we na Longin Rudasingwa bahawe amahugurwa yari agenewe abatoza mu ntara ya Rhénanie Palatinat mu Budage.

Impano ya Camile mu mupira w’amaguru yagiye izamuka ku buryo bugaragarira buri wese. Yiga mu ishuri rya Mutagatifu Albert wabonaga ko ari impano yifitiye. Mu ikipe y’ishuri yakinaga mu ngimbi za Vitalo ndetse yaje gukina no mu kiciro cya mbere muri iyo kipe. Abari abayobozi ba Mukura na bo bajyaga kumuzana ngo aze akinire Mukura ariko bamwe ntibamubonaga nk’Umunyarwanda ukinira ikipe y’iwabo ahubwo bamufataga nk’umunyamahanga. Arangije kwiga yaratashye akomeza gukinira Mukura. Iteka yabaga ari kizigenza mu ikipe. Kubera ubuhanga bwe mu guconga umupira, Camille ntiyigeze abura ubutumire mu ikipe y’Igihugu Amavubi. Kugeza muri Mata 1994 Camille Kayihura Camille yicwa yari umutoza wa Mukura VS.

Jenoside itangira Camile yari yaje i Kigali mu mahugurwa y’abatoza n’abasifuzi bari batumiwemo na FERWAFA. Ayo mahugurwa yari yatangiye ku itariki ya 4 Mata 1994 ari na

wo munsi Camille Kayihura yavuye i Butare aho yari atuye yerekeza i Kigali. Ni na wo munsi aherukana n'umuryango we. Nyuma y'amahugurwa yasuraga inshuti n'abavandimwe bari batuye i Kigali, ariko agataha ku Kivugiza kwa mubyara we witwa André Habimana, ari na ho ubwicanyi bwasanze ari.

Camille Kayihura yishwe ku munsi wari wagenewe kwica abagore n'abana. Aho yari n'abandi ku Kivugiza hari hamaze kwicwa Abatutsi benshi, maze bigira inama yo kuva mu rugo bagahungira ku ishuri ryitiriwe Mutagatifu Andereya i Nyamirambo. Bakihagera bahasanze abandi bari bahamaze iminsi nk'itatu bahahungiye. Interahamwe zarahabasanze, hanyuma abantu bakwirwa imishwaro. Camille na mubyara we ntibongeye kubonana kuko yahise ajya kwihisha inyuma y'ubwiherero bw'abanyeshuri, ariko ntibyabahira uwo munsi. We n'abandi bari bihishe hafi ye Interahamwe zarahabakuye zijya kubicira ku muryango munini usohokera kuri Kiriziya ya Mutagatifu Karoli Lwanga zibashyira mu cyobo cyari imbere y'amazu ya misiyoni aho aba *Catéchistes* bakoreraga.

Aho bajugunywe hubatswe urwibutso rw'abahaguye ariko barahabakuye babajyana kubashyingura ku Gisozi. Camille yari yubatse afite abana batatu. Umugore we n'umwana umwe biciwe ku kiriziya i Ngoma aho bari bahungiye. Mu bana harokotse Noëlla Muhoza na Alain Intwari. Alain ubu ni umusifuzi w'umupira w'amaguru.

Kayihura Camille ikipe ya Mukura imukesha byinshi bitazibagirana. Yabaye umukinnyi uzwi cyane kandi ukunzwe, bityo ingimbi zakomokaga ahitwa mu Matyazo zimubona nk'ikitegererezo na we azikundisha umupira. Abenshi muri abo basore baje kuba abakinnyi beza ba Mukura twavuga nka Tigana, Ngiruwonsanga, Katurira, Mutijima n'abandi. Yari umuntu utavuga menshi ariko agakunda gusabana. Iteka yari umuntu ugira intego kandi agaharanira kuzigeraho. Yari azwiho kugira ubwitange[60].

[60] Ubuhamya bwatanzwe n'abavandimwe be Kabano na Albert, i Huye, Nyakanga 2018.

**5. Justin Rudasingwa**

Ni mwene Augustin Rutegazihiga na Espérance Mukakimenyi. Yavukiye mu Matyazo i Ngoma mu wa 1963.Yigiye amashuri abanza aho mu Matyazo ayarangiza mu wa 1975. Ayisumbuye ntiyashoboye kuyiga kubera amatwara y'Igihugu y'icyo gihe. Kuva icyo gihe yatangiye kwimenyereza umupira w'amaguru.




Mu wa 1979 yatangiye gukina muri Junior ya Mukura ari nako akora akazi ko gutwara abantu ku ipikipiki mu mugi wa Ngoma. Mu wa 1983 nibwo yinjiye mu ikipe ya Mukura ariko noneho ahagarika akazi yakoraga ko gutwara abantu ku ipikipiki.

Mu wa 1991, yatangiye akazi mu kigo cya ELECTROGAZ, station ya Kadahokwa ari umushoferi. Muri icyo gihe nabwo ntiyigeze ahagarika gukina umupira. Rudasingwa mu mikurire ye yari umuntu usabana n'abantu kandi udakunda kuvuga menshi. Yakundaga umupira w'amaguru, ndetse abavandimwe be hafi ya bose bakinaga umupira w'amaguru. Abo ni nka Tigana, Martin Rutegazihiga na Theophile Rutagengwa. Se Augustin Rutegazihiga yakinnye mu ikipe y'amagaju ku Gikongoro.


Ibitero byaje mu rugo iwabo aho bari batuye mu Matyazo, bahungira ku muturanyi bitaga Gisiribobo. Interahamwe ziza kubica, yarirutse ariko baramurasa ntiyahita apfa, ahubwo umugore wo muri urwo rugo bari bihishemo ni we wahise yitaba Imana. Rudasingwa yaje guhungira i Ngoma mu cyarabu ari na ho bamwiciye. Umurambo wajugunywe mu cyobo hafi aho, nyuma yaje gukurwamo ashyingurwa ku rwibutso i Ngoma. We n'abana be babiri yari afite bishwe muri Jenoside, uwo bashakanye we ararokoka[61].

**6. Janvier Rutiyomba**

Janvier Rutiyomba ni mwene Antoine Rutiyomba na Bernadette Nzamugurinka. Yavukiye i

[61] Ubuhamya bwatangiwe i Huye mu Matyazo ku ya 12 Nyakanga 2018 n'umuvandimwe we witwa Tigana.

Rulindo mu 1966 mu muryango w'abana icumi. Amashuri abanza yagiye i Muhondo ho muri Rulindo Rulindo ayarangiriza i



RUTIYOMBA JANVIER
1966-1994

Cyarwa cy'Imana mu wa 1982. Ayisumbuye yayigiye muri CEFOTEC i Butare mu bijyanye n'ubucuruzi n'ibaruramari. Rutiyomba yakundaga umupira w'amaguru kuva akiri muto. Atangiye kwiga muri CEFOTEC yakinnye mu ikipe y'ingimbi ya Mukura.

Itsembabwoko ritangira, Janvier yari mu biruhuko mu rugo iwabo i Cyarwa cy'Imana. Icyo gihe yari kumwe n'umuryango we na bamwe mu bavandimwe be. Muri Butare ubwicanyi bwatangiye ku ya 20 Mata maze ku ya 21 i Cyarwa aho bita ku gateme haza igitero cyarimo bamwe mu bari abaturanyi b'umuryango wa Rutiyomba, uwabashije kumenyekana ni uwitwa George, umuhungu wa Bareruye, wakundaga kuza kubasura ubwicanyi butaratangira muri Butare. Interahamwe zaje aho bita ku gateme hafi yo mu rugo aho bari batuye. Bose uko bari umuryango bahise batatana bakwirwa imishwaro. Kuri iyo tariki 21, Janvier, Toussaint n'abandi bavandimwe bari kumwe bagarutse mu rugo. Interahamwe zaje kumenya ko bagarutse zigaruka iwabo ziri kumwe n'abasirikare bo mu kigo k' i Ngoma. Kuri uwo munsi nibwo Janvier na murumuna we Toussaint bavumbuwe aho bari bihishe bahita babica. Mu bana icumi bose hasigaye mukuru we witwa Eustache na mushiki we Laetitia. Kubera ko bajugunywe mu byobo rusange bamaze kwicwa, abasigaye mu muryango we ntibazi neza niba baramushyinguwe mu cyubahiro kuko imibiri yabo batigeze bayibona . Rutiyomba Janvier yishwe akiri ingaragu.

**7. Kant Emmanuel Gakwaya**



Kant Emmanuel Gakwaya avuka yavukiye i Mpare, yavutse mu wa 1953. Yize mu Seminari Nto ya Karubanda. Yashakanye na Goreth, abana be bariho baba Kigali. Mu buzima bw'imikino, Kant Emmanuel Gakwaya yari umukinnyi wa Mukura Victor Sport aza no kuba umutoza wayo. Yakoze mu Kigo Ndagamurage cy'u Rwanda; yicwa ari na ho agikora.

**8. Jean Baptiste Habyarimana (Sacré)**

Habyarimana Jean Baptiste yari yarashakanye na Kamayugi, babyarana abana 2 b'abakobwa. Yari umufana wa Mukuru w'imena. Yabaye Perefe wa Butare akaba ariwe Perefe w'Umututsi wariho muri icyo gihe. Ako kazi yagakoze kugeza mu matariki ya 19 Mata 1994, ubwo Sindikubwabo Théodore yasuraga Butare agahita akurwa ku buyobozi, icya kurikiye imvugo ya Sindikubwabo wari perezida w'abatabazi. Akimara gukurwaho yahise asimburwa na Nsabimana Sylvain. Mu byukuri bamuziza ko yahagaritse ubwicanyi bwari bwatangiye gukorerwa Abatutsi muri Komini ya Nyakizu, bari bamaze kumeneshwa mungo zabo bahungiye ku kiriziya Gatorika ya Cyahinda. Ubwo bwicanyi bwari buhagarikiwe na Burugumesitiri Ntaganzwa Ladislas.



Habyarimana Jean Baptiste yahise afatwa arafungwa, nyuma y'igihe gito yoherezwa i Murambi aho guverinoma y'abatabazi yakoreraga icyo gihe, ni ho yaba yariciwe. Umuryango wa Habyarimana Jean Baptiste warazimye kuko we umugore n'abana babiri b'abakobwa biciwe iwe mu rugo aho yari atuye hafi y'ikibuga k'indege.

Habyarimana Jean Baptiste bitaga Sacre yari umuntu ukunda gusetsa ndetse yahoraga yishimye. Yari umugabo ushishoza abantu benshi bemeraga kubera gushyira mu gaciro. Uko gushyira mugaciro kandi kwerekanwa n'uko atabonetse mu nama yatumiwemo Abaperefe bose kuya 11 Mata 1994 bahabwa amabwiriza yo gutangira kwica, no kuba yarabujije abaturage ba Perefegitura ya Butare kumena amaraso.

Abandi bakinnyi n'abakunzi ba Mukura Victory Sport bazize Jenoside ni aba bakurikira:

**Simon Gasana**



**Athanase Gatari**



**Theophile Sebarinda**



*Umusifuzi n'umukomiseri mu mupira w'amaguru*

**Evariste Kamugunga**


**James Kagabo**



**Jean Chrisostome Kanamugire**



**Sereveriyani Karabaranga**



**Athanase Kayitakire**



**Laurent Masabo**



**Tharcisse Mironko**




**Charles Murindahabi**



**Felicien Ngango**



**Faustin Ngarambe**




**Deo Nkurikiyimana**



**Pierre Nsonera**



**Augustin Ntagorama**



**Sylvestre Nyirinkindi**




**Faustin Rucyahana**





**Thephile Rutagengwa**

**Martin Rutegazihiga**






*Yari umuzamu wa Mukura*

**Francois Semanzi**

**Emmanuel Sebarinda**






*Umukunzi wa Mukura*

*Umukunzi wa Mukura*

#### 4.3.2.1.3. Urutonde rw'abayobozi, abakinnyi n'abakunzi ba Mukura bazize Jenoside batarabonerwa amakuru

| | |
|---|---|
| 1. Bazanuwo Mathias | 11. Mukubu Télesphore |
| 2. Kamanzi Japhet | 12. Nkomeje Fréderic |
| 3. Karemera Michel | 13. Nkurunziza Gérard |
| 4. Karemera Théoneste | 14. Nzigiye Daniel |
| 5. Karenzi Pierre Claver | 15. Rangira Ephrem |
| 6. Karongire Jean Baptiste | 16. Rugema Charles |
| 7. Mucyo Eustache | 17. Rutiyomba Antoine |
| 8. Mucyo Thomas | 18. Sebera François |
| 9. Mugabo Festus | 19. Semana Paul "Kamba" |
| 10. Mugirwa Eugène | 20. Twagirumukiza Denis |

### 4.3.2.2. Rayons Sports

#### 4.3.2.2.1. Amavu n'amavuko ya Rayons Sports

Amateka avuga ko ikipe ya Rayons Sports yavukiye i Nyanza, ibona ubuzima gatozi mu iteka rya Minisitiri n° 72/01 ryo ku wa 25/05/1968. Kasim Murenzi , umwe mu bantu batangiranye n'ikipe ya Rayons Sports ikivuka ndetse n'ubu akaba akiyikurikiranira hafi yemeza ko Rayons Sports ivuka, mbere hari ikipe yitwaga Nyabisindu yari yegamiye kuri Komini ya Nyabisindu. Yakinagamo abakinnyi nka Rushero, Athanazi, Eliya n'umuzamu bakundaga kwita Siyeri. Muri icyo gihe kandi yakinwagamo n'abakozi b'Urukiko rw'Ikirenga rwakoreraga i Nyanza. Iyo Kipe yaje kuvamo Rayons Sports mu myaka ya 1965, ihita ifata izina rya Rayons Sports irikesheje umupadiri wera w'Umubirigi wayoboraga Koleji Kristu Umwami witwaga Chanoine Ernaute hamwe n'uwitwaga Barnabé Kivumbi[62]. Abandi bavugwa kuba baragize uruhare mu gushinga ikipe ya Rayons Sports ni Fatikaramu n'abandi bakoranaga mu rukiko rw'ikirenga[63].

---

[62] Amateka ya Shanuan Elinot muri Nyabisindu.

[63] http://makuruki.rw/IMIKINO/article/Menya-aho-izina-Rayon-sport-ryaturutse-n-uko-yatangiye, 16/06/2018 Mukura yakurikiyeho mu wa 1963 naho Rayons Sports iza kwemerwa n'iteka rya Minisitiri No 72/01 ryo ku wa 25/05/1968

Mu myaka ya 1977-1978, ikipe Rayons Sports yahagarariye u Rwanda mu gikombe cya 18 cy'Afurika cy'amakipe yatwaye ibikombe byinshi iwayo. Mu 1982, ikipe Rayons Sports yimukiye Kigali. Mu mwaka wa 1994 Rayons Sports yabaye ikipi ya mbere y'u Rwanda yabonye itike ya kimwe cya kane muri Shampiyona y'Afurika y'amakipe yabaye aya mbere iwayo imaze gusezerera "National Al Hilal" yo muri Sudani. Ayo mahirwe Rayons Sports yari ibonye muri uwo mwaka wa 1994 yo kwandikira u Rwanda amateka muri ruhago mu rwego rw'Afurika yayabujijwe na Jenoside yakorewe Abatutsi kuko itabashije gukomeza iryo rushanwa ndetse bamwe mu bakinnyi bayo bahitanwa na yo[64].

#### 4.3.2.2.2. Imibanire y'Abakinnyi n'abakunzi ba Rayons Sports hagati ya 1990 na 1994

Rayons Sports yaranzwe no kugira abakunzi benshi kandi mu gihugu hose. Ibyo byatumaga akenshi ubutegetsi bwa Habyarimana buyireba nabi ndetse bukayihozaho ijisho, cyane ko bwayifataga nk'ikipe y'abantu bakomoka i Nyanza bari banzwe n'Abakiga kubera kubashinja isano ya hafi n'ubwami, nyamara bwari bumaze imyaka n'imyaka buhiritswe n'ababuyoboraga barishwe abandi bagacirwa mu mahanga. Abakinnyi, abayobozi, abafana n'abakunzi ba Rayons Sports bagerageje kurenga ayo makimbirane bagumana umutima wo gushyira hamwe no guharanira insinzi kugira ngo bashimishe abakunzi ba ruhago. Muri ibyo byiciro ariko harimo n'abasabitswe n'urwango n'ivangura batotezaga bagenzi babo mu buryo butandukanye. Muri bo twavuga nk'umufana ukomeye wari uzwi cyane mu bakunzi ba Rayons Sports witwaga Kantano Habimana. Uyu Kantano akiri umukunzi wa Rayons Sports yarangwaga n'imikenyero n'ingofero y'ibara ry'umweru n'ubururu ndetse n'ingoma zaje kumwitirirwa.

Mu wa 1993 ikipe ya Rayons Sports yagiye gukina muri Etiyopiya igeze hafi y'i Kanombe Interahamwe zirayihagarika zivuga ngo Inyenzi zigiye kureba bene wabo. Habaye imishyikirano ikomeye cyane kugira ngo bayemerere kwinjira mu kibuga k'indege. Nyuma yaho, ibintu byaje kuba bibi ubwo Abakombozi ba PSD bajyaga gukina n'Inkotanyi muri Nyakanga 1993 ku Murindi. Ubundi icyo gikorwa cyagombaga gufatwa nk'indashyikirwa cyanecyane ko haburaga ibyumweru bibiri gusa ngo Amasezerano y'Amahoro ya Arusha hagati ya FPR-Inkotanyi na Leta y'u Rwanda ashyirweho umukono.

Byafashwe nabi cyane kubera ko abenshi mu bari bagiyeyo bari mu mashyaka arwanya MRND.

---

[64] http://www.rayonsport.net/amateka/, 16/06/2018





*Ikipe ya Rayons Sports, 1968* *Ikipe ya Rayons Sports, Werurwe 1994*

Muri Werurwe 1994, ikipe ya Rayons Sports yavuye gukina n'ikipe ya Al Halal yo muri Sudani, Habyarimana yakiriye insinzi ya Rayons Sports kuri Hoteri Irebero; abagira abakinnyi ikimasa, abaha n'inzoga nyinshi, kandi asaba ko urubyiruko rwose rujya inyuma ya Rayons Sports rukayishyigikira[65]. Icyo gihe mu mashyaka amwe atavuga rumwe n'ubutegetsi hari hamaze kuvukamo abahezanguni kandi amashyaka yose yari afite urubyiruko ruyashamikiyeho. Urubyiruko rwose rwahise rujya muri Rayons Sports na yo igiramo igisa n'abahezanguni aho ibyakorwaga mu gufana no gushyigikira ikipe (imbyino, imyambaro, amafirimbi….) byahinduwemo ibyifashishwa mu guhiga no kwica Abatutsi muri Jenoside yatangiye nyuma y'ukwezi kumwe gusa.

#### 4.3.2.2.3. Urutonde rw'abakinnyi ba Rayons Sports bazize Jenoside

Biragoye kumenya umubare n'imyirondoro yose y'abakinnyi, abatoza, abayobozi n'abakunzi ba Rayons Sports bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994 kubera ko biciwe ahantu hatandukanye kimwe n'abandi Batutsi muri rusange bazize uko baremwe. Abakinnyi bamenyekanye ni Murekezi alias Fatikaramu, Longin, Munyurangabo Bosco mwene Ruterana, Kirangi, Misiri, Kayombya, Kibambasi, Mugemana, Kassim, Abba na Sabiti**.**

---

[65] Muri uyu musangiro Habyarimana yigambye ko na we yari umukinnyi ukomeye, kandi ko iyo yaburaga umupira yahitanaga akaguru k'uwo bahanganye. Muri make yigishaga urugomo n'ubugome bihabanye cyane n'indangagaciro za fair play zikwiye kuranga imikino yose. Kuvuga iryo jambo aribwira urubyiruko rw'abakene n'injiji rumaze igihe kirekire rwigishwa kwanga no kwica Abatutsi ni nko kubereka uko ashyigikiye ibikorwa bibi rwakoraga byose.

**1. Marcel Ramutsa**

Marcel Ramutsa ni mwene Silas Gashugi na Cécile Nyinawumuntu.Yavukiye i Kinihira



muri Komini ya Masango, perefecture ya Gitarama kuwa 30 Ukuboza 1938. Ramutsa yashakanye na Scholastique Mukamugenga, kuwa 13 Gicurasi 1967, babyarana abana batandatu: René Ramutsa, Raymond Ramutsa, Angelique Ramutsa Ingabire, Grace Ramutsa, Richard Ramutsa na Christine Ramutsa Marebe. Bane muri bo bazize Jenoside. Amashuri abanza yayigiye i Masango maze ayarangiza mu wa 1950. Muri uwo mwaka nibwo yagiye mu Seminari Nto ya Mutagatifu Leo i Kabgayi. Ahamaze imyaka ibiri yaje kurwara agira ikibazo cy'ugutwi kutumvaga neza. Abazungu bayoboraga Seminari icyo gihe bamwimurira mu ishuri ry'Abapadiri b'Abasereziyani ryari ku Kicukiro (ETO-Kicukiro) kuhakomereza amasomo. Ahageze yize imyaka itatu mu bijyanye no kunoza no gutunganya urubaho (Ebénisterie). Mu wa 1955, amaze kubona impamyabushobozi yo mu rwego rwa A3 yigishije umwaka umwe muri ETO-Kicukiro. Uwo mwaka urangiye yahise ahabwa buruse n'Umuryango w'Ababirigi Uahinzwe Iterambere ajya mu mahugurwa mu gihugu cy'u Bubirigi ahamara imyaka ibiri. Ubwo hari mu wa 1958. Agarutse bamwohereje gukora i Nyanza, aho yavuye mu wa 1972 ubwo yazaga kwigisha muri ETO-Kicukiro.

Mu wa 1976, Marcel RAMUTSA yahagaritse akazi maze ajya kwikorera ku giti ke ashinga sosiyete ebyiri, iyitwaga EMERWA yakoraga ibijyanye no gukora ibikoresho biva ku rubaho birimo intebe, utubati n'ibindi. We n'abandi bagenzi be bashinze indi sosiyeti yitwaga COMETAL yubakaga ikanasudira ibyuma byo mu bwubatsi. Ayo masosiyeti yombi yatanze umusanzu mu kubaka Igihugu ariko mu myaka ya 1990 kubera poritiki y'ivangura ayo masosiyeti yombi ntiyaragihabwa akazi, bityo biyaviramo guhagarara. Mu myaka ya 1990 yagiye ahura n'ingorane zitewe n'urwango abaturanyi be bari bamufitiye. Abaturanyi be ntibiyumvishaga impamvu atafunzwe mu byitso kandi ari Umututsi. Bitangira aho mu rugo iwe yari afite ikiraro cyarimo inka za kijyambere zirenga icumi ariko abo bari baturanye bagendaga bica imwimwe kugeza igihe ikiraro cyasigayemo ubusa.

Ubwicanyi butangira Umusaza Ramutsa Marcel yari ku Kabeza mu rugo rwe, we n'umuryango

we uretse René na Angélique bigaga i Butare muri kaminuza. Ku itariki ya 8 Mata 1994 nibwo bafashe ikemezo cyo kuva aho bari batuye kubera ko Interahamwe zari zitangiye kuza kubasahura. Iryo joro ntibaraye mu rugo ahubwo bagiye kwihisha mu baturanyi. Kugeza ku itariki ya 10 nibwo babonye inzira banyura mu gishanga gihuza Kabeza na Sahara bashaka kujya kuri ETO ahari abasirikare ba MINUAR. Bahageze nka saa yine z'amanywa ariko babangira kwinjira, noneho bakomeza bajya i Gahanga ku mugabo wari umwarimu w'inshuti ya Ramutsa witwaga Butera. Baharaye uwo munsi ku itariki ya 10, bukeye Interahamwe zagiye aho kwa Butera zibabwira ko zigaruka kubica. Bigeze nka saa yine z'uwo munsi umuryango wa Butera n'uwa Ramutsa bahitamo kujya ku kiriziya ya Gahanga. Bahasanze Abatutsi benshi bari bahahungiye noneho babura akanya mu kiriziya kandi imvura yaragwaga. Niko kujya mu nzu y'inkoko yari hafi aho. Uwo munsi hiriwe agahenge ariko bukeye batangira kwica Abatutsi bamwe na bamwe noneho nyuma ya saa sita haza Interahamwe n'abasirikare batangira kurasa abari mu kiriziya, batera gerenade muri ya nzu Ramutsa n'umuryango we bari barimo. Umugore wa Ramutsa we yari amaze iminsi arwaye afite intege nke ahita apfa abandi barakomereka bikomeye. Bukeye Interahamwei zagarutse zitwaje impiri n'imihoro zica Marcel Ramutsa wari wasigaye akomerekejwe bikomeye. We n'umuryango we bashyinguye ku rwibutso rw'i Gahanga.

Marcel Ramutsa yakundaga cyane umupira w'amaguru, byagera kuri Rayons Sports bikarusha. Yabaye Perezida w'ikipe ya Rayons Sports n'umuterankunga wayo. Yari umuntu wicisha bugufi agakunda n'umurimo akarangwa no kwihangana. Yakundaga kujya inama, agakunda no gufasha abantu cyanecyane ababababaye. Mu myaka ya 1990 imirimo ye imaze guhagarara ntiyihebye ariko akifuza ko ibintu byahinduka. Yakunze kuganira na bamwe mu bajyaga mu masomo ya poritiki i Kinihira akababaza aho urugamba rugeze. Yifuzaga kubona umugaba w'ingabo Paul Kagame ariko yagiye atamubonye[66].

**2. Ignace Rulinda**

Ignace Rulinda ni mwene Kabera yavukiye i Cyanika muri Komini ya Karama ku Gikongoro mu wa 1935. Mu wa 1947 yatangiye amashuri abanza ayarangiza mu wa 1953. Muri uwo mwaka nibwo yagiye mu ishuri ry'abafureri mu Byimana yiga ibijyanye n'ubwubatsi kugeza

[66] Angélique Ramutsa

mu wa 1957. Mu wa 1960, Ignace Rulinda yashakanye na Consessa Mwenzikazi babyarana abana batandatu, batatu muri bo barokotse Jenoside.

Amaze kubona impamyabushobozi ya A3 mu bwubatsi, yakoranye igihe kinini n'Abapadiri Bera bubaka amashuri no kuvugurura inyubako zabo. Nko mu myaka ya 1970 Rurinda yatangiye kwikorera ashinga isosiyete y'ubwubatsi yari izwi ku izina rya ERICO (Entreprise Rulinda Ignace de Construction). Muri icyo gihe yikoreraga yakomeje gukorana n'Abihayimana cyanecyane Diyosezi ya Kabgayi n'iya Butare mu mirimo y'ubwubatsi. Ntiyakunze gukorana na Leta kuko mu gutanga akazi habagamo ivangura risesuye rishingiye ku bwoko n'uturere.

Mu Ukwakira 1990 igihe ubutegetsi bwa Habyarimana bwafataga Abatutsi babita ibyitso by'Inkotanyi, Rurinda yarihishe. Hashize igihe, yagiye ahagaragara agira amahirwe ntiyafatwa n'ubwo yari inshuti magara na Mutaganda wahuye n'akaga icyo gihe. Kuva mu Ukwakira 1990, imirimo ye y'ubwubatsi yagenze nabi. Umutekano uko wagendaga uba muke Rulinda yagabanyije kugenda mu muhanda kuko kenshi yahuraga n'itotezwa. Iyo yabaga adahari umuryango we wasigaranaga impungenge.

Jenoside itangira Rulinda yari iwe mu rugo mu Butansinda bwa Kigoma na Muyange. Icyo gihe yari kumwe n'umuryango we uretse umwana umwe mukuru wari warashatse n'undi wari waragiye ku Rugamba witwa Rutayisire. Ku ya 22 Mata 1994 nibwo umuryango wa Rulinda watewe n'ibitero by'Interahamwe maze bava mu rugo bahungira ahantu hatandukanye mu kwirinda ko abicanyi babasanga ahantu hamwe. Interahamwe zaje kubona Rulinda aho yari yihishe zimuca umutwe ziwuteramo umupira zirangije zirawutwika. Uwo bashakanye Concessa n'abandi bana batatu baje kwicwa mu bihe bitandukanye. Interahamwe zari ziyoboye abishe Rulinda havugwamo iyitwa Michelini n'uwo bitaga Gahini bombi batakiriho. Imibiri imwe ya ba nyakwigendera yagiye iboneka ishyingurwa mu rugo kwa Rulinda mu Butansinda. Umubibri wa Rulinda Auxile wo nturaboneka, bakeka ko yaba yarajugunywe mu cyobo rusange.

Mu byaranze Rulinda harimo kwicisha bugufi ndetse no gusabana n'abantu. Muri uko gucisha make wabonaga akunda abantu bose agaha akazi abantu benshi atitaye ku cyo bari cyo ahubwo gusa ari icyo umuntu akeneye. Byatumaga abantu bamukunda kubera uko gufasha cyane umuntu ubikwiriye. Muri uko gusabana harimo kumenya kuganira n'abantu bo mu kigero

icyaricyo cyose cy'ubuzima, yakundaga kandi gusabira abasore babaga bagiye gushaka. By'umwihariko yakundaga Rayons Sports. Inshuro nyinshi yarayiherekeza aho yagiye gukina ndetse akayitera inkunga[67]

**4.3.2.2.4. Urutonde rw'abayobozi, abakinnyi n'abakunzi b'imena ba Rayons Sports bazize Jenoside batarabonerwa imyirondoro**

**Jean Baptise Buregeya**



**Jean Marie Vianney**




**Carpophore Gatera**

**Gusenga Innocent**

[67] Rutayisire Jean, Umwana wa Nyakwigendera.





**Innocent Kalisa**

**Francois Kamali**






**Oswald Kayihura**

**Charles Kayombya**






**Wellars Mugwaneza**

**Benoît Mujejende**



**Mohamed**



**Longin Munyurangabo**




**Raphaël Murekezi "Fatikaramu"**



**Fidèle Mutaganda**




**Fidèle Mutaganira**




**Anatole Ngizwenayo**





**Jean Pierre Ntaganira**


**Benoît Nteziryayo**





**François Nyamaswa**

**Emmanuel Nyarwaya**





### 4.3.2.3. Ikipe ya Kiyovu Sport

#### 4.3.2.3.1. Amavu n'amavuko ya Kiyovu Sport

Ikipe ya Kiyovu Sport iri mu makipe ya mbere yabayeho mu Rwanda. Yavutse ahagana mu wa 1950. Kiyovu si yo kipe yonyine yari muri Kigali ariko ni yo yaboneye izuba izindi nk'amakipe ya Rutongo na Nyakabingo yari amakipe ya SOMUKI. Kiyovu itaritwa iryo zina, habanje guhuzwa amakipe ya "Sporting" n'ikipe bitaga "Intwari", amakipe yitorezaga i Kigali mu gihe cy'ubukoroni maze zikora iyitwa "Kigali Sport". Muri icyo gihe kandi hari indi kipe yitorezaga i Byumba yitwaga "Rwanda Sport". Nyuma nibwo "Rwanda Sport" yahujwe na "Kigali Sport" maze birema ikipe imwe yaje guhabwa izina rya "Kiyovu Sport", ku mpamvu zo gushaka gukora ikipe imwe ifite imbaraga mu karere. Icyo gitekerezo cyazanywe na Rezida gishyigikirwa na "Administrateur" Homas, Umutware Rwubusisi n'abandi bakundaga umupira w'amaguru bakanawutera n'inkunga. Iteka rya Minisitiri ryemera ikipe ya Kiyovu nk'ikipe y'umupira w'amaguru ryasohotse mu 1961.

Ikipe ya Kiyovu yagize abafana benshi cyane ndetse n'abaterankunga bari mu nzego za Leta cyangwa iz'abikorera. Nyuma y'ubwigenge, Kiyovu yagize abandi baterankunga nka Kabahizi wigeze kuba Burugumesitiri wa Komini ya Kiyovu mu myaka za 1960 na 1970[68]. François Karera na we wabaye Burugumesitiri wa Komini ya Nyarugenge wanabaye Perezida wayo igihe kirekire.




*Kiyovu Sport, 1990*

Umucuruzi Juvénal Gakarama wabaye cyane mu buyobozi bwayo, abanyemari nka Michel Shyirakera, Edouard Nkurikiyinka. Bonaventure Habimana we yari Perezida w'icyubahiro w'ikipe ya Kiyovu Sport ndetse akaba n'umuterankunga ukomeye. Matayo Ngirumpatse, na we

[68] Amateka ya Komini Kiyovu.

yari umwe mu bakunzi ba Kiyovu akayitera inkunga. Ikipe ya Kiyovu ntiyari gusa iy'abayobozi cyangwa abacuruzi, ahubwo abaturage ba Kigali n'abahavuka bari abafana bayo.

Ikipe ya Kiyovu yaranzwe no gukina neza itwara ibikombe ndetse inaserukira u Rwanda mu mikino mpuzamahanga. Niyo yatwaye igikombe cy'uwa 5 Nyakanga ubwo cyakinirwaga bwa mbere mu 1977[69]. Cyaje guhindura izina kitwa Igikombe cy'Amahoro" nabwo Kiyovu aba ari yo igitwara bwa mbere. Icyo gihe Kiyovu yahuye na Panthères Noirs ku mukino wa nyuma maze umupira urangira Kiyovu itsinze Panthères Noirs ibitego bibiri kuri kimwe. Bamwe mu bakinnyi bakinnye uwo mukino hari Makombo Jacques wari mu izamu wasimburwaga na Ismael; Rutanga, Bazosi na Hakizimana Abdullah bitaga Share bakinaga mu bakabiri; Kagabo Innocent wakinaga hagati (kuri 6) na bagenzi be Mashine, Kanamugire Deo na Safari Ali bitaga Madunu. Imbere hakinaga Kamatari, Kito, Alfred, Rusha, Bamporiki Twaha, Mugarura Hemedi, Idrissa na Habamutake Delice.

Mu 1990, Kiyovu Sport yatwaye igikombe cya Shampiyona irusha ayandi yose amanota menshi maze itwara igikombe. Icyo gihe ntiyigeze itsindwa na rimwe. Ikindi kizwi kuri Kiyovu Sport ni ukuba yarashoboye gutwara igikombe cya shampiyona inshuro 5 zikurikirana mu myaka ikurikira: 1982, 1989, 1990, 1992, 1993[70].

Mu wa 1990, intambara yo kubohora u Rwanda itangiye yagize ingaruka ku muryango wa Kiyovu Sports. Bamwe mu bakinnyi bayo bafunzwe mu byitso ariko ntibatinzemo kubera ishyaka Bonaventure Habimana yagiriraga ikipe ya Kiyovu. Yahise abafunguza[71]. Amacakubiri mu mikino atarashimangirwa, buri munyapolitike yashyigikiraga ikipe y'aho akomoka cyangwa se y'ikigo yabaga abereye umuyobozi. Nk'iyo Panthères Noirs yabaga yahuye n'andi makipe Colonel Rwagafirita yabaga ari iruhande rw'ikibuga ameze nk'umutoza. Nta kindi yabikoreraga usibye ishyaka ry'ikipe ye[72]. Mu kibuga nta kibazo cyarimo hagati y'abakinnyi. Abafana ni bo babijyagamo. Mu wa 1992, Kiyovu yahuye na Mukungwa, Safari waduhaye ubu buhamya yatubwiye ko umufana umwe wa Mukungwa yamuhohoteye azana abajandarume barara

---

[69] Trophée Habyarimana yaje kwitwa mu myaka ya 1990 Igikombe cy'amahoro.

[70] Ubuhamya bwa Safari Ali alias Madunu wakinnye muri Kiyovu kuva mu wa 1975 kugeza mu wa1982 kubera imvune yagize yakomeje kuba umufana wa Kiyovu kugeza n'ubu.

[71] Habimana Bonaventure wari Secrétaire Général wa MRND yari na Perezida w'icyubahiro w'ikipe ya Kiyovu.

[72] Umutangabuhamya yemeza ko ari ishyaka ryabimuteraga, ko atari imbaraga yabaga afite nk'umusirikare mukuru. Yibuka ko ikipe ya Kiyovu ihura na Panthères Noirs hari umukinnyi watutse Colonel Rwagafirita noneho abakinnyi bandi bagira ubwoba bazi ko baribufungwe, ariko umupira urangiye Colonel ababarira uwo mukinnyi ariko amusaba ko yazajya arangwa n'ikinyabupfura.

bamukubita.

Inkubiri y'amashyaka mu wa 1992 yagize ingaruka ku mikino n'imyidagaduro. Aho imikino n'imyidagaduro isubukuriwe[73], benshi mu bakinnyi bagiye bigaragaza mu birango by'amashyaka bari bashyigikiye. Abakundaga FPR-Inkotanyi bakundaga kwigaragaza mu birango bya PL. Muri icyo gihe hari abafana bajyaga bahohotera abandi bitwaje amoko cyangwa uturere. Jenoside yakorewe Abatutsi itangira abakinnyi ba Kiyovu ntibari batuye ahantu hamwe bose. Hari bamwe mu bari baturanye batahigwaga bagerageje gutabarana, gutabara bagenzi babo. Ariko hari n'abandi bateshutse ku nshingano zabo bahemukira umuryango nyarwanda bica bagenzi babo cyangwa se ntibabatabara[74].

### 4.3.2.3.2. Urutonde rw'abakinnyi n'abafana ba Kiyovu Sport bazize Jenoside

Uru rutonde rukubiyemo abari abakinnyi n'abafana ba Kiyovu Sport. Abashoboye kumenyekana twavuga Innocent Kagabo, Innocent Murenzi, Martin Rudasingwa alias Kunde, Kanyandekwe, Alphonse Ndegeya wari umuganga w'ikipe, Camille Karemera, Michel Rugengamanzi, Optatus Nkusi bitaga Moro wakiniraga Kiyovu Sport mu myaka ya 1970, Rwihimba, wari umufana, Innocent Karera bitaga Gangi, Octave Sulutani, Beata Bahizina, Cécile Kabuguza, Dominique Mukamurema na Alice Gahongayire bakaba bari abafana ba Kiyovu. Hari kandi uwitwa Augustini Akumugabo, Célestin Muvuzankwaya na Alexis Rwemalika, Pio Rwemalika, Gaspard Gashagaza, Innocent Higiro, Camille Gatali, Vincent Ruterana, Karemera na Jean Baptiste Nyarwaya, Eugène Mukimbiri na Patrick Nyakirori.

---


[73] Imikino n'imyidagaduro kuva mu Ukwakira 1990 yahagaritswe igihe cy'amezi agera kuri 18.
[74] Ubuhamya twahawe na Safari Ali, umufana wa Kiyovu. Nyarugenge, kuya 17 Mutarama 2019.

**Amafoto amwe y'abakinnyi n'abafana**

**Dominique Mukamurema**




**Eugène Mukimbiri**




**Samuel Ntirugiribambe**




**Patrick Nyakirori**



**Martin Rudasingwa Kunde**



### 4.3.2.4. Ikipe ya Panthères Noires

Ikipe ya Panthères Noires ishingwa mu myaka ya 1960, yitwaga "Equipe de la Garde Nationale". Abakinnyi bayo batoranywaga mu babaga baje kuba ingabo z'Igihugu cyangwa Porisi y'Igihugu. Nyuma yaje gufata izina rya Panthères Noires. Iyi kipe nta mwihariko yari ifite wo guhitamo abakinnyi bayikinira. Iyo yaburaga umukinnyi yifuzaga mu mu ngabo, yabashakaga mu basiviri.



Abenshi mu ngimbi za Panthères Noires barambagizwaga muri CERAI ya Camp Kigali. Nubwo ikipe yari iya gisirikare, harimo abasivili benshi bayikinagamo binyuze mu myitozo bahabwaga bakiri bato. Iyi kipe ni yo itarigeze ikinwamo n'abakinnyi b'abanyamahanga[75]. Mu bakinnyi bayikiniye neza bakayihesha ishema batari abasirikare harimo abitwa Ndanda, Hassan Munyakazi, Badru, Vital, n'abandi. Abo bose wasangaga ari abana bavukiye mu Biryogo cyangwa se ku Majengo[76].

Ikipe ya Panthères Noires yagiye itwara ibikombe kandi yanaserukiye u Rwanda mu mikino mpuzamahanga. Mu wa 1979, Panthères Noires yahuye n'amakipe ya Pamba na Maduwi yo muri Tanzaniya mu mikino ya gicuti. Mu wa 1983, mu gihe k' igikombe « Trophée Habyarimana », Panthères Noires yahuye ku mukino wa nyuma na Eclair FC yo mu kigo cya gisirikare cya Kanombe, zikinira kuri stade i Nyamirambo. Panthères yatwaye igikombe itsinze Eclair FC ibitego 2-0.

Mu wa 1990, ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru ryateguye imikino yo kwishimira ukuza kwa Papa mu Rwanda[77] maze ritumirwamo amakipe umunani, STIR FC, Panthères Noires, Kiyovu Sports, Terminus, Mukungwa Sports, Mukura Victory Sports, Rayons Sports, na Etincelles. Icyo

[75] Ubuhamya bwatanzwe na Safari Ali, Nyarugenge, ku ya 17 Mutarama 2019.
[76] Majengo ni mu murenge wa Rwezamenyo hafi y'aho bita kwa Gasamagera cyangwa se Kuri 40.
[77] Le tournoi Papal

gihe igikombe cyatwawe na Panthères Noires[78].

### 4.3.2.5. Ikipe ya Mukungwa FC

Ikipe ya Mukungwa yari ikipe ya Perefegitura ya Ruhengeri. Yari mu makipe akunda gukinisha abanyamahanga. Impamvu ni uko yashakaga kuba ikipe ikomeye. Umuco wo gusenya amakipe utwara abakinnyi b'indi kipe ntiwakunze kurangwa mu makipe yabayeho mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Mukungwa wayisangagamo abakinnyi benshi babaga baturutse mu gihugu cya Zayire[79]. Mukungwa FC n'ikipe yaterwaga inkunga na Perefegitura ya Ruhengeri. Kuva aho Porotazi Zigiranyirazo abereye Perefe wa Perefegitura yahise aba Perezida wayo kugeza mu wa 1992. Abafana bayo bari baherereye mu gice cy'amajyaruguru y'u Rwanda cyanecyane mu ma Komini ya Perefegitura Ruhengeri no mu bahavuka babaga hanze y'iyo Perefegitura.

Zigiranyirazo yakundaga ikipe ya Mukungwa FC. Bikagaragazwa n'uburyo igihe cy'umukino yabaga yegereye ikibuga ameze nk'umutoza wayo. Rimwe na rimwe uko guhagarara iruhande rw'ikibuga byatumaga rimwe na rimwe ashyira igitutu ku basifuzi bakirengagiza amakosa amwe n'amwe abakinnyi bakoraga. Abakinnyi b'Abatutsi bamenyekanye bayikiniye mu bihe bitandukanye harimo uwitwa Basebya, Rwayitare[80] na Jean Bosco Gasherebuka[81]. Mu wa 1988, 1989 na 1990, Mukungwa FC yahagarariye Rwanda mu gikombe cy'amakipe yatwaye ibikombe byinshi iwayo, ibasha gutsinda amakipe abiri mu itsinda ryayo harimo iyitwa Malindi FC yo mu gihugu cya Tanzaniya. El Hilal yo muri Sudan ni yo yayibujije amahirwe yo gukomeza.

Mu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu bakinnyi twavuga Rwayitare Augustin wari ku rutonde rw'abagombaga kuba intumwa ya rubanda b'ishyaka PL nk'uko byari biteganyijwe n'Amasezerano y'Amahoro y'Arusha. Undi mukinnyi wa Mukungwa FC wishwe ni Basebya.

### 4.3.2.6. Ikipe ya Etincelles FC

Ikipe ya Etincelles FC yaba yarakomotse ku makipe abiri, Les Guépards n'ikipe yahoze ikinira uruganda rw'icyayi rwa Pfunda. Kugeza mu itegurwa ry'amarushanwa y'umupira w'amaguru yo mu wa 1979, ikipe yariho ni Pfunda ariko igakinira mu kiciro cya kabiri. Ikipe Pfunda yaje

---

[78] MIJEUMA (1990) Rapport Annuel (p.48).
[79] RDC y'iki gihe.
[80] Aba bombi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi.
[81] Gasherebuka Jean Bosco ari mubakiniye ikipe Mukungwa nyuma ajya gukinira Kiyovu Sports.

kwitwa Etincelles igihe yahuzaga abakinnyi ba Pfunda n'abo ikipe yitwaga «Les Guépards». Kuva icyo gihe yahise yinjira mu kiciro cya mbere ndetse n'izina Pfunda ntiryongeye kuvugwa mu mupira w'amaguru.

Mu wa 1985, ikipe ya Etincelles mu gikombe bitaga «Trophée Habyarimana» yahuye na Kiyovu ku mukino wa nyuma maze iyitsinda 2-1. Mu wa 1988, Etincelles yahagarariye u Rwanda mu mikino y'amakipe yatwaye ibikombe byinshi iwayo. Mu wa 1990, Etincelles yahuye na STIR FC mu gikombe k'ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda, FERWAFA. Icyo gihe igikombe nticyatanzwe kubera imvuru zavutse muri uwo mukino[82].

Kimwe no mu yandi makipe, umwiryane n'amacakubiri byageze mu ikipe ya «Etincelles». Mu bo ubu bushakashatsi bwabashije kumenya wazize Jenoside yakorewe Abatutsi n'uwitwa Rudasingwa Jean Marie Vianney, bitaga Semukanya.

**Jean Marie Vianney Rudasingwa alias Semukanya**

Jean Marie Vianney Rudasingwa ni imwene Gérard Badege na Bernadette Mukamunana, wavutse mu wa 1959 muri Segiteri ya Gisenyi muri Komini ya Rubavu. Yavukanye n'abana barindwi.



Mu 1965, yatangiye amashuri abanza ku ishuri rya Gacuba I. Akirangiza amashuri abanza mu wa 1972 yatsindiye kujya mu yisumbuye nkuko byagaragaye ku rutonde rwari rumanitse ku biro by'ubugenzuzi bw'amashuri bwa Perefegitura[83] ariko nyuma baza kubihindura ntiyabasha kubona aho ajya kwiga. Icyo gihe atsinda, Igihugu cyasaga n'ikiri mu midugararo maze ababyeyi be bahitamo kumwohereza kwiga i Goma muri Zayire, kuri Koleji Mwanga ibijyanye n'indimi n'ubuvanganzo[84].

Mu wa 1981 amaze kurangiza, Rudasingwa Jean Marie Vianney yagarutse mu Rwanda aza no

[82] MIJEUMA(1990), Rapport Annuel, P.48.
[83] Ibyo biro by'ubugenzuzi bw'amashuri muri Perefegitura babyitaga kuri Arrondissement.
[84] RDC y'ubu.

kubona akazi muri Electrogaz, kandi anakinira ikipe ya Kilovolt. Mu wa 1986, yahinduye akazi aza gukora muri Hotel Merdien Umubano ku Gisenyi. Muri icyo gihe nibwo yinjiye mu ikipe ya Etincelles. Mu wa 1993 yashakanye na Byukusenge Béatrice babyarana umwana umwe witwa Colline Imfura Rudasingwa wavutse se we atakiriho.

Mu wa 1990, ubwo bafungaga ibyitso, Rudasingwa yarafashwe bamufungira kuri burigade ya Gisenyi. Ahamaze iminsi ibiri, we n'umusore wari inshuti ye Costa Habyarimana[85] n'abandi bari bahafungiye baburije amakamyo babazana kuri stade ya Nyamirambo ahari hafungiye abo ubutegetsi bw'icyo bitaga ibyitso by'Inkotanyi. Nyuma y'iminsi igera kuri itanu, we na Costa babahaye impapuro zibafungura ariko bakajya bitaba kuri burigade rimwe mu cyumweru. Bageze ku Gisenyi, Rudasingwa yahise asubira ku kazi. Costa we ntiyamaze igihe kirekire ahubwo yahise acika ajya kwibera i Goma kuko yashoboraga kongera gufungwa cyangwa kugirirwa nabi. Kubera inshingano Rudasingwa yari afite zijyanye no kwita ku muryango we, ntiyajyanye n'inshuti Costa nubwo yabyifuzaga.

Nyuma yo gufungurwa, Rudasingwa ntiyaretse gukinira Etincelles. Intambara yo kwibohora itaratangira bagenzi be bakinanaga bajyaga bamwishisha kubera ko ari Umututsi. Igihe Etincelles yagombaga gukina na Rayons Sports ntiyashoboraga guhamagarwa mu bakina uwo munsi. Ibyo byaterwaga n'uko ari Umututsi, kandi ko na se Badege akiriho yari ahagarariye abafana ba Rayons Sports ku Gisenyi. Icyo gihe ariko kubera gukundwa n'abantu benshi abafana bo bateraga hejuru bashaka ko yinjira mu kibuga kubera ubuhanga bari bamuziho. Igihe kimwe yigeze kurata penariti maze kuva icyo gihe abakinnyi bagenzi be bamuha urwamenyo bavuga ngo impamvu atashatse kuyinjiza ni uko ari Umututsi. Icyo gihe kandi abo bakinnyi bagenzi be bari baratangiye kumwangisha abafana ba Etincelles bavuga ko abagambanira.

Ibyo kandi byashimangiwe na Radiyo RTLM ubwo yavugaga ko Rudasingwa ari ikitso k'inkotanyi binatuma n'abaturanyi be, abafana ba Etincelles n'abanyagisenyi muri rusange batangira kumwishisha kandi bari basanzwe bamuzi nk'umuntu ugira ishyaka. RTLM kandi, mu ijwi rya Kantano, yakunze kuvuga ko acumbikira Inyenzi, akorana inama n'abanzi b'igihugu, bityo ko abamuyobora mu kazi bamucungira hafi. Ng'uko uko urwango rwo kwanga Rudasingwa wari ufite abakunzi n'abafana benshi ku Gisenyi rwahemberewe.

---

[85] Habyarimana Costa uvugwa hano n'umwe wahoze mu buyobozi bwa Porise y'Igihugu.

Rudasingwa yari atuye muri mu mudugudu w'abarenge hafi ya y'akabari bitaga «Bon accueil». Jenoside itangiye, abavandimwe be bahungiye i Goma kubera ko hari umuvandimwe wabo wari uhatuye kuva kera. Ku itariki ya 7 Mata 1994, nka saa saba, Interahamwe zaje kwa Rudasingwa, zisanga umugore na mushiki we babanaga yabohereje kwihisha kwa muramu we w'Umuhutu. Icyo yakoze akibona ko zije kumwica yahise asimbuka urugo ahungira ku kiriziya cy'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi. Benshi mu bari bakirimo bari abaturanyi be. Interahamwe zinjiye mu rugo zirasahura zinatwika impapuro n'amafoto. Hirya y'aho yari atuye hari hatuye umugabo witwa Bishirandora na we bakinanaga umupira muri Etincelles. Interahamwe zari zivuye kwa Rudasingwa zahise zijya kwa Bishirandora ariko zisanga hari umugabo umwe w'umuyisalamu ubarinze icyo gitero. Ubwo bahise bakomeza bajya gushaka aho Rudasingwa alias Semukanya yihishe.

Zigeze kuri rwa rusengero rw'AbadivantisIti zahise zinjiramo, izindi zitangira kumushakisha mu mazu yo hanze. Zamubonyemo zimukura mu bandi ziza kumwicira hanze, maze zimuta mu cyobo cyari gihari bita yorudani[86]. Kuri uwo munsi, inkuru yahise imenyekana ko Rudasingwa Jean Marie yishwe. Umwana umwe wari mu bahungiye aho yabashije kwambuka agera kuri Goma ahura n'abo mu muryango wa Rudasingwa aramubabikira. Nyamara abo bo mu muryango we bahoraga bategereje ko azabageraho kubera ko yari umugabo ukunzwe kandi wagiriraga neza abantu bose.

Mu ikipe ya Etincelles Jean Marie Vianney Rudasingwa alias Semukanya yari umukinnyi w'imbere ushakisha ibitego. Yakundaga gutsindisha umutwe. Abasore bo ku Gisenyi baramukundaga cyane kuko yakundaga kubagurira imipira. Yabakundishaga umupira w'amaguru. Yabanaga neza n'abandi ndetse akagira n'ishyaka. Yakundaga umuryango we bihebuje kuko yemeye kuwupfira ntiyahunga igihe yari amaze gufungurwa mu byitso. Umubiri wa Jean Marie Rudasingwa ntiwashyinguwe mu cyubahiro kuko abazi aho yiciwe n'aho bajyanye abiciwe mu cyobo cya Yorudani batigeze babibwira abarokotse bo mumuryango we. Mu rugo kwa Jean Marie Vianney Rudasingwa alias Semukanya harokotse umugore n'umwana wavutse mu wa 1995 ise atakiriho. Uwo mwana yitwa Imfura Colline Rudasingwa. Aba bakurikira ni abakemurampaka mu mupira w'amaguru bazize Jenoside:

---

[86] Iki cyobo ni cyo ababatizwa baba bahagazemo.



*Ruterana Jean Marie Vianney wari umusifuzi*



*Théophile Sebarinda wari umusifuzi w'umupira w'amaguru akaba na komiseri*

**4.3.2.7. Ikipe ya Eclair FC**

Iyi kipe yari ikipe ya gisirikare, ikigo cy'abaparakomando cya Kanombe, abakinnyi bayo bagombaga kuba ari abasirikare babarizwa muri icyo kigo.

**4.4. Umupira w'intoki**

**4.4.1. Basketball**

Umukino w'intoki wa baskeball wageze mu Rwanda ahayinga 1963. Icyo gihe watangiye ukinwa n'intiti zirimo abari abakozi ba Leta bari bavuye kwiga mu mahanga. Muri bo twavuga Bwana Kabayiza Raymond wawukundishije bagenzi be bikarangira bashinze ikipe ya mbere mu Gihugu yitwa Espoir. Uwo mukino wagiye waguka buhorobuhoro kubera gukundwa n'abantu batandukanye. Mu mwaka wa 1965, wari warasakaye mu mashuri no mu bigo bya gisirikare. Mu myaka ya 1980, umukino wa basketball wari umaze kugera mu bigo bya Leta na za Minisiteri. Kuva icyo gihe, amarushanwa yatangiye gutegurwa ndetse n'abakunzi bawo batangira kujya ku bibuga gushyigikira amakipe.

Mu myaka ya 1990 umukino wari umaze kuba ubukombe, amakipe yo mu gihugu asohokera u Rwanda bahura n'amakipe y'ibindi bihugu. Uwo mukino kimwe n'indi yose yakinirwaga mu Gihugu wakomwe mu nkokora n'ibihe bibi u Rwanda rwanyuzemo. Mbere ya Jenoside, ibibazo by'umutekano byatumaga nta bwisanzure bw'amakipe n'abakinnyi bibaho kubera ingamba

zijyanye n'umutekano n'urwikekwe rwariho. Amakipe ya Basketball yari mu Rwanda kugeza mu wa 1990 yakinaga mukiciro cya mbere harimo Terror, ikipe ya Banki Nkuru y'Igihugu, Espoir, ikipe ya Kaminuza Nkuru y'uRwanda (ishami ry'i Butare n'irya Ruhengeri), Okapi (ikipe y'ikigo cya gisirikare ki Kanombe), Tigres (ikipe yakinwagamo n'abasirikare bakuru), MINIJUST, MINITRAP na ESM.

#### 4.4.1.1. Espoir basketball

Usibye no kuba iya mbere mu mavuko, ikipe ya Espoir ni na yo yabanjirije izindi mu makipe y'abasivile. Amateka yayo akubiye mu bice bitatu by'ingenzi bikurikira:

**Ikipe y'abakozi ba Leta (1963-1967)**

Iyi kipe itangira, ni bamwe mu bakozi ba Leta barimo Kabayiza Raymond wari uvuye kwiga muri Congo-Zaire na Uzamugura Martin bahamagariye abandi bakozi bagenzi babo guhura kenshi bakitoreza ku kibuga cyari mu nyubako z'Icapiro ry'Igihugu (INR). Muri icyo gihe abakinnyi bari bagize iyo kipe bari abakozi ba Leta ahanini higanjemo ab'icapiro ry'Igihugu. Bityo, n'abayobozi bayo ba mbere ba Espoir niho bakoraga. Wasanga ubuzima bw'ikipe bwarabazwaga Icapiro ry'Igihugu ndetse ntanicyakorwaga ubuyobozi bwaryo butabigizemo uruhare cyangwa ngo rigihe umugisha. Ibyo rero byatumaga bitoroha gutandukanya iyi kipe n'abakozi ba Leta, cyanecyane, ab'Icapiro ry'Igihugu. Igihe kandi cyarimo inzibacyuho hagati ya 1968-1969 yateguraga ikipe kuva mu kwaha kw'Icapiro ry'Igihugu.

**Ikipe y'icapiro ry'Igihugu (1970-1972)**

Kugeza mu wa 1969 byagaragara ko ikipe igizwe n'abakozi b'Icapiro ry'Igihugu. Bwana Raymond Kabayiza n' Umuyobozi mushya w'Icapiro ry'Igihugu batumye ikipe ifata izina rya "Espoir". Kuva icyo gihe nibwo igitekerezo cy'ahazaza h'ikipe cyatangiye gutekerezwaho cyane. Kuva icyo gihe kandi nibwo imikino ya mbere ya gicuti n'amarushanwa byatangiye. Kwiyomora ku kigo cy'Icapiro ry'Igihugu bwari uburyo bwo gushaka ubwisanzure.

**Espoir: Ikipe y'umukino w'intoki wa basket**

Guhera mu mpera za 1972 ikipe ya Espoir yabaga iya mbere mu marushanwa yari yateguwe na CELOCKI ifatanyije na CSK. Iki gihe cyabaye intangiriro yo kumenyekana kwa Espoir haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, itangiye gusohokera u Rwanda. Iki gihe kandi ni cyo

yatangiye kubaka ikipe nyayo ishingiye ku bushobozi bwayo n'abakinnyi bafite ubuhanga ngiro.

#### 4.4.1.1.1. Amateka y'abakinnyi ba Espoir Basketball club bazize Jenoside

#### 1. Ingénieur Auguste KABEHO (alias TUTU des Jeunes)



Ni mwene Augustin Kabayiza na Génèvieve Iryanyawera. Yavukiye muri Mbogo Rulindo, kuwa 4 Kanama 1965; yari ubuheta mu muryango wabo. Amashuri abanza yayize ku ishuli rya Mbogo mu 1971 arangiza mu 1977, ahita akomereza mu Seminari Nto ya Mutagatifu Vicenti i Ndera aho yarangije mu wa 1985. Uwo mwaka yahise ajya muri kaminuza i Butare atangira kwiga imibare. Amaze kwiga imyaka ibiri, yahise ajya muri ISCAP yiga ibijyanye n'ubukanishi (Electro-Mécanique). Nyuma y'imyaka 3 yahakuye impamyabushobozi y'ikirenga muri Ingéniorat electro-mécanique, muri Kamena 1990.

Akirangiza yahise ajya gukora muri Régie y'ibibuga by'indege mu Rwanda (Régie des Aéroports du Rwanda) i Kanombe. Ntiyahatinze kuko akihagera yahasanze abayobozi n'abakozi bagenzi be batifuzaga kubona Umututsi mu maso yabo. Muri icyo gihe, yatangiraga akazi muri Régie hari mu Ukwakira urugamba rwo kubohora u Rwanda rutangiye. Kabeho yasimbutse urupfu inshuro nyinshi ari nako bamwitaga amazina asuzuguritse bityo afata ikemezo cyo kureka akazi. Ubwa mbere bashatse kumwicira ku kibuga k'indege, ubundi bongeye kumutega atashye avuye ku kazi, nabwo arabacika ni ko gufata icyo kemezo.

Muri uwo mwaka nibwo yahise atangira akazi muri SAR-Motor, isosiyeti yacuruzaga ikanatumiza imodoka zo mu bwoko bwa Daihatsu. Icyo gihe yari chef w'igaraje areba ubuziranenge bw'ibijyanye na mecanike y'imodoka zabaga zinjiye cyangwa izagurishijwe.

Mu wa 1991, Kabeho Auguste yahise atangira akazi muri SAG, isosiyeti y'Abadage yakoraga "lignes électriques, installation "des panneaux de signalisation", amapoto y'amashanyarazi, akaba ari ho yakoze kugeza yicwa muri Jenocide yakorewe Abatutsi mu wa 1994. Kabeho yari atuye mu Kiyovu, secteur Rugenge aho bita ku Kabasengerezi. Mu wa 1993, Kabeho yakiriye umuryango we wari umaze kwirukanwa i Remera y'Abaforongo nyuma y'igitero k'Inkotanyi cyo kuya 8 Gashyantare 1993.


Jenoside igitangira, Kabeho n'abandi basore bari baturanye bishyize hamwe kugira ngo birinde ibitero by'Interahamwe zashakaga kubatera nkAuko babigenje mu rupfu rwa Katumba na Bucyana. Muri uko kwitegura bahungishirije imiryango yabo mu kigo cy'ababikira b'abakarikuta, kiri munsi ya Sainte Famille. Bahise bagaruka mu rugo bakomeza umugambi wo kwirinda. Kuri uwo munsi Interahamwe zo muri Rugenge zagerageje gushaka kubica, ariko Kabeho na bagenzi be bakomeza kwirwanaho. Ibitero byaje kenshi, ariko kubera ubumwe abo basore bari bafite ntizashobora kubameneramo. Kuva icyo gihe radiyo RTLM mu majwi ya Noheli, Kantano, Bemeriki n'abandi itangira kuvuga ko muri Rugenge hari insoresore z'Inyenzi zanze kuva ku'izima.

Ku itariki ya 10 Mata 1994, nibwo Interahamwe n'abasirikare bahageze. Igitero cyahitanye Kabeho cyaje mu gitondo cyo ku ya 10 Mata saa tatu. Kabeho yari avuye koga kubera ko yari yaraye irondo, yambara ikabutura yajyaga akinana basket muri Espoir. Agisohoka mu rugo yahise akubitana n'abo basirikare maze agerageje kwiruka bamurasa isasu ryo mu irugu ahita yitaba Imana, mugenzi we witwaga Théogène na we yahise yicwa kuva icyo gihe bagenzi be bakwira imishwaro. Icyo gihe umukozi wabakoreraga akimara kumenya ko Kabeho bamwishe, afatanyije n'abandi bantu bagiye kumuzana bamushyingura mu rugo hamwe n'uwo Théogène.

Abandi bari kumwe na bo bakwiye imishwaro ntibongera kwishyira hamwe kubera ko Kabeho na bagenzi be bari bamaze kwicwa. Umuryango we wari wihishe mu Bakarikuta nyuma y'icyo gitero kishe Kabeho, haje Interahamwe zo muri Rugenge zitwara se wa Kabeho n'abandi bagabo zijya kubica.

**2. Murenzi Jean Marie Vianney**

Murenzi Jean Marie Vianney yavukiye mu Biryogo muri Komini ya Nyarugenge mu wa 1971. Ni mwene Nyirinkwaya Cosma na Mukanyangezi Gertrude. Amashuri abanza yayigiye kuri EPA mu wa 1978 arangiza mu wa 1986. Ingengamatwara y'icyo gihe ntiyatumye Murenzi Jean Marie Vianney ahabwa umwanya mu mashuri yisumbuye. Ababyeyi bamwohereje mu kigo cy'abasarizayani kwiga ibijyanye n'ububaji (Ebenisterie) kwa Carlos. Mu wa 1989, yatangiye kwikorera ashinga atelier bitaga mu Gakinjiro.



Murenzi yakunze gutotezwa cyane kuva mu wa 1990. Urugamba rwo kubohora u Rwanda rwatangiye, bamufashe mu byitso afungirwa kuri stade ya Nyamirambo, nyuma y'ibyumweru bitatu ararekurwa. Igihe Katumba yaraswaga abantu bari bavuye kureba umupira w'igikombe cy'Afurika kwa Mayaka. Umugabo bari baturanye witwaga Maurice bavugaga ko yari afite ubwenegihugu bw'Amerika yishwe n'Interahamwe zimuciye umutwe, hanyuma Murenzi n'umuryango we bahungira i Nyamirambo ku Kivugiza mu nshuti zabo. Icyo gihe mukuru we Mutijima na murumuna we Dusabe bagiye kwa mushiki we witwa Josée wari warashatse ku Kivugiza. Murenzi we yagiye gucumbika ku mugabo witwa Gahitsi wari inshuti ye. Abandi na bo bagiye bajya mu yindi miryango. Ku ya 3 Mata 1994, nibwo bagarutse mu Biryogo aho bari batuye.

Icyo gihe abo bari kumwe mu rugo usibye mukuru we Mutijima wakoraga ku kibuga k'indege wari waraye ku kazi basubiye muri ya miryango yari yabakiriye. Murenzi we yasubiye kwa Gahitsi ariko nabwo ubwicanyi bwari bwatangiye kwa mushiki we Josée wari ucumbikiye abavandimwe be bavuye mu ngo zabo bajya gushaka ubuhungiro muri koleji yitiriwe Mutagatifu Andereya ku itariki ya 8 Mata1994. Uwo munsi Interahamwe zishe abantu ku kiriziya i Nyamirambo bagera kuri 80 zinaniwe ziratataha. Kugeza kuri uwo munsi Murenzi yari ataragera muri koleji aho abavandimwe be bari bahungiye. Nimugoroba nibwo yaje ari kumwe n'umusore w'inshuti ye bakinaga kuri Rafiki bitaga Mbingisa bazaniye abavandimwe babo imigati ariko ntibahatinze barongeye baragenda.

Ku ya 13 Mata 1994 nyuma ya saa sita wari umunsi wo kwica abagabo n'abasore. Uwo munsi nibwo Ababirigi baje gutwara umusaza wari ufite ubwenegihugu bwabo wari wahungiye aho muri Koleji yitiriwe Mutagatifu Andereya. Bamaze kumutwara ubwicanyi bwahise butangira. Abajandarume bakoze umurongo ku ishyamba ryari inyuma ya Koleji yitiriwe Mutagatifu Andereya kugira ngo hatagira ubacika. Uwo munsi nibwo Murenzi na mugenzi we Emmanuel Mbingisa bishwe batemaguwe n'Interahamwe zarimo iyitwa Kigingi wo ku Mumena n'abajandarume bari baturutse kuri Mont Kigali. Murenzi yitabye Imana akiri ingaragu. Mu muryango w'abana batandatu avukamo harokotse batatu, Emmanuel Dusabe wari umuhererezi, Karangwa Théoneste na Kayirangwa Eugène.

**3. Mutijima Théogene alias Liyanga**

Theogene Mutijima yavukiye mu Biryogo muri Komini ya Nyarugenge mu wa 1967. Ni mwene Cosma Nyirinkwaya na Gerturde Mukanyangezi. Amashuri abanza yayigiye kuri EPA ku Gitega guhera mu wa 1973 arangiza mu wa 1980. Arangije amashuri abanza kubera ingengamatwara y'icyo gihe, ntiyabonye umwanya mu mashuri yisumbuye ahubwo yagiye kwiga imyuga mu kigo cy'abapadiri b'Abasariziyani (Salésiens du Don Bosco) mu Gatenga, ahamara imyaka itatu.

Mu wa 1983 nibwo yatangiye akazi akora mu Kigo k'Igihugu cy'Ibibuga by'indege i Kanombe, akora mu ishami rizimya umuriro, akazi yakoze kugeza ku munsi we wa nyuma. Aho yakoraga yahuraga n'ibintu bibi byinshi abikorewe na bagenzi be bumvaga ko kubera ako ari Umututsi adakwiye gukora ku kibuga k'indege.

Kuva mu wa 1992, umuryango we waratotejwe ndetse inshuro nyinshi ukajya uhunga aho wari utuye aho mu Biryogo. Igihe Katumba yaraswaga, umuturanyi wabo witwaga Maurice bavugaga ko yari afite ubwenegihugu bw'Amerika yishwe n'Interahamwe zimuciye umutwe. Mutijima n'umuryango we barimutse bahungira ku Kivugiza mu nshuti zabo. Icyo gihe Mutijima na murumuna we Dusabe bagiye kwa mushiki wabo witwa Josée. Abandi na bo bagenda bajya mu yindi miryango. Ku ya 3 Mata 1994, nibwo bagarutse mu Biryogo aho bari batuye. Ku ya 6 Mata saa kumi n'igice, imodoka y'abakozi yamujyanye ku kazi kuko yagombaga gukora ijoro akazagaruka mu rugo ku ya 7 Mata mu gitondo. Kuri uwo mugoroba nibwo aherukana bwa nyuma n'umuryango we.


Uwo mugoroba Mutijima yakoze akazi nk'uko bisanzwe, ariko mu gitondo cyo ku itariki ya 7 Mata 1994 bagenzi be b'Abahutu batangira kumwuka inabi ariko abandi bakavuga ko ntacyatwaye bamwihorera. Uwo munsi ntiyatahanye n'imodoka y'abakozi, ahubwo yasigaye aho ku kibuga k'indege, arihisha kugeza ku itariki ya 9 Mata ubwo abajepe bafatanyije nabo bakoranaga bamukuye aho yari yihishe bahita bamurasa. Bamaze kumwica bahise bajya kumujugunya mu Kajagali, umuryango we ntiwigeze umenya aho bamushyize ngo ashyingurwe mu cyubahiro.

Kuva Mutijima akiri muto yakundaga imikino. Akora mu Kigo k'Igihugu k'ibibuga by'indege yakinaga mu ikipe ya MINITRANSCO ya Basketball. Muri icyo gihe yari umukinnyi wa Espoir

ari na yo yatumye amenyekana cyane muri basket. Yari umuntu ukundwa n'abantu cyane haba abo mu rugo iwabo ndetse n'abaturanyi. Yari afite inshuti nyinshi. Mutijima yari umuntu utuje ariko akanakunda kuganiriza abantu. Yari umuntu ugira ishyaka cyane, wabiboneraga mu mikino bakinaga bahuye n'andi makipe (igikombe afite mu ntoki n'igihe Espoir yari imaze gukuramo OKAPI ku gikombe umukino wabereye kuri café Impala). Mutijima yishwe ari ingaragu.

**4. Emmanuel Ntarugera (Gisembe)**

Ntarugera Emmanuel "Gisembe" ni mwene Vedaste Ntarugera na Gaudence Mukamudenge. Yavukiye muri Komini ya Nyarugenge, Segiteri ya Biryogo mu wa 1961. Mu wa 1967, yatangiye kwiga amashuri abanza yo ku Gitega. Mu wa 1973 arangije amashuri abanza nibwo yatangiye kwiga amashuri y'imyuga mu ishuri ry'imyuga ry'Abafureri ba « Mutagatifu Yozefu » i Nyamirambo, ahakura impamyabumenyi mu gushushanya no gusiga amarangi mu wa 1976.



Ntarugera Emmanuel akirangiza yakoze imirimo itandukanye ijyanye n'ibyo yize, ariko kuya 13 Gicurasi 1980 nibwo yatangiye akazi muri Ministeri y'imirimo ya Leta n'ingufu (MINITRAPE), muri service yari ishinzwe inyubako za Leta.

Mu wa 1987 Emmanuel Ntarugera yashakanye na Murekatete Zawadi. Umugore we yararokotse n'abana batatu: Nadine Uwimfura, Marie Noella Umuhoza na Octave Ntarugera waje gukinira ikipe Espoir kuva mu wa 2002 kugera mu wa 2008, ubu akaba ku mugabane w'Amerika.

Ntarugera Emmanuel bitaga «Gisembe» yari umukinnyi wa basketball w'ikirangirire mu ikipe ya Espoir no mu Ikipe y'Igihugu. Yari umugabo muremure cyane ureshya na metero imwe na santimero mirongo icyenda n'icyenda (1m 99), witonda kandi ukunda kuvugisha ukuri. Yakundaga abantu, cyanecyane abakiri bato. Umukino wa basketball yawutangiriye mu ikipe ya club Rafiki mu wa 1978 kimwe na bagenzi be barimo uwitwa Damien Nyirinkwaya n'abandi. Yinjiye mu ikipe ya Espoir mu wa 1981.

Emmanuel Ntarugera yishwe ku ya 27 Kamena 1994 nyuma y'igihe kirekire yihishe. Abahungu

bacururizaga muri butike yari imbere y'aho yari atuye ni bo bagiye guhuruza Interahamwe hanyuma haza abantu bavuga ko bamuhungishirije kuri Hotel des Mille Collines. Icyo gihe yabahaye n'amafaranga ariko bahise bamujyana i Matimba, ahari icyobo bajugunyagamo abo babaga bamaze kwica. Ni ho bamurasiye bahita bamujugunyamo. Inkuru y'urupfu rwe yazanywe n'ababonanye Interahamwe yabikaga indangamuntu z'abishwe, indangamuntu ya Gisembe. Umwe muri ba bahungu bacuruzaga hafi y'urugo rwa Gisembe bamubona yambaye isaha ya nyakwigendera. Ntibyatinze Inkotanyi ziba zirahageze umugi ufashwe, nizo zakurikiranye babaza abo bahungu n'abandi batari bihishe uko byagenze.

Mushiki we ni we waje kujya aho kuri icyo cyobo asanga ni we koko biciye aho, maze afatanya n'abandi baza kumushyingura mu rugo kwa se Védaste Ntarugera. Gushyingura ku rwibutso rwa Gisozi bitangiye, bamukuye aho murugo bari bamushyinguye bamujyana ku Gisozi. Ubu ashyinguye ku rwibutso rwa Gisozi[87].

**5. Mukotanyi Désiré**

Désiré Mukotanyi ni mwene Alex Rutimirwa Isibo na Elisabeth Nyiramongi. Yavukiye i Nyamirambo mu wa 1973. Mu wa 1980 nibwo yatangiye amashuri abanza ku Ntwari ayarangiriza ku ishuri ribanza rya Kivugiza mu wa 1987. Muri uwo mwaka nibwo yatangiye ayisumbuye muri Collège APACOPE maze ahakura impamyabushobozi ya A2 mu by'ubukungu (Economie) mu wa 1992. Muri uwo mwaka, yahise atangira akazi mu ruganda rwa Sulfo-Rwanda aho yakoze kugera Jenoside yakorewe Abatutsi itangiye. Umukino wa basket yawutangiriye ku ishuri rya APACOPE akinira ishuri ariko yitoreza no ku kibuga cya Rafiki. Icyo gihe nabwo yakiniraga ikipe ya Espoir. Ubuhanga bwe muri uwo mukino buhurirwaho na benshi mu bari bamuzi. Ubwicanyi butangira Désiré Mukotanyi yari mu rugo iwabo i Nyamirambo ariko Interahamwe igihe zaje kwica umuryango we yagerageje guhunga. Abarokotse mu muryango we ntibigeze bamenya ibyo urupfu rwe n'aho yaba yarashyinguwe. Mukotanyi Désiré yishwe akiri ingaragu[88].

**6. Nice Hitimana**

Ni mwene Alex Rutimirwa Isibo na Elisabeth Nyiramongi. Yavukiye i Nyamirambo mu wa

---

[87] Amakuru yatanzwe n'umugore we Murekatete Zawadi.
[88] Amakaru yatanzwe na Cassius, Umuvandimwe we.

1962, akaba yari mukuru wa Désiré Mukotanyi. Mu wa 1969, nibwo yatangiye amashuri abanza ku Ntwari ayarangiza mu wa 1975. Mu wa 1975 Nice nibwo yatangiye amashuri yisumbuye mu ishuri ry'ubumenyi (Ecole des Sciences) rya Musanze. Mu wa 1981 nibwo yahakuye impamyabushobozi ya A2 mu mibare n'ubugenge (Maths-Physique).



Mu wa 1982 yatangiye akazi muri Minisiteri y'Ubutabera, nyuma aza kwimurirwa kuri Parike ya Kigali ari na ho ubwicanyi butangira muri Mata 1994 bwasanze akora.


Hitimana Nice yakundaga imikino cyane ariko agakunda basket by'umwihariko. Impano ye yagaragariye mu ishuri yigagamo hanyuma agenda azamuka ndetse arangije yahise atangira gukinira MINIJUST mu ikipe yayo ya basketball. Kuva mu wa 1989, nibwo yatangiye gukinira Espoir Basketball ariko ntiyigeze ahagarara gukinira minisiteri yakoragamo. Hitimana Nice yishwe akiri ingaragu. Ubwo yari mu rugo iwabo i Nyamirambo hafi ya Rafiki, Interahamwe ziyobowe na Kigigi, Interahamwe yo ku Mumena zaje iwabo abantu bose bakwirwa imishwaro ariko Nice ziramufata, zimuzengurukana mu Biryogo no kuri Rafiki ngo nasezere aho yahoze akinira. Abarokotse bo mu muryango we ntibamenye aho Hitimana Nice yiciwe n'aho yajugunywe[89].

[89] Amakuru yatanzwe na Cassius, umuvandimwe we.

**4.4.1.1.2. Urutonde rw'abayobozi, abakinnyi n'abakunzi ba Espoir bazize Jenoside batabonewe amakuru**

**Alexis Bizimana Rwabayidadi**

**Raymond Kabayiza**





*Umwe mu bashinze Ikipe ya Espoir basket ball*

**Munyaneza Olivier Toto**

**Raymond Munyawera**





**Damien Nyirinkwaya**

**Emmanuel Rubingisa alias Mbingisa**





**Gustave Rugamba**

**Aimable Rutagengwa "Mayina"**

**4.4.1.1.3. Urutonde rw'abayobozi, abakinnyi n'abakunzi ba Espoir bazize Jenoside batarabonerwa amakuru**

| | |
|---|---|
| 1. Gatera Yves<br>2. Kamanzi Rugema Albert (bitaga Major)<br>3. Mutarema Védaste | 4. Rutagengwa Jean Bosco<br>5. Sabasajya Innocent<br>6. Twagiramungu Félix (Rukokoma) |

**4.4.1.2. Terror Basket ball Club**

Terror Basketball Club yari ikipe igizwe n'abakozi ba Banki Nkuru y'u Rwanda. Iyi kipe yaje



gusenywa n'amacakubiri yaterwaga na bamwe mu bayobozi ba BNR bari no mu buyobozi bw'iyo kipe. Kuva intambara yo kubohora u Rwanda itangira, abo bayobozi ba BNR birukanye abakinnyi bose b'Abatutsi bari muri iyo kipe. Benshi muri bo ni bo bagiye gushinga ikipe yitwaga "Inkuba Basketball Club". Mu bazize Jenoside bakinnye muri iyo kipe ya Terror nyuma bakajya gushinga iyitwa inkuba, harimo n'uwitwa Pierre Rutare.

### 4.4.2.Umukino w'intoki wa Volleyball

Umukino w'intoki wa Volley Ball watangijwe mu Rwanda n'abazungu mu gihe cy'ubukoroni ahagana mu wa 1950. Amakipe yari azwi kugeza muri Mata 1994 yajyaga mu marushanwa atandukanye twavugamo Kaminuza y'u Rwanda, amashami yombi (Ruhengeri na Butare), urwunge rw'amashuri rwa Butare, Seminari Nto ya Butare (Karubanda), MINITRANSCO, MINIJUST, ELECTROGAZ, Kigoma, Les Lionnes, Ouragan, Collège St André, Minijust, Ishuri ry'Ubumenyi rya Byimana, Seminari Nto ya Ndera, Buhiri yaje guhindura izina yitwa Kigali Volley Ball Club (KVC) kuva  mu wa 1995 n'Urwunge rw'amashuri rwa Shyogwe. U Rwanda rwinjiye mu Muryango Mpuzamahanga wa Volley Ball (FIVB) kuva  mu wa 1978.

#### 4.4.3.1.Ikipe ya volleyball ya Kaminuza Nkuru y' u Rwanda- Ishami rya Nyakinama

**1. Gasinzigwa Michel**



Michel Gasinzigwa yavukiye mu Bufundu ahitwa i Mbazi muri Komini Rukondo, Perefegitura ya Gikongoro, ku itariki ya 24 Mata 1957 mu muryango w'abana barindwi, abahungu batatu n'abakobwa bane. Ni mwene Karanganwa François na Kamaraba Cécile.

Mu wa 1959 Gasinzigwa akiri umwana muto, we n'umuryango we birukanwe mu Bufundu  berekeza i Nyamata ariko ntibahatinda kubera ubuzima bubi bahasanze. Bahavuye rwihishwa  bajya gutura i Ngoma mu mugi wa Butare. Mu wa 1989 Gasinzigwa yashakanye na Béata babyarana abana babiri bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 ari bo Norbert na Cédric.

Michel Gasinzigwa yatangiye amashuri abanza ku ishuri gatorika rya Ngoma mu wa 1964 ayarangiza mu 1971. Mu mwaka w'amashuri 1971-1972 ni bwo yinjiye mu Seminari nto ya Karubanda Virgo Fidelis aharangiza mu wa 1978.

Akirangiza amashuri yisumbuye yabanje kuba umwarimu mu mashuli abanza i Ngoma. Amaze umwaka yigisha, aza kubona akazi yatangiye mu 1980muri ministeri y'imirimo ya leta n'ingufu. Muri icyo gihe yakoraga mu buyobozi bw'biro bishinzwe amateme n'Imihanda.,

Niho yaje kumenyanira na Karangwa, inshuti ye magara waje gushaka mushiki we nawe wishwe muri Jenoside.

Michel Gasinzigwa ntiyatinze muri Ministeri y'Imirimo ya Leta n'Ingufu kuko yahise abona buruse yo kujya kwiga muri kaminuza i Nyakinama mu ishami ry'indimi kwiga Icyongereza. Mu wa 1986, nibwo yarangije ahakura impamyabushobozi ihanitse mu rurimi rw'icyongereza afite "distinction".

Muri Nzeri 1986, MINIPRISEC yamwohereje kwigisha muri Koleji Kristu Umwami (Collège Christ Roi). Muri icyo gihe akora i Nyanza nibwo yaje kubona buruse yo kujya kuminuza mu rurimi rw'Icyongereza n'imyigishirize yacyo muri Kaminuza ya Exeter mu majyepfo y'iburengerazuba bw''Ubwongereza maze agaruka mu wa1988.

Muri Nzeri 1988, Gasinzigwa yatangiye kwigisha mu rwunge rw'amashuri rwa Butare yigisha amasomo y'Icyongereza n'Ikinyarwanda. Mu gihe yakoraga aho mu rwunge rw'amashuri rwa Butare ni na ko yigishaga Icyongereza mu ishami ry'ubukungu, n'imbonezamubano muri kaminuza y'u Rwanda i Butare (SESG) abisabwe n'abayobozi baryo. Kuva icyo gihe aba abaye umwarimu wa kaminuza w'umutumirwa (Visitor). Ku ya 25 Ukwakira 1993 Gasinzigwa Michel yahagaritse akazi mu rwunge rw'amashuri rwa Butare ajya gukora muri ADRA, ariko akomeza gutanga isomo ry'icyongereza muri kaminuza. Ubwicanyi butangira yari umukozi w'Umuryango w'Iterambere w'Abadivantisite (ADRA).

Michel Gasinzigwa yakundaga imikino, cyanecyane umukino w'intoki wa volleyball. Yabaye umukinnyi n'umutoza wa volley. Akigera mu Seminari ku Karubanda yatangiye gukina agenda azamuka neza kandi agira uruhare runini we na bagenzi be mu kuzamura ikipe, n'ubwo yari ikiri mu kiciro cya kabiri icyo gihe. Ageze muri Kaminuza i Nyakinama yakomeje gukina ari na bwo yamenyekanye cyane anamenyekanisha ikipe ya Kaminuza, ishami rya Nyakinama. We na bagenzi be bakinanaga twavuga nka Canisius Karonji wakoraga mu Ishuri ry'Abafureri Mariste i Save, Rwagashayija baje gukorana nyuma mu rwunge rw'amashuri rwa Butare. Yanafashije cyane Koleji Kristu Umwami i Nyanza kuzamura umukino wa volleyball Yiga i Nyakinama, mu biruhuko, we n'abandi bavukaga i Ngoma bakinaga mu ikipe yayoborwaga na Rutsindura Alphonse.

Michel Gasinzigwa yari muremure apima metero imwe na santimero mirongo ikenda

(1m90).Yari umusore ukomeye ukunda guseka no gusetsa, akagira n'urugwiro. Yagiraga impano yo gukemura impaka cyangwa amakimbirane hagati ya bagenzi be, impano yagize kuva akiri muto. Ku bamuzi neza bavuga ko yari umuntu udasanzwe bitoroshye kuvuga kuko atigeze ahinduka kugeza mu minsi ye ya nyuma abona ko urupfu rumwegereye. Kuri we iyo wabaga ubabaye yagombaga kugufasha. Uko ababyeyi be bamureze ndetse n'Seminari yarerewemo, ibyo yahakuye yarabibumbatiye bimugira umuntu nyamuntu. Yaranzwe kandi no kwihanganira ibikomeye ashishikajwe no gutegura imbere hazaza. Yagiye arengana kenshi ariko akabyakira kandi ntibimuce intege. Urugero ni uko yimwe kwigisha muri kaminuza akirangiza kubera amatwara y'Igihugu ataremereraga Umututsi guhabwa ibyo abandi Banyarwanda bahabwaga. Ibyo byababaje bamwe mu barimu be bamwigishaga barimo Rwasubutare Jean Bosco na Robin, bari bazi ubuhanga bwe n'ubushobozi. Abo ni bo bagize uruhare kugira ngo abashe kujya kwiga muri Kaminuza ya Exeter. Yari afite inshuti nyinshi cyane, haba ab'urungano rwe ndetse n'abamuruta.

Jenoside itangiye, umuryango wa Michel Gasinzigwa, uwa mukuru we Déo Kanamugire, mushiki we Espérance wari uturutse i Kigali aje kubasura n'abana babiri, umuhererezi wabo witwaga Alphonsine, muramu wa Gasinzigwa wavaga inda imwe na Béata n'inshuti ya Gasinzigwa bakoranaga muri ADRA bose bari bateraniye mu rugo rwa se Karanganwa François i Tumba.

Muri icyo gihe bari aho ubwicanyi bwarimo bukorwa hirya no hino mu gihugu ariko butaragera i Butare. Bahoraga bafite ubwoba bategereje ko ibyarimo kubera ahandi nabo bizabageraho. Ku wa 21 Mata 1994 nibwo abasirikare baje mu rugo aho kwa Karanganwa barabaryamisha barabarasa. Se wa Gasinzigwa, Katabarwa mwishywa wa Gasinzigwa na Déo mukuru we bahita bicwa. Abandi barimo nyina wa Gasinzigwa, umugore we na bashiki be n'abana bakwira imishwaro bamwe bahungira mu baturanyi, abicanyi babasangayo uwo munsi bica Béata, umugore wa Gasinzigwa n'abana be babiri. Abiciwe aho Interahamwe zoherejwe n'abasirikare kuza kubajugunya mu cyobo cyafataga amazi yo ku mazu aho mu rugo rwa Déo. Ubu bavanywemo bashyingurwa mu cyubahiro ku rwibutso i Ngoma.

**2. Kagenza Alphonse**

Kagenza Alphonse ni mwene Augustin Kagenza na Scholastique Mukarubuga. Avuka mu muryango w'abana batanu, abahungu babiri n'abakobwa batatu. Yavukiye i Kansi muri



Komini Nyaruhengeri kuwa wa 8 Ukwakira 1966. Amashuri abanza yayigiye i Kansi ayarangiza mu wa 1980 ahita atangira kwiga mu Seminari Nto ya "Virigo Fidelis" ku Karubanda. Yiga Ikilatini n'Indimi zivugwa (LLM) maze arangiza n'amanota menshi mu wa 1986. Nubwo yari yaratsinze cyane afite na diplome ya kabiri ntiyabonye umwanya muri kaminuza nyamara abari inyuma bahwabwa buruse we arayibura kubera kuba Umututsi.

Arangije mu Seminari yigishije mu ishuli ry'ababyeyi rya CEFOTEC, mu Ishuri Mboneza Mirire rya Kansi (Ecole de Nutrition et Dièlétique de Kansi), no mu ishuri rya Mutagatifu Juvénal i Gisagara. Yigishaga Icyongereza, Igifaransa, Ikinyarwanda, Amateka na Siporo. Ariko hagati aho bagenzi be biganye bababazwaga cyane n'uko atabonye buruse nka bo, bityo bagakunda kuza kumusura ku ishuri aho yakoreraga.

Mu wa 1990 bigoranye ni bwo Kagenza Alphonse yabonye buruse yo kujya kwiga indimi muri Kaminuza nkuru y'u Rwanda ishami rya Nyakinama, maze ahabwa kwiga Icyongereza. Yahamaze imyaka ine ndetse yishwe asigaje amezi abiri ngo arangize *licence* mu Cyongereza.

Ku bijyanye n'imikino yakundaga, akiri muto yakinaga imikino yose atavanguye ariko impano ye ya volley ari wo mukino yaje kumenyekanamo cyane yagaragaye ageze mu Seminari igihe yari atangiye gutozwa na nyakwigendera Alphonse Rutsindura wari umuhanga mu batoza. Mu kibuga yakinaga nka "*passeur"*. Akigera muri kaminuza nabwo yakomeje gukina afasha ikipe ya Kaminuza kugera ku ntego yayo. Yarayikiniye kugeza mu wa 1994.

Jenoside yabaye yaraje mu biruhuko kwa nyirarume Kalinda Stanislas ku Mumena wa Nyamirambo. Icyo gihe Interahamwe zaje mu rugo aho kwa Kalinda zica nyiri urugo na Kagenza Alphonse babatsinze imbere y'urugo ubwo bageragezaga guhunga. Kuva icyo gihe abana na nyina bo bahise bahungira mu baturanyi kugeza igihe Inkotanyi zabageragaho zirabarokora. Baraye bishwe nibwo Inkotanyi zageze aho bari bari zije gutwara abantu ngo zibajyane ku i Rebero. Imibiri yabo yaje gukurwa aho bari bajugunywe bajyanwa mu rwibutso rwa Gisozi ubwo batangiraga gushyingura bwa mbere muri urwo rwibutso mu wa 2000. Mu muryango we harokotse abana bane bavukana, naho ababyeyi be bishwe muri Jenoside. Nubwo

yitabye Imana ari ingaragu ariko yasize umwana w'umuhungu witwa Uwizera Bruce. Mu buzima bwe yarangwaga n'ubwitonzi, ubushishozi, ubunyangamugayo, isuku, imyambarire myiza, gukunda abantu n'urugwiro byose abikorana ubwenge bwinshi[90].

**3. Karonji Canisius**

Karonji Canisius yavukiye i Nyamagabe ku Gikongoro ku itariki ya 8 Ukuboza 1960. Ni mwene Sakindi na Kangabe. Amashuri abanza yayigiye mu Cyanika. Yatangiye ayisumbuye



mu wa 1975 mu Seminari Nto "Virgo Fidelis" i Butare yo ku Karubanda maze mu wa 1981 ahakura diplome ya *Humanités* mu kilatini n'indimi zivugwa (Latin et Langues Modernes). Mu wa 1983 yahise ajya muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda ishami rya Nyakinama kwiga Amateka n'Ubumenyi bw'isi. Mu wa 1985, arangije icyiciro cya mbere cya kaminuza, Ministeri y'AmashuriAabanza n'Ayisumbuye (MINEPRISEC) yamwohereje i Gahini mu Ishuri ry'Indimi atangira kwigisha Ubumenyi bw'isi n'Amateka. Icyo gihe yahamaze imyaka ibiri.

Muri wa 1986 yagarutse kurangiza i Nyakinama, ahava mu wa 1987 ahakuye impamyabushobozi ihanitse mu bumenyi bw'isi (Géographie). Muri Nzeri 1987, MINIPRISEC yamwohereje gukora i Save mu ishuri ry'Aba "*Frères Maristes"* aho yigishaga ubumenyi bw'isi n'amateka kugeza muri Nzeri 1993.

Muri ibyo bihe binyuranye haba mu ishuri no mu kazi, Kalonji Canisius yakinaga volleyball kandi ayikundisha abantu. Ageze mu Seminari Nto ya Karubanda nibwo yatangiye gukina volleyball. Icyo gihe ikipe yabo yari mu kiciro cya kabiri itozwa na Padiri Guillaume Aloys. Ageze muri kaminuza nibwo yamenyekanye cyane muri uwo mukino ubwo yazamuraga ikipe yaho afatanyije na ba bagenzi be nka Michel Gasinzigwa, Innocent Rwagashayija, n'abandi. Kalonji akigera i Save yatoje ikipe ya volleyball y'ishuri, bityo ayifasha gutera imbere. Yari umujyanama wa siporo kuri iryo shuri. Bagenzi be b'abarimu bakoranaga yari yarabashyiriyeho umunsi wo ku wa Gatatu nyuma ya saa sita wo guhura bagakina volleyball. Yakunze kandi

[90] Ubuhamya bwatanzwe na murumuna we witwa Charles Frère, Huye, Kanama 2018.

guhura n'abanyeshuri ba kaminuza mu mugi wa Butare babaga bari mu biruhuko bakitoreza mu ikipe Alphonse Rutsindura yari yarashingiye abakinnyi bakuze (véterans).

Karonji yabaye umwarimu mwiza nk'uko bagenzi be n'abanyeshuri yigishije babihamya. Yari umugabo muremure cyane kandi ukina neza umukino wa Volley. Yateje uwo mukino imbere kuva akihagera kandi akundisha abanyeshuri uwo mukino ari na ko yafashaga abarimu kumenya gukina neza. Yagaragaje ubuhanga haba muri siporo ndetse no mu masomo yigishaga.

Karonji yaranzwe n'ibintu byinshi byiza cyane birimo gukunda abantu no kwidagadura. Ubusanzwe yari umugabo muremure cyane kandi ufite imbaraga, uhora wishimye. Yari intangarugero cyane mu kazi k'uburezi yakoraga. Muri Nzeri 1993 yaje gukorera i Kigali mu ishuri rya Mutagatifu Andereya. Jenoside itangira ni ho yari ari hanyuma aza guhungira i Save kubera ikizere yari afitiye abo bakoranye yumvaga ko bamukiza. Yiciwe mu Rwabuye bamujugunya mu cyuzi bita Icyuzi cya Du Champ (Dusha), agambaniwe na bamwe mu bo bakoranaga umurimo w'uburezi aho mu Rwunge rw'Amashuri rw'i Save. Umuryango we mugari wo kwa se wabo ni wo wagiye gushaka umubiri we kugira ngo ushyingurwe mu cyubahiro. Aho bawuboneye bawushyinguye mu rwibutso rw'uwo muryango wateguriye abawo bazize Jenoside. Karonji yishwe akiri ingaragu ariko yitegura kurushinga muri Nyakanga 1994. Umuryango we warazimye kuko mu bana barenga batandatu n'ababakomokaho bose nta n'umwe warokotse[91].

**4. Egide Kumuyange**

[91] Umuvandimwe we Ntashamaje, Gasabo, Kanama 2018

Egide Kumuyange yavukiye i Nyumba muri Komini Gishamvu muri Perefegitura ya Butare ku itariki ya 1 Nzeri 1971 ari imfura y'iwabo mu muryango w'abana batandatu. Ni mwene Athanase Kumuyange na Vestine Uzaramba. Amashuri abanza yayize i Nyumba kuva mu wa 1979 ayarangiza mu wa 1987. Ayarangije yakomeje ayisumbuye mu Rwunge rw'Amashuri rwa Mutagatifu André i Nyamirambo aharangiza mu wa 1993. Muri uwo mwaka w'amashuri 1993- 1994 nibwo yatangiye kaminuza yoherezwa kwiga amateka i Nyakinama.



Egide Kumuyange yari afite ibimuranga ahuriyeho n'abandi ariko afite n'ibimuranga we ubwe. Mu byamurangaga ni uko yakuranye ubwitonzi, ubwenge, urukundo n'ubushishozi, ndetse no kubaha umuntu uwo ariwe wese.

Ibijyanye na siporo yakoraga, akigera mu ishuri rya Mutagatifu Andereya yatangiye gukina volleyball maze ashinga ikipe y'icyo kigo ihera mu kiciro cya kabiri, maze we na bagenzi be nka Narcisse Samunani, Jean Marie Vianney Kayiranga batuma imenyekana cyane. Mu biruhuko by'umwaka wa 1992, kubera ubuhanga yari afite muri volleyball, we na bagenzi be batoranyijwe gukina muri *junior* y'ikipe y'Igihugu maze bajya gukorera imyitozo i Kavumu. Ageze muri kaminuza yakiriwe neza mu ikipe ya Nyakinama. Iteka Kumuyange yazaga mu bakinnyi b'ibanze ariko kubera impamvu z'ibihe bitari byoroshye aho Interahamwe, Impuzamugambi n'abasirikare batifuza kubona Umututsi mu maso yabo , byatumye agabanya umurava ariko bikamubabaza cyane igihe yabaga atasohokanye n'ikipe ye. Imikino yakunze kwitabira ni iyaberaga i Nyakinama itaramusabaga gusohoka cyane.

Egide Kumuyange we n'inshuti ye y'amagara biganye kuva mu Ishuri ryitiriwe Mutagatifu Andereya witwa Samunani bavuye i Nyakinama baza i Kigali mu biruhuko bya Pasika, Mata 1994. Bari bafite gahunda yo kuza kwiga amasomo ya "C*adership"* muri CND igihe k'iminsi itatu mbere yo gukomeza ngo ajye iwabo i Gishamvu. Ntibyakunze kubera ko Interahamwe n'Impuzamugambi zatangiraga ababaga bashaka kujya muri CND ngo zibice. Kumuyange abonye bidakunze yahise ajya gusura umuhungu biganye kuri Saint André wari umubikiye *diplôme* witwaga Musemakweri Juvénal ku Kivugiza aho yari kuva ataha i Gishamvu bukeye bwaho. Samunani we abibonye atyo uwo munsi ku ya 6/4/1994 yahise ataha iwabo i Ngoma. Kumuyange we ntiyabashije kuva aho ku Kivugiza kuko muri iryo joro aribwo urupfu

rw'uwari Perezida Habyarimana rwamenyekanye. Kugaruka i Gishamvu ntibyari bigikunze kubera ko umukwabu wari watangiye nta muntu usohoka.

Muri icyo gihe amakuru yabageragaho ko hari Abatutsi bamaze kwicwa hafi aho ku Kivugiza. We n'uwo mugenzi we Musemakweri bafata ikemezo cyo gusanga Inkotanyi ku Irebero. Barabigerageje, maze bageze Rwarutabura abaturage barabavumbura bavuza induru aho bari bihishe bategereje kongera gufata urugendo rwo kuzamuka ku i Rebero. Bagarutse aho bari baraye mu rugo rwa Canisius Nkurikiyinka. Kuri uwo munsi nka saa sita n'igice bari ku meza nibwo Interahamwe zazanye n'umusirikare zimuyobora muri urwo rugo kwa Nkurikiyinka zivuga ko abo bahungu bababagaruye basanze Inyenzi bene wabo ku i Rebero. Ako kanya uwo musirikare yahise arasa Nkurikiyinka, akurikizaho ba basore, Kumuyange na Musemakweri, bose bahita bagwa aho. Nyuma bajugunywe mu byobo, ariko igihe batangiraga gushyingura ku Gisozi umubiri wa Kumuyange n'abo bari kumwe bajyanwe gushyingurwa ku Gisozi.

Ubwo Kumuyange Egide yigaga mu ishuri ryitiwe Mutagatifu Andereya we na bagenzi be b'Abatutsi bahuye n'ingorane zikomeye. Mu gihe intambara yo kubohora u Rwanda yari itangiye abana bavaga mu miryango y'abasirikare bazanaga imbunda, bakamubwira ko bazamwica nagaragaza imigambi y''Inkotanyi aho ku ishuri. Yakundaga Inkotanyi cyane kuko iteka yabisabaga mama we kuva mu ishuri akajya kuba umusirikare[92].

**5. Innocent Rwagashayija**



Innocent Rwagashayija yavukiye ahitwa Murutarabana muri Komini Mushubati, muri Perefegitura ya Gitarama, ku itariki ya 1 Mata 1962. Ni mwene Augustin Kamana na Julienne Mukamusana. Avuka mu muryango w'abana icumi, abahungu batanu n'abakobwa batanu. Harokotse abavandimwe barindwi. Mu wa 1968 ni bwo yatangiye amashuri abanza ayarangiza mu wa 1974 i Kabgayi. Mu wa 1978 yatangiye ayisumbuye mu Seminari Nto ya Mutagatifu Léon ayarangiza muri Kamena 1982.

Mu myaka ya 1983-1985, Innocent Rwagashayija yabaye umukozi wa Minisiteri y'Ubutegetsi

[92] Umuvandimwe we Eric Kumuyange, Kicukiro, Nyakanga 2018.

bw'Igihugu (MININTER) ku biro bya Perefegitura ya Gitarama ari umunyamabanga wa Perefe. Muri Nzeri 1984 Rwagashayija yimuriwe muri Supeferegitura ya Kiyumba, n'ubundi agirwa umunyamabanga.

Mu wa 1985, nibwo yahagaritse akazi agiye kwiga muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda i Nyakinama, mu ishami ry'indimi. Mu wa 1987 arangije ikiciro cya cya mbere cya Kaminuza, Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye yamwohereje gukora mu ishuri ry'indimi ry'i Gatovu. Mu Kuboza 1987 yimuriwe mu Rwunge rw'Amashuri rwa Butare aho yakomeje kwigisha Igifaransa.

Ku itariki ya 26 Ukuboza 1987 yashakanye na Kayirangwa Marie Chantal babyarana abana batatu aribo Rwagashayija Inshuti Amata, Ganza Justice wavutse se afunzwe mu bitwaga ibyitso na Bana wavutse ku ya 10 Gicurasi 1994 se amaze hafi ukwezi yishwe. Aba bana bo bakaba barabashije kurokoka, na nyina wababyaye.

Mu Ukwakira 1990 intambara yo kubohora Igihugu itangiye, Rwagashayija na bagenzi be bakoranaga ari bo: Antoine Kabarari wigishaga imibare na Yohani Damaseni Niyibizi wigishaga Icyongereza barafashwe bafungwa mu bitwaga ibyitso by'Inkotanyi. Icyo gihe Rwagashayija yiteguraga kujya kwiga mu ishuri rikuru rya ISCAP-Nkumba ryigishaga ibijyanye no kwigisha (applied pedagogy). Ifungwa rye ryahise rijyana no guhagarikirwa umushahara ngo batoteze umuryango we. Ku itariki ya 19 Ukuboza 1990, Rwagashayija yandikiye umuyobozi w'ishuri amusaba ko yakomeza kumufata nk'umukozi kandi akamukorera ubuvugizi kugira ngo abashe kubona umushahara utunga umuryango we.

Gasasira mukuru wa Rwagashayija akimara kumenya ko murumuna we bamufunze yahise aza gusura umugore we icyo gihe wari ukuriwe. Akihagera abarimu bakoranaga barimo uwitwa Elysée Mutereye, Bénoît Nyabusimba, Faustin Niyonzima, Faustin Twagirayezu na Consessa Nyirabigirimana baje mu rugo bahamusanze bavuga ko yagemuye intwaro. Baramuhururije na we arafungwa. We na murumuna we bafunguwe ku itariki ya 25 Werurwe 1991.

Innocent Rwagashayija akimara kurekurwa yahise yandikira umuyobozi we na Minisitiri w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye abasaba ko bamusubiza mu kazi kandi bakanamuhemba ibirarane bari bamubereyemo. Kuva muri Mata 1991 ni bwo we n'abagenzi be bemerewe gusubira mu kazi ariko ikibazo cy'umushahara we kuva mu Ukwakira 1990 cyari kikiriho

kitarakemurwa.

Amaze gusubizwa mu kazi kumutoteza byahinduye isura. Muri uwo mwaka umukoresha we mu isuzuma mu mwaka umwe yamuhaye "*élite*" na "*médiocre*". Icyo cyari ikimenyetso cya mbere kerekana ko Rwagashayija batamwifuzaga. Ikindi ni uko bamwe mu bo bakoranaga batigeze bishimira igaruka rye ku kazi kuko iteka bahoraga bavuga ko atakwigisha abanyeshuri kuko ari Inkotanyi. Nyuma mu wa 1992, itsinda ry'abarimu b'Abahutu barimo Elysée Mutereye, Nyabusimba Bénoît, Niyonzima Faustin, Faustin Twagirayezu na Consessa Nyirabigirimana ryagambaniye Rwagashayija bandikira ibaruwa umuyobozi w'ikigo witwaga Frère Gaston Guy Pers bavuga ko Rwagashayija yongerera abana b'Abatutsi amanota. Icyo gihe byahagurukije abakozi ba Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye baza gusuzuma icyo kirego ariko basanga ubuyobozi bw'ikigo n'abarimu bamurenganya. Amaze kurenganurwa, MINIPRISEC yamwimuriye mu Rwunge rw'amashuri rwa Shyogwe ariko ntiyajyayo. Mu Kwakira 1993 ni bwo yahise asubira i Nyakinama kurangiza icyiciro cya kabiri cya Kaminuza.

Ku itariki ya 6 Mata 1994 Rwagashayija yagarutse kureba umuryango we. Yavuye i Nyakinama aca i Gitarama aho yasigaga ipikipiki nk'uko yari asanzwe abigenza, arayifata ataha i Butare. Nka saa tatu z'ijoro ni bwo yageze iwe maze abaturanyi bumvise moto ihinda bamenya ko yaje batangira kuvuga ko ari we uvuye kwica umubyeyi wabo Habyarimana. Ku itariki ya 8 Mata 1994 yabwiye umugore ko agiye kuri "Koribiyari", akabari kahoze hafi y'Urwunge rw'Amashuri rwa Butare kugira ngo byibuze amenye umwuka uri muri Butare. Yahasanze Twagirayezu wari umukuru wa "*Cellule spécialisée*" ya MRND mu Rwunge rw'Amashuri rwa Butare (GSOB), Benoît, Innocent Kabayiza wari ushinzwe amasomo muri GSOB, Concessa, na Mutereye ubona bari mu mugambi umwe. Icyo gihe yasanze bafite amalisiti yari ameze nk'ayo guhemberwaho bagiye bashyiraho utumenyetso twa X n'ikaramu itukura, hanyuma agarutse mu rugo ni bwo yabwiye umugore we ko umuryango we na wo uri mu bagomba kwicwa. Akimara kubimenya yabibwiye uwari Perefe wa Butare bitaga Jean Baptiste Habyarimana. Nawe yamushubije ko igihe cyose azaba ari Perefe nta bwicanyi buzaba muri Butare. Yamenyesheje kandi Komanda Habyarabatuma ko urugo rugeye guterwa, n'uko amausubiza ko atabona abasirikare barinda buri rugo.

Abonye ko bitoroshye yahisemo guhungisha umugore we n'abana. Abana yabajyanye kwa mushiki we Espérance ajyana n'imodoka ya gisirikare yari igiye kuzana ibirayi ku Gisenyi,

imusiga i Kabgayi aho yarokokeye we n'umwana yaje kuhabyarira. Rwagashayija yishwe urw'agashinyaguro na bamwe mu bo bakoranaga muri GSOB. Ku itariki ya 21 Mata 1994 nibwo we na muramu we bari basigaye mu rugo bishwe. Abasirikare ni bo baje kumufata we n'uwo muramu we witwaga Jean Marie Vianney Uwemeyingwe barangiwe na ba barimu bakoranye muri GSOB. Biciwe hafi ya *Procure* ya diyosezi ya Butare. Rwagashayija babanje kumwambura imyenda barangije bamukata umutwe igice kindi bagitindisha bariyeri. Uwitwa Ignace ahageze kubera ko yari yaravuze ko ari we uzica Rwagashayija, yasanze barangije kumwica, ntiyabyihanganiye kuko yahise afata inkota n'umujinya mwinci ayikatisha umutwe wa Rwagashayija. Hashize nk'iminsi itatu, imibiri yabo bayikuye aho bajya kuyijugunya mu murima hafi yo kwa "Frère Forestier". Mu kubashyingura mu cyubahiro abaturage basanzemo abantu babiri baciwe imitwe umwe ugishinzemo inkota[93], bajyanwa gushyingurwa mu rwibutso rw'i Ngoma.

Rwagashayija yari afite impano nyinshi. Yari umwanditsi w'ibisigo n'amakinamico. Mu yo abantu bamwibukiraho niyaciye kenshi kandi ijya ica kuri Radiyo Rwanda yitwa "*Nta butaha butagezwe intorezo*" n'izindi. Yabaye umwanditsi mu kinyamakuru cyandika mu Gifaransa *Dialogue*. Yananditse inyandiko nyinshi ku muco nyarwanda. Rwagashayija yakunze gukina umukino wa volleyball kandi aba n'umutoza wayo. Yakinnye mu ikipe ya Kaminuza Nkuru y'u Rwanda, ishami rya Nyakinama ndetse aranayitoza igihe yari asubiye kurangiza *Licence*. Yigisha muri GSOB nabwo yakurikiraniraga hafi ikipe yayo akayigira inama.

Ababanye na we bamuzi nk'umuntu wari umunyabwenge ukunda kuganira ibiganisha ku bumenyi kandi akagira ibitekerezo (arguments) binyura abantu benshi. Yiga mu Seminari Nto bamwitaga *Fracture* kubera ukuntu yari azi kurimba ndetse n'uburyo yagendaga. Abo biganaga muri kaminuza bo bamwitaga *Synthèse* kubera kugira ubumenyi mu bintu bitandukanye. Yakinaga kandi agakunda volleyball. Rwagashayija yakundaga abana cyane, agaharanira ko bose bamenya kandi bakanatsinda. Yakuze ari umuntu ukunda abantu ndetse agakunda kumenya ibisekuru by'iwabo. Yari umuntu usabana n'abantu bo mu byiciro byose[94].

**6. Samunani Narcisse**

[93] Uyu ni umutwe wa Rwagashayija Innocent kuko yaje gusongwa na Ignace igihe yamukataga umutwe akoresheje inkota yari afite.
[94] Umuvandmwe we Esperence, Huye, kanama 2018; Uwo bashakanye Marie Chantale Kayirangwa Marie

Samunani Narcisse ni mwene Samunani Tatien na Mukayuhi Francoise. Yavukiye i Ngoma, Segiteri Ngoma mu 1970 mu muryango w'abana umunani. Amashuri abanza yayigiye i Ngoma, ayisumbuye ayigira mu ishuri rya Mutagatifu Andreya i Nyamirambo, mu ishami ry'indimi maze ayarangiza mu ishami ry'indimi mu wa 1992. Muri uwo mwaka nibwo yahise yinjira muri Kaminuza y'u Rwanda ishami rya Nyakinama yiga ibijyanye n'Amateka.

Samunani avuye ku ishuri mu Ruhengeri ageze i Kigali ahamara iminsi igera kuri ibiri acumbitse mu bavandimwe ategereje kujya mu masomo ya Poritiki muri CND yagombaga kuba ari kumwe n'inshuti ye biganaga kandi bakinana yitwa Kumuyange Egide. Kubera umutekano wari muke ntibyababakundiye kujyayo kugeza ku itariki ya 6 Mata 1994 ubwo Samunani Adolphe yafashe icyemezo cyo gutaha i Butare.

Ubwicanyi butangira Samunani n'abavandimwe be batatu bagiye kwihisha kwa Dogiteri Twagirayezu Emmanuel nyuma yo kwihisha Interahamwe zateraga umuryango wabo zishaka kubamarira ku icumu. We n'abavandimwe bamaze kurokoka ubwicanyi bwahitanye bamwe mu muryango we, we, murumuna we Adolphe na bashiki be bagiye kwihisha kwa Twagirayezu Emmanuel, aza kuhasanga n'umugabo w'umucuruzi witwaga Mujejende Benoit wari umufana wa Rayon Sports asanzwe atuye i Nyanza yarahunze ubwicanyi bwakorerwaga i Nyanza. Muri iyo minsi bamaze kwa Twagirayezu biberaga mu gisenge cy'inzu, noneho umunsi umwe Twagirayezu yumvise ko inkotanyi zigeze i Save umujyi wa Butare uri hafi gufatwa yagiye guhamagara abasirikare ababwira ko iwe murugo hari Inyenzi.

Uwo munsi yagambaniraga abo bantu bari bihishe iwe, Twagirayezu yatashye bwije ariko ubwo Samunani na Mujejende birirwaga bihishe mu gisenge cy'inzu. Kuri uwo mugoroba atashye nibwo yababwiye ngo bamanuke mu gisenge bicare mucyumba cy'uruganiriro noneho azana inzoga zari muri « frigo » atangira gusangira na Mujejende. Maze Mujejende ubwo yari atangiye kubwira amakuru abiwe murugo igitero cy'abasirikare kiba kigeze murugo kwa Twagirayezu gisimbutse urugo. Umwana muto wa Twagirayezu niwe waje kubwira abari munzu ko hanze hari abasirikare benshi. Ubwo ari Mujejende. Adolphe na Samunani biruka bashaka gusubira mu gisenge aho bajyaga bihisha. Ba basirikare bageze mu cyumba cy'uruganiriro bahise bavuga ko bashaka Mujejende n'inyenzi ebyiri zimurinze. Izo nyenzi ebyiri bavugaga ni Samunani Narcisse na murumuna we Adolphe bari bihishe muri urwo rugo.

Basaga nabaje bazi neza aho abo bantu bihishe, bahageze barababawiye ngo bamanuke. Bahise

bamanuka koko baburiza imodoka yo mu bwoko bwa «Staout». Adolphe murumuna wa Samunani akibona ko bagiye kubica yabwiye Twagirayezu ngo abasabire imbabazi. Twagirayezu aramwihorera, imodoka irahaguruka. Ntibyatine Adolphe yahise asimbuka ashaka kwiruka imodoka irahagarara havamo umusirikare umwe amutera icyuma (beneti) mu kaboko amuca intege ahita amusubiza mu modoka. Bavuga ko abo imodoka yatwaye bagiye kubicira muri ESO ariko kugeza ubu imibiri yabo yaburiwe irengero. Umusirikare wamenyekanye mubatwaye Samunani, murumuna we Adolphe na Mujejende Benoit ni umusirikare witwa 2nd Lt Gatsinzi Modeste uri mubasirikare baba barishe Umwamikazi Gicanda.

Ibijyanye na sport, gukina umukino wa volleyball Samunani Narcisse yabitangiye yiga muri Koleji ya Mutagati Andreya. Nyuma yaje gutoranywa mu bakinnyi b'ikipe ya kabiri y'Igihugu. Amaze kugera muri kaminuza y'u Rwanda nabwo yakiriwe n'abandi bakinnyi mu ikipe ya Volleyball kubera ubuhanga yari yaragaragaje mu ikipe yakinagamo ndetse no mu ikipe y'Igihugu ya Kabiri bitaga « Junior ». Indangagaciro zamuranze harimo kuba yari umuntu umuntu ucisha make, uvuga make kandi agakunda ukuri. Kuva akiri muto yakundaga imikino ndetse no kwiga. Yari umuntu ubana neza, abantu benshi bamukunda. Mukibuga cya Volleyball yakinaga nk'umuntu uhereza abandi imipira.

Urutonde rw'abayobozi, abakinnyi n'abakunzi b'imena b' ikipe ya volleyball ya UNR Ruhengeri batarabonerwa imyirondoro:

1. Pacifique Ntagugura
2. Basile Ntagwabira
3. Emmanuel Hategekimana
4. Theoneste Rutayisire
5. Justin Niyongira

#### 4.4.3.1.1. Urutonde rw'abakinnyi n'abakunzi b'imena b' ikipe ya volleyballya UNR ishami rya Butare bazize Jenoside yakorewe Abatutsi

Kaminuza Nkuru y'u Rwanda yari ifite ikipe ikomeye ku rwego rw'Igihugu. Mu bakinnyi bayo b'imena bazize Jenoside twabashije kubonera amakuru ni aba bakurikira:

**1. Toussaint Rutiyomba**

Toussaint Rutiyomba ni mwene Rutiyomba Antoine na Nzamugurinka Bernadette. Yavukiye i Cyarwa k'Imana muri Komini ya Ngoma i Butare ku itariki ya 1 Ukwakira 1970, mu muryango w'abana icumi. Amashuri abanza yayize i Maraba, i Cyarwa, i Ngoma no ku ishuri gatorika rya



Butare, ayarangiza mu wa 1986. Muri uwo mwaka nibwo yahise atangira amashuri yisumbuye mu Seminari Nto ya Butare, yiga ikilatini n'indimi zivugwa (LLM) kugera mu wa 1991. Muri uwo mwaka yahise ajya muri kaminuza i Ruhande, yiga icungamutungo (Gestion). Itsembabwoko ritangira Toussaint yari ageze mu mwaka wa gatatu (Licence I).

Rutiyomba Toussaint yabaye indashyikirwa muri siporo. Kuva akiri muto yakundaga imikino, cyanecyane gusimbuka. Ageze mu Seminari nibwo yatangiye gukina volleyball, icyo gihe batozwa na Rutsindura Alphonse. Toussaint ari muri bamwe bateje imbere umukino wa Volleyball kuko byibuze buri mwaka ikipe ye yatwaraga igikombe. Ageze muri kaminuza nabwo yakomeje uwo mukino kandi awukundisha n'abato.

Jenoside itangira, Toussaint yari mu biruhuko mu rugo iwabo i Cyarwa k'Imana. Icyo gihe yari kumwe n'umuryango na bamwe mu bavandimwe be. Ubwicanyi bwatangiye ku ya 20 Mata, maze ku ya 21/ Mata i Cyarwa aho bita ku gateme haje igitero cy'abantu benshi cyarimo na bamwe mu bari abaturanyi babo barimo uwitwa Georges, umuhungu wa Bareruye, wakundaga kuza kubasura ubwicanyi butaratangira muri Butare. Izo nterahamwe zikimara gutera murugo, ababyeyi n'abavandimwe be bahise bakwirwa imishwaro. Kuri iyo tariki ya 21, Toussaint na bamwe mu bavandimwe be bagarutse murugo noneho Interahamwe zibimenye zigaruka n'abasirikare bo mu kigo cy'i Ngoma. Kuri uwo munsi, nibwo Toussaint na mukuru we Janvier wakinaga muri Mukura FC babavumbuye aho bari bihishe bahita babica. Mu bana icumi bose hasigaye mukuru we witwa Eustache na mushiki we wakurikiraga Toussaint. Toussaint bishoboka ko yaba yarashyinguwe ku rwibutso ruri i Cyarwa.

Urutonde rw'abatarabonerwa umwirondoro n'ubundi buhamya mu ikipe ya UNR, ishami rya Butare:

1. Imenamikore Benjamin
2. Murekezi Regis
3. Semanzi Aimable
4. Kayiranga Eric

**4.4.3.1.2. Urutonde rw'abakinnyi n'abakunzi b'imena ba ikipe ya volleyball ya ELECTROGAZ bazize Jenoside yakorewe Abatutsi**

Ikipe y'Ikigo cyari gishinzwe gukwirakwiza Amazi, Amashanyarazi na Gazi (ELECTROGAZ) yari ifite ikipe ikomeye ya Volleball. Nk'uko byagendekeye izindi kipe, ikipe ya ELECTROGAZ nayo yatakaje abakinnyi bayo batatu b'imena.




*Kabagema Sostène, uwimbere uturutse iburyo mu bahagaze na Ngamije Esdras, uwa kabiri uturutse ibumoso mu bicaye.*




*Kabagema Sosène, uwakabiri uturutse iburyo mu bahagaze*

**1. Gakwaya Jean Chrisostome**

Jean Chrysostome Gakwaya ni mwene Gaspard Gakwaya na Marie Niyonagira. Yavukiye i Mugote, muri Komini ya Musange, Perefecture ya Gikongoro, kuri tariki ya 6 Mutarama 1956. Amashuri abanza yayigiye i Musange, ayarangiza mu wa 1972. Muri uwo mwaka yinjiye amashuri yisumbuye ayigira i Burundi muri Koleji Saint Albert, arangiza mu wa 1978 afite impamyabushobozi ya A2 mu bijyanye n'ubumenyi (humanités scientifiques). Gakwaya yagarutse mu Rwanda mu wa 1980 akora muri ElECTROGAZ, ari umubitsi (Cashier).




Nyuma yaje guhabwa amahugurwa atandukanye kugirango arusheho kunoza akazi. Muwa 1983 yakurikiye amahugurwa y'icunga mutungo mu bigo bya Leta yaberaga i Murambi mu kigo cy'amahugurwa. Ayarangije yahise yimurirwa ku ishami rya Nyanza ariko ntiyahamaze igihe kirekire, kuko kuya 8 Kamena 1983 yagarutse gukorera ku biro bikuru bya ELECTROGAZ i Kigali, mu ishami rishinzwe imari n'ubutegetsi ashinzwe ubugenzuzi n'ikoreshwa ry'imari (Auditeur interne). Mu wa 1987, yimuriwe kuri station ya Kigali, nabwo akora ibijyanye n'ubugenzuzi.

Akimara guhabwa akazi mu kigo cya ELECTROGAZ, Gakwaya yahise atangira gukina umukino wa Volleyball nubundi yakinaga yiga muri Koleji yitiriwe Mutagatifu Albereti i Bujumbura. Mu 1982, yakoze amahugurwa y'abasifuzi ba volley yabereye i Kavumu, ariko icyo gihe yari n'umukinnyi mu ikipe ya ELECTROGAZ.

Gakwaya yarangwaga n'umurava, haba mu ikipe no mu kazi gasanzwe yakoraga. Yagaragaje ubuhanga buhanitse mu ikipe kuko atigeze abura mu bakinnyi batandatu babanzaga mu kibuga. Yafashije ikipe gutsinda no gutwara ibikombe. Kuba umukinnyi yabifatanyaga n'ubusifuzi iyo urugaga rwa volley rwabaga rwamwitabaje. Yaranzwe n'ubutwari, umurava n'ubwitange aharanira ishema ry'ikigo yakoreraga. Mu kazi ka buri munsi yakoranaga ubuhanga ndetse no kugira gahunda. Yabaye intangarugero kuri bagenzi be, yerekana ko ibyo akora abishoboye kandi abizi. Gakwaya yishwe muri Mata 1994 akora mu byo bita "*service à la clientele*". Umugore n'abana ba Gakwaya bararokotse.

**2. Sosthène Kabagema**

Sosthène Kabagema yavukiye ku Kicukiro muri Komini ya Kanombe ku itariki ya 28 Ukuboza 1963. Ni mwene Claver Dorozi na Catherine Mukaberwa. Yatangiye amashuri abanza mu wa 1970 ku Kicukiro, ayarangiza mu wa 1976. Muri uwo mwaka yatangiye ayisumbuye muri CEFOTEC, aho yakuye impamyabushobozi ya A3 mubyo bita "Electricité- Radio" mu wa 1982.



Ku itariki ya 27 Kanama 1982 yatangiye akazi mu kigo cya ELECTROGAZ, ashinzwe gukora amashanyarazi (electricien), kuri station ya Kigali.

Kabagema yaranzwe n'umurava igihe cyose kuko abamukoreshaga bahoraga bamushima nkuko bishimangirwa n'umukoresha we babanye ku ishami rya ya Kigali, Kalisa Evariste. Kabagema yakundaga imikino cyane kuva akiri muto. Yari umukinnyi wa volleyball wamenyekanye mu ikipe ya ELECTROGAZ kuva akigeramo. Kabagema Sosthène yicishijwe gerenade aho yari yihishe mu gisenge k'inzu. Yishwe yitegura kurushinga muri Kamena 1994.

**3. Esdras Ngamije**

Ngamije Esdras yavukiye i Rwamushuma muri Segiteri ya Rwabicuma muri Komini ya Nyabisindu mu wa 1961. Yavukiye mu muryango w'abadivantiste. Ni ubuheta mu muryango w'abana icumu; abahungu bane n'abakobwa batandatu. ni Mwene MUHINDE Onesme na Mukantagara Priscille.



Amashuri abanza yayigiye i Rwabicuma kuva mu wa 1967 ayisumbuye ayigira muri GSOB kuva mu wa 1976 aho yakuye impamyabushobozi ya D5 mu wa 1981 muri «Normale Technique». Akirangiza yahise akora muri Union des Eglises Adventistes du 7ème Jour i Butare.

Ku ya 06 Gashyantare 1984 nibwo yatangiye akazi muri ELECTROGAZ ari umucungamari wungirije (aide comptable). Mu kigo cya ELECTROGAZ, Ngamije yakoze mirimo itandukanye imwe akayihabwa kubera ubuhanga n'ubushishozi ndetse n'umusaruro yatangaga, indi akayihabwa nk'umuntu batifuzaga kubona kubera ko ari Umututsi.

Uko kwimurwa kenshi yari intandaro yo gushaka kumwirukana ku kazi nk'uko byagiririrwaga abandi bagenzi be b'Abatutsi. Nyuma ku ya 13 Ukuboza 1986 yashinzwe kwishyuza (recouvrement) muri zone ya mbere n'iya kabiri ku ishami rya Kigali. Ku ya 13 Ukwakira 1987, yagarutse ku cyicaro gikuru cya ELECTROGAZ akora ibijyanye n'ikoranabuhanga. Mu 1991, yaje kuhava ajya gukorera aho bita mu Gishanga, ishami rya Gikondo ahari ububiko bw'ibikoresho by'ikigo, maze icyo gihe agumana akazi ko kwishyuza umuriro n'amazi muri iyo zone.Aho ni ho Jenoside yasanze akorera.

Esdras Ngamije akiri mu mashuri yisumbuye yari yaragaragaje impano yo gukina imikino itandukanye. Yiga mu rwunge rw'amashuri i Butare yakoraga imikino ngorora mubiri nko gusimbuka urukiramende (sot à la perche). Icyo gihe kandi yakinaga n'umupira w'intoki wa volleyball.

Atangiye mu kigo cya ELECTROGAZ nabwo yakomeje gukina ahabwa amahugurwa atandukanye mu gutoza no gusifura umukino wa volleyball. Mu wa 1982, Esdras Ngamije yahawe amahugurwa menshi y'abatoza n'abasifuzi mu kigo k'i Kavumu. Yagiye kwihugura mu Bufaransa mu bijyanye n'umukino wa volley, mu gutoza cyangwa gusifura (Arbitrage). Uko gukunda uwo mukino wa volley byatumye na bamwe mu bavandimwe be bawukina.

Kuva mu Ukwakira 1990, Esdras ntiyigeze agira amahoro mu kazi. Icyo gihe yarafashwe afungirwa kuri stade Nyamirambo, ahamara hafi iminsi ine. Ntibyahagarariye aho kuko yagiye abuzwa amahoro, harimo kwimurwa ku kazi kenshi kandi mu buryo butunguranye. Ngamije Esdras yishwe ari ingaragu, yitegura gushaka. Yari atuye ku Muhima hafi y'ishuli rya APACOP. Kugeza ubu umuryango we ntiwabashije kumenya iby'urupfu rwe, abarugizemo uruhare kandi ntanuwamenye aho umubiri we uherereye ngo uhambwe mu cyubahiro. Mu muryango wa Esdras harokotse abana batatu: umukobwa umwe n'abahungu babiri.

#### 4.4.3.1.3. Urutonde rw'abakinyi ba volleybal mu Rwunge rw'amashuri rw'i Butare (GSOB) bazize Jenoside yakorewe Abatutsi

Urwunge rw'Amashuri rwa Butare narwo rwari rufite abakinnyi bakomeye bakinaga Volleyball. Abazize Jenoside twamenye ni aba bakurikira:

**1. Butare Alfred**

Alfred Butare ni mwene Albert Ahiboneye na Odette Bamwinegwire. Yavutse mu wa 1974 muri Komini ya Rutare, Prefecture ya Byumba. Mu wa 1981 nibwo yatangiye amashuri abanza ku ishuri ribanza rya Ntwari, ayarangiza muwa 1989. Muri uwo mwaka yahise atangira amashuri yisumbuye mu ishuri bitaga Ecole Zaïroise i Gikondo. Mu biruhuko no mu mpera z'icyumweru nibwo yakinaga volleyball ku kibuga cya Rafiki. Muri icyo gihe yabanje gukina mu ngimbi (junior) za Rafiki batozwa na Mugandura Jean de la Croix. Bitabiraga amarushanwa y'urwego rw'Igihugu y'ingimbi ari na ho Groupe scolaire yamuboneye maze imuha ishuri bityo atangira kuyikinira kuva icyo gihe. Mu mwaka w'amashuri 1993-1994



Alfred Butare akigera muri GSOB yatangiye kwiga muri Laboratoire, umwaka wa gatatu. Muri Gashyantare 1994, yafashish ikipe ya Groupe scolaire ya Butare gutwara tournoi ya « Saint Gaston », irushanwa ryitiriwe uwari warigeze kuba umuyobozi wa Groupe scolaire.

Alfred Butare bitaga Toto, mu wa 1993 yatoranyijwe mu bakinnyi bato bagiye kwitoreza i Kavumu bitegura kuzakina mu Ikipe y'Igihugu y'abakiri bato. Impano yo gukina volleyball yayikuraga mu muryango we kuko na bakuru be bakinnye mu makipe ya volleyball yo mu kiciro cya mbere.

Abazi Alfred Butare bavuga ko yari umuntu uhora yishimye kandi agakunda kuganira. Yari umusore wakundaga imikino. Yagiraga inshuti nyinshi kubera gukunda gusetsa. Ntiyajyaga arakara. Yakundaga gukora cyane haba muri siporo, mu masomo n'ibindi. Yari umuntu ugira ubushishozi kandi agakunda ukuri.

Ubwicanyi butangira aho bari batuye i Nyamirambo mu gace kazwi ku izina ryo "kuri mirongo ine (40)" hafi y'ishyirahamwe "Dialogue", Toto yari kumwe n'umuryango we. Kuya 7 Mata 1994 saa kumi n'imwe n'igice, mu rugo iwabo haje abasirikare b'abajepe baherekejwe n'abasivili. Muri abo basiviri harimo umwana bitaga Gasaza, Gaswingi na Pierre Karimba na bo bari batuye aho kuri mirongo ine (40). Bakihagera bahise bica se wa Toto Albert Ahiboneye bamurashe. Toto bamwishe ku itariki ya 22 Gicurasi 1994. Mu masaha ya nyuma ya saa sita nibwo mu rugo rwabo haje Interahamwe ebyiri ari zo Edouard Sebucocero wari mu ishyaka MDR n'uwitwa Frodouard wakoraga muri BCR wari uturanye n'umuryango wa Toto. Bakihagera babajije mama wa Toto aho abahungu be bari, ababwira ko atahazi. Baragiye ariko

mu minota itageze kuri 20 bohereza igitero cy'abajandarume n'Interahamwe zo ku Gitega. Toto n'abavandimwe be bahise bakubitana na bo bahita babica. Bukeye bwaho Interahamwe zaraje zibahamba mu cyobo cyashyirwagamo imyanda cyari aho. Ubu icyo cyobo cyaratunganijwe kigirwa urwibutso rwabo.

**2. Ngoga Sebalinda Dominique (Alias Domingo)**



Nimwene Théophile Sebarinda na Immaculée Mukangwije. Yavukiye i Nyanza/Nyabisindu ku ya 8 Kanama 1962. Mu wa 1969 nibwo yatangiye amashuri abanza i Nyanza ayarangiriza i Kabgayi mu 1975. Muri uwo mwaka yatangiye amashuri yisumbuye ayigira mu Seminari Nto ya Mutagatifu Léon, maze ayarangiriza mu ishuri ry'Abafureri Mariste i Save mu wa 1982.

Arangije amashuri yatangiye kwigisha i Nyanza mu ishuri ryisumbuye ry'abakobwa bita ETF-Nyanza. Icyo gihe yakinaga mu ikipe y'i Nyanza yitwaga "Zephile". Mu wa 1983, Ngoga Dominique yagiye gukora muri kaminuza y'u Rwanda mu nzu y'ibitabo (Bibliothèque), ni nabwo yatangiye gukinira kaminuza mu ikipe yayo ya Volleyball. Mu wa 1987, Dominique yagiye gukora mu rwunge rw'amashuri rw'i Butare anakina mu ikipe ya GSOB.

Dominique nubwo yamenyekanye cyane mu ikipe ya GSOB, yakinnye mu makipe menshi. Akiri umunyeshuri yakunze gukina mu ikipe ya ELECTROGAZ mu biruhuko, ikipe yakinagamo mukuru we witwa Antoine. Akora i Nyanza yakinaga muri Zephile. Akora kandi akinira kaminuza, Dominique yahamagawe mu Ikipe y'Igihugu cyane mu mikino bitaga Zone 4, iyabereye i Brazzaville n'iyaberaga mu Rwanda kandi akagaragaza ubuhanga. Akora muri kaminuza i Ruhande yakinnye imikino yahuzaga amakipe ya za kaminuza, maze mu wa 1983 asohokera kaminuza y'u Rwanda mu gihugu cya Canada aho bita Edmonton.

Nyuma ya 1990 amaze kubona ko bitoroshye kubera umubyeyi we na mukuru we bari barafunzwe mubyitso, yahise ava mu Rwanda ajya i Bujumbura. Atangira gukinira ikipe ya Foudres, avuyemo akina no muri Muzinga, ikipe ya gisirikare y'Igihugu cy' u Burundi. Mu wa 1993, Dominique yahunze imidugararo yabaye nyuma y'urupfu rwa Ndadaye wari Perezida w'u Burundi maze agaruka mu Rwanda. Ageze mu Rwanda, yatuye i Butare ariko kubera umutekano muke imikino yari yarakonje, icyo gihe ntiyabona ikipe akomeza gukinamo.

Jenoside yatangiye Dominique ari i Butare, mu Matyazo mu rugo iwabo n'ababyeyi be. Bavuye murugo iwabo ari Dominique, Emmanuel, Gilles na Hirarie bajya i Cyarwa kwa mushiki wabo wari uhatuye witwa Bernadette bumvikanye ko bagiye gushaka inzira ibageza ku Kanyaru bagahungira i Burundi. Bageze i Cyarwa, basanze amayira asohoka ajya ku Kanyaru abasirikare bayafunze baragaruka noneho batangira gushaka uko bakwihisha. Ibitero byinshi by'Interahamwe byatumye bakwirwa imishwaro, buri wese ajya kwihisha ukwe. Aho i Cyarwa ni ho babiciye. Uwitwa Dieudonné umuhungu wa Ezila ni we werekanye aho Dominique n'abandi bavandimwe be babiciye. Abarokotse bo mu muryango wa Dominique bashyinguye umubiri we ndetse n'abandi bavandimwe i Cyarwa ku rwibutso rw'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi. Dominique Ngoga yari umuntu usabana cyane, wizihirwa ndetse agakunda abantu. Akiri mu mashuri abanza yakinaga football mu ikipe ya kabiri ya Mukura[95].

Undi mukinnyi w'ikipe y'Urwunge rw'Amashuri rwa Butare utabonewe amakuru ni Gabiro Eugène na we wishwe muri Jenoside.

#### 4.4.3.2.MINITRANSCO Volleyball Club

Minisiteri y'Ubwikorezi n'Itumanaho yari ifite ikipe ya Volleyball ikomeye, abakinnyi bayo bari abakozi ba minisiteri ubwayo abandi baturuka mu bigo byari biyishamikiyeho (RWANDATEL, AIRWANDA, ONP, ONATRACOM, RAR). Mu gihe cya Jenoside, Abatutsi benshi muri abo bakinnyi barishwe.

---


[95] Antoine Sebalinda na Kajugiro Fidèle



*Ikipe y'abakinnyi ba MINITRANSCO ahagana mu 1992*

**1. Ascension Kayinamura**

Kayinamura Ascension ni mwene Sebwuka Stanisilas na Mukanyarwaya. Yavutse ku ya 19/5/1966 i Kivumu, muri Komini Kigembe, ubu ni mu Karere ka Nyaruguru. Mu wa 1973 nibwo yatangiye amashuri abanza i Kigembe, ayarangiza mu wa 1981. Ntiyabashije kujya mu mshuri yisumbuye kubera impinduramatwara y'icyo gihe. Nyuma yaje kujya kwiga ibijyanye n'ubukanishi mu ishuri ry'ubukanishi no gutwara imodoka (ETM) riri i Kigali. Ascension Kayinamura ahamaze imyaka ibiri yahawe impamyabushobozi n'uruhushya rwo gutwara imodoka.



Kuwa 26 Ugushyingo 1988, Ascension nibwo yahawe akazi k'ubupulanto muri Minisiteri y'Ubwikorezi n'iIumanaho (MINITRANSCO), mu buyobozi bukuru bw'amaposita. Nyuma yaje gufatanya ako kazi no gutanga ubutumwa hirya no hino nk'uko biri mu nshingano z'iposita. Muri icyo gihe yakoraga imyitozo mu ikipe ya MINITRANSCO.

Ascension yagiye ahura n'ingorane aho mu biro by'Igihugu by'amaposita yakoraga, inyinshi zijyanye n'ivangura ku buryo bugaragara. Ku itariki ya 10 Kanama 1992 yandikiye umuyobozi mukuru w'ibiro by'amaposita mu Rwanda amusaba guhindurirwa kontaro akaba umushoferi nk'uko byakorwaga no ku bandi ariko ntibabimwemerera.Yagiye kandi yandikirwa kenshi

amabaruwa yerekana koko ko yari yibasiwe kimwe nabagenzi be b'Abatutsi bakoranaga. Muri iyo minsi yari yanditse ibaruwa asaba guhindurirwa kontaro akagirwa umushoferi, hinjijwe ikipe nini y'abashoferi baturutse hanze ndetse n'abandi bari abakozi b'Iposita mu yindi mirimo.

Ascension ibaruwa yanditse yabaye intandaro yo kwimurwa ndetse no kwihanangirizwa. Ibaruwa yanditse asaba kuba umushoferi yakurikiwe no kwimurwa akajyanwa gukorera kubiro by'Iposita i Butare ashingwa kuvangura ubutumwa no ku bushyikiriza ba nyirabwo. Indi yandikiwe ku wa 18 Kanama 1992 yamwihanangirizaga kandi ivuga ko atagomba gusaba akazi k'ubushoferi atigeze asaba yinjira mu kigo k'igihugu cy'amapaosita. Muri icyo gihe cyose yakoreragai i Butare, Assension ntiyigeze ahagarika gukina Volleyball kandi ntibyigeze bimuca intege, yazaga kwitoza na bagenzi be i Kigali.

Ascension Kayinamura yari umuntu wicisha bugufi kandi akubaha abandi. Yakunzwe gutotezwa na bagenzi be b'intagondwa ariko akabyihanganira dore ko ari na we wari muto mu bakozi bagenzi be. Yishwe akiri ingaragu ubwo yari yaje i Nyamirambo ku Kivugiza mubavandimwe bari bahatuye yitegura kujya ku rugamba.

**2. Marcelin Rugira**

Rugira Marcelin ni mwene Nyirinkindi Dismas na Kanyonga Caritas. Yavutse mu wa 1963 i Kibungo muri Komini Birenga, Perefegitura ya Kibungo. Mu wa 1970 yatangiye amashuri abanza ku ishuri rya Kibungo A, maze arangiza mu wa 1976. Muri uwo mwaka, nibwo yatangiye amashuri yisumbuye, mu Seminari Nto yitiriwe Mutagatifu Kizitoi Zaza.

Mu myaka ya 1979-1980 yabaye umwarimu ku ishuri ribanza rya Kibubgo A. Muri uwo mwaka nibwo yatangiye gukina volleyball mu Ikipe ya Perefegitura, umukino yajyaga akina akiri mu Seminari Nto ya Mutagatifu Kizito.



Muri Nzeri 1980, Marcelin Rugira yasezeye akazi k'Ubwarimu maze ajya kwiga mu ishuri ry'amaposita ryabaga ku Giteka, ryagengwaga na Minisiteri y'Ubwikorezi n'Itumanaho (MINITRANSCO). Icyo gihe yigaga ibijyanye na terefoni n'itumanaho. Muri uwo mwaka kandi ni nabwo yatangiye gukora mu kigo kitwaga Telecom cyari gishamikiye kuri MINITRANSCO.

Mu kazi ke ka buri munsi yari ashinzwe harimo gusakaza umuyoboro wa terefoni ndetse no gukemura ibibazo byazo iyo byabaga byavutse. Icyo kigo cya telecom ni cyo yakozemo kuva mu wa 1980 kugeza muri Mata 1994 ubwicanyi butangira.

Marcelin Rugira yagiye arusimbuka kenshi. Igihe Impuzamugambi bitaga Katumba yicwaga, Interahamwe zamuteye gerenade we na bagenzi be bakundaga gusangira bicaye mu kabari kari mu mazu y’uwo bitaga Mashini. Muri Mata 1994 ubwicanyi butangiye aho yari atuye ku Mumena hafi ya Koleji yitiriwe Mutagatifu Andereya we n’abandi basore ndetse n’abandi bakoranaga bari baturanye barimo uwitwa Emmanuel Niyongira bitabiraga irondo bakajya n’ibihe nk’uko amategeko y’umutekano yabisabaga. Nyuma bamwe muri abo babaga bari kumwe batangiye kumwishisha ndetse bakamubwira amagambo amucira amarenga ko bagiye kumwica. Bukeye bwaho ntiyagarutse ahubwo yatangiye gushaka uko yakwihisha. Rugira abibonye atyo we na murumuna we babanaga witwaga Hyacente Rudasingwa bajya kwihisha kwa Livini wari umuturanyi wabo.

Hari Interahamwe bitaga Kigingi yabye ibitero byinshi muri Nyamirambo, zaje mu rugo kwa Marcelin Rugira ziramubura zigenda zivuga ko avugana n’Inkotanyi azibwira aho zirasa amabombe kubera ko terefone y’iwe mu rugo yari igikora kandi iz’abaturanyi zarapfuye. Umugoroba umwe rero haje abasirikare baturutse hakurya ku i Rebero, bashobora kuba bari Inkotanyi basaba Livini ko yabaha abantu acumbikiye maze aranga kubera ko yakekaga ko ari za Nterahamwe zazanye na Kigingi ziyoberanije. Bukeye mugitondo Kigingi n’izindi Nterahamwe zaje kwa Livini zisaka mu nzu hose zikuramo Marcelin, murumuna we witwaga Hyacente n’umukozi wabakoreraga zirabica zibajugunya mu cyobo cy’ari inyuma y’urwo rugo. Uwo munsi babishe ni nawo Inkotanyi zageze i Nyamirambo.

Rugira Marcelin yishwe arimo kwitegura kurushinga ndetse n’uwo bari kurushingana yaje kubyara umwana w’umuhungu muri Kanama 1994. Uwo mwana bahise bamwita amazina ya se yombi kugira ngo bajye bibuka Marcelin Rugira ko ariho atazimye, akaba yarangije muri kaminuza y’u Rwanda i Ruhande mu bijyanye n’ikoranabuhanga n’itumanaho.

Marcelin Rugira yari umuntu witanga atizigamye mu byo yakoraga byose. Nko mu kazi iyo n’umuturanyi cyangwa undi wese yamwiyambazaga yagize ikibazo ntiyarebaga ku masaha y’akazi, yitabiraga kumufasha kandi ashishikajwe no kubona igisubizo. Yaranzwe n’umurava n’ishyaka, nk’uko abo bakinanaga barokotse amahano yazize babivuga. Yakundaga imikino

yindi nk'umupira w'amaguru nubwo atari wo yakinaga. Yari umufana ukomeye wa Rayons Sports. Yari umuntu usabana cyane kandi akabasha kwihangana. Ntiyari yorohewe n'uwari umuyobozi w'ikigo yakoreraga Assuman Bizimana ndetse n'abandi bagenzi be batahwemaga kumutoteza ariko ibyo ntibyamubujije gukomeza gutunganya akazi ke cyangwa gukinira ikipe ya MINITRANSCO.

Urutonde rw'abatarabonerwa umwirondoro n'ubundi buhamya mu ikipe ya MINITRANSCO:

1. Kayigamba Andre
2. Munyemana Abdallah
3. Gakwaya Vincent

**4.4.3.3. Buhiri Volleball club**

**1. Venant Urimubenshi**



Venant Urimubenshi ni mwene Anastase Binego na Pascasie Nyiribambe. Yavukiye i Munanira, Komini Shyanda muri Perefegitura ya Butare, ku itariki ya 5 Ukuboza 1963. Amashuri abanza ya yigiye i Shyanda, ayisumbuye ayigira mu Rwunge rw'Amashuri rw'Indatwa n'Inkesha i Butare (GS de de la Charité) ayarangiza mu wa 1984, maze ahavana impamyabushobozi ya D7 mu nderabarezi.

Kuva mu wa 1984 kugeza mu wa 1985, yakoze amahugurwa y'abakangurambaga b'imikino yatangirwaga mu Rwunge rw'Amashuri rwa Butare maze ahakura impamyabushobozi yo kuba abakangurambaga b'imikino. Kuva muri Nzeri 1985 kugeza kuri tariki 30 Nzeri 1986 yabaye umurezi mu mashuri abanza ari n'umukangurambaga ushinzwe imikino mu ifasi y'amashuri.

Mu mwaka w'amashuri 1986-1987, yinjiye muri kaminuza y'u Rwanda, ishami ry'ubuvuzi. Ku itariki ya 1 Nzeri 1987 yaje kujya mu ishuri rikuru rya Gisirikare aza gusezererwa ku itariki ya 9 Nzeri 1989 azira ko ashobora kuba ari Umututsi. Ku ya 3 Gashyantare 1990 nibwo yatangiye akazi muri Minisitiri y'Ubwikorezi no Gutumanaho (MINITRANSCO) ku mwanya w'Umwanditsi Wungirije, aza kuzamurwa mu ntera agirwa Umwanditsi ku itariki ya 1 Mata1990 wuzuye. Muri Gicurasi 1991- Ukuboza 1991 yize mu ishuli ry'amaposita ibijyanye

ubugenzuzi n'imicungire y'imari n'amaposita, aza no kwimurirwa mu biro by'Igihugu bishinzwe amaposita. Yishwe ari ingaragu, ku itariki ya 8 Nyakanga 1994.


Yarangwaga no gukunda ukuri kandi ari umunyamurava. Yari umuntu ukunda akazi, akagira n'igitsure ariko agasabana n'abandi. Yarangwaga n'ishyaka, haba mu kazi cyangwa mu makipe yakinagamo. Urimubenshi yatangiye gukina volley yiga GSOB. Icyo gihe si volley yakinaga gusa yakoraga n'imikino ngorora mubiri. Yakiniye MINITRANSCO igihe yari umukozi wayo ndetse aza no gukina mu ikipe ya Buhiri ari na yo kipe ye ya nyuma yakinnyemo. Yitabye Imana akiri ingaragu atuye mu Nyakabanda hafi ya hoteri Baobab.

Urutonde rw'abatarabonerwa umwirondoro n'ubundi buhamya mu ikipe ya Buhiri:

1. Mugandura Jean de la Croix
2. Rwagahungu
3. Mukeshimana Martin
4. Ntaganira Innocent
5. Rukamba Jean Marie Vianney

**4.4.3.4. Seminari Nto ya Karubanda (PSVFK)**

**1. Gilles Sebarinda**



Gilles Sebarinda ni mwene Théophile Sebarinda na Immaculée Mukangwije. Yavukiye i Nyamabuye muri Perefegiture ya Gitarama ku itariki ya 1 Werurwe 1969. Amashuri abanza yayigiye ku ishuri ribanza rya Gitarama ayarangiriza ku ishuri gatorika ry'i Ngoma mu wa 1983. Muri uwo mwaka nibwo yatangiye ayisumbuye mu Seminari Nto ya Karubanda mu ishami ry'Ikilatini n'Indimi zivugwa (Latin et Langues Modernes) ayarangiza mu 1989. Muri uwo mwaka Gilles Sebarinda yagiye mu Sseminari Nkuru i Rutongo nyuma y'umwaka akomereza i Kabgayi muri Philosophicum. Mu wa 1992 nibwo yagiye mu Nyakibanda kugeza muri Mata 1994.

Ubwicanyi butangira Gilles yari yaje mu biruhuko mu muryango we mu Matyazo. Ku ya 20 Mata ubwicanyi butangiye muri Butare, we n'abavandimwe be Hirarie mushiki we, bakuru be Dominique na Emmanuel n'ababyeyi babo bavuye mu rugo iwabo bajya kwa mushiki we

Bernadette wari utuye i Cyarwa k'Imana bafite umugambi wo kwambuka Akanyaru bagahungira i Burundi. Bahageze basanze bidashoboka kuko inzira zari zifunze ntaho wamenera. Ubwo gahunda iba irahindutse ahubwo batangira gushaka uko bihisha kuko aho i Cyarwa bahise batangira kwica. Kuva ubwo bakwiye imishwaro buri wese ajya kwihisha ukwe. Ntibyatinze kuko ku ya 21 Mata ari wo munsi Interahamwe zishe Gilles na bakuru be Dominique na Emmanuel zibashyira mu kinogo cyari hafi aho.

Umuvandimwe wabo warokotse witwa Fidele Kajugiro Sebarinda niwe wabwiwe inkuru y'aho babiciye ayibwiwe n'uwitwa Ezra. Fidèle akeka ko uyu Ezra yari muri icyo gitero kishe abavandimwe be. Uwo Ezra hamwe na se umubyara baje gufungwa kuko bari mu bitero byamaze abantu aho i Cyarwa. Gushyingura mu cyubahiro bitangiye, abarokotse bo mu muryango wa Gilles bamushyinguye we n'abandi bavandimwe mu rwibutso rw'i Cyarwa.

Gilles yakundaga imikino ariko cyanecyane volleyball. Yakoze amahugurwa menshi ajyanye no gushyira gahunda no gutegura imikino ya volley. Yakoze n'andi ajyanye no gukemura impaka ku kibuga, yari umusifuzi muri uwo mukino.

Gilles yari umuntu ugira amatsiko iteka agashaka kumenya uko ibintu bigenda cyangwa byagenze. Nk'iyo se yabaga yagiye nk'ahantu kure ni we wamubazaga uko urugendo rwagenze n'ibyo yahuye na byo byose. Akiri muto yakundaga guhora iruhande rw'ababyeyi bishoboka ko yabakuyeho byinshi mu byamurangaga. Yari umuntu ukunda gusoma ibitabo cyane. Yari umuntu wumvira cyane kandi kuva mu bwana bwe yari yaravuze ko aziha Imana. Yabanaga neza n'abandi, bityo bigatuma agira inshuti nyinshi.

**2. Alphonse Rutsindura**



Yavukiye i Cyamukuza muri Ndora mu mwaka wa 1958. Amashuri abanza yayize ku Gisagara ayarangiza mu mwaka wa 1971. Muri uwo mwaka yahise yinjira mu Seminari Nto ya Butare maze ahakura impamyabushobozi ya A2 mu kilatini n'indimi zivugwa (Latin et Langues Modernes) mu wa 1978. Mu mwaka ukurikiyeho Alphonse Rutsindura yinjiye mu Ishuri Rikuru Nderabarezi (IPN) maze nyuma y'imyaka itatu arangije atangira akazi mu Seminari Nto ya Karubanda ari umwarimu w'indimi. Icyo

gihe hari mu mwaka wa 1983. Akihagera yatangiye akazi ko gutoza ikipe ya volley ya PSVF ahereye mu bari mu kiciro cya mbere cy'amashuri.

Nyuma y'umwaka , Rutsindura yateguye umukino wahuje abigaga mu kiciro cya mbere n'abo mu cyiciro cyakabiri harimo n'abiteguraga kurangiza amashuri yabo. Icyo gihe ikiciro cya mbere cyatsinze abakuru. Aho niho abakurikiraniraga hafi umukino wa volley bemeje ko Rutsindura ari umutoza w'umuhanga. Abo bari mu kiciro cya mbere baje kurangiza iseminari mu wa 1987 ni bo bakuye ikipe ya PSVF mu kiciro cya kabiri bayijyana mu cya mbere mu mwaka wa 1986. Muri bo twavuga nka nyakwigendera Semanzi Aimable wari uyoboye ikipe mu kibuga, Gakebuka Camille, Kagenza Alphonse. Mu bariho twavuga nka Fideli Kajugiro-Sebarinda, Karabaranga Jean Pierre, Karangwa Raymond n'abandi.

Rutsindura yabaye umusifuzi n'umutoza ku rwego rw'Igihugu. Yatoje PSVF kuva mu wa 1983 kugeza mu mwaka wa 1994. Yabaye kandi umutoza mukuru w'Ikipe y'Igihugu y'Abagore ya volleyball kuva mu wa 1988 kugeza mu mwaka wa 1990. Yabaye kandi mu Nzego z'Igihugu za Fédération ya Volleyball mu Rwanda igihe yari umuyobozi wungirije. Yazamuye impano za benshi muri uyu mukino kuko niyo habaga ari mu biruhuko wasangaga arimo gutoza abana bakiri bato ndetse n'abakuru.

Rutsindura yari umuntu ugira inama abantu cyane mu buzima busanzwe. Abanyeshuri yababwiraga ko bagomba kwiga bagatsinda kandi abo yatozaga yabashishikarizaga gutekereza uko bakwagura umukino wa volleyball bawugeza ku bandi, cyari igitekerezo cy'uko bazajya bashinga amakipe. Izo mpanuro mu by'ukuri zagize akamaro kuko usanga mu bigo byinshi mu gihugu byaribarutse amakipe ku bitekerezo by'abo yatozaga. Yakundaga kuririmba ndetse yari yarashinze korari ayita «Ijuru», bivuga kuba ku isonga. Yahimbye indirimbo zitari nke ziririmbwa mu kiriziya.

Rutsindura Alphonse yashakanye na Vérène Mukarubayiza babyarana abana bane. Iliza Alain, Izere Arsène, Icyeza Aliba bazize Jenocide na Ikirezi Alaine warokotse Jenoside. Urutonde rw'abatarabonerwa umwirondoro n'ubundi buhamya mu ikipe ya PSVF Karubanda:

1. Gakebuka Camille;
2. Hategekimana Innocent;
3. Tumukuze Jean Bosco;
4. Ngarambe Jean Marie Vianney;

### 4.4.3. Umupira w'intoki (Handball)

Handball yageze mu Rwanda mu wa 1983 izanywe n'Abadage. Yatangiriye i Zaza no muri Groupe Scolaire de la Salle i Byumba ikomereza muri muri GSOB. Kuva mu wa 1985 havutse amakipe atandukanye. Mu wa 1988, ishyirahamwe rya Handball ryatangiye, ryemerwa ku mugaragaro mu wa 1992. Mu wa 1994, umukino wa Handball wari utaraba ubukombe nyamara washegeshwe na Jenoside kuko hishwe abakinnyi n'abatoza benshi bakinaga cyanecyane mu makipe ya Nyakabanda na Zaza.

Nyuma yaho, bitabiriye amarushanwa atandukanye kandi hari ikizere ko mu minsi yagombaga gukurikiraho, izaba iri mu mikino yitaweho cyane. Amakipe ya handball yariho kugeza muri Mata 1994 twavuga: Kibirizi, Zaza, Nyakabanda (Abahungu n'abakobwa), na Kaminuza Nkuru y'u Rwanda. Nyuma ya 1994, irushanwa mpuzamahanga rya mbere abakinnyi b'u Rwanda ba Handball bitabiriye hari mu wa 2002 muri Kenya. Kuva ubwo, Ishyirahamwe rya Handball ritegura amarushanwa buri mwaka yo kwibuka Abatutsi bakinaga uwo mukino bishwe muri Jenoside kandi akitabirwa n'abantu baturutse imihanda yose; mu Rwanda no mu mahanga.

Urutonde rw'abakinyi n'abakunzi ba Handball bazize Jenoside rutarabonerwa amakuru:

| | |
|---|---|
| 1. Hakizimana Augustin | 11. Ndereyimana Augustin |
| 2. Isabwe Claude | 12. Nsabimana Pierre Claver |
| 3. Kabera | 13. Nsengiyumva Evariste |
| 4. Kayigire Agathe | 14. Rubingisa Paul |
| 5. Lambert | 15. Ruhigira Charles |
| 6. Léonard | 16. Rutamu Augustin |
| 7. Muhinda Ernest | 17. Shumbusho Charles |
| 8. Munyakayanza | 18. Simbaburanga Evariste |
| 9. Munyambano Eugène | 19. Uwimana Virgile |
| 10. Mutabaruka Paul | 20. Uwitibagiwe Vital |
| | 21. Uwitije Emile |

### 4.4.4. Umukino wa Tennis

Umukino wa tennis ukigera mu Rwanda watinze kwamamara. Ni mu wa 1983 ishyirahamwe "*Kigali Tennis Club*" ryatangiye kuwuteza imbere, bityo utangira kumenyekana. Muri uwo

mwaka kandi Impuzamashyirahamwe nyafurika w'umukino wa tennis yatumiye abakinnyi ba Kigali Tennis Club mu marushanwa. Muri uwo mwaka kandi abakinnyi ba tennis baturutse i Bujumbura bakinnye umukino wa gicuti n'aba Kigali Tennis Club. Abakinnyi bazize Jenoside ni aba bakurikira:

### 1. Havugimana Emmanuel Bitaga Nyirarucyaba



Havugimana Emmanuel bitaga Nyirarucyaba ni mwene Kayibanda na Mugirasoni. Yavukiye i Masango ahari Perefegitura ya Gitarama mu wa 1952. Mu wa 1976, yashakanye na Ilibagiza Spéciose babyarana abana batanu ari bo: Havugimana Innocent, Havugimana Uwera Francine, Uwizeye Rosine, Havugimana Emile na Havugimana Thiery. Umwuga w'ubucuruzi yawutangiye akiri umusore kugeza ubwo yicwaga muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994. Ubucuruzi yabutangiriye ahitwa ku Buhanda, maze mu wa 1979 yimukira i Kigali mu rwego rwo kwagura ubucuruzi bwe. Ahageze yatangiye gutumiza ibicuruzwa hanze birimo Caguwa, amavuta yo guteka na peteroli. Mu wa 1981 yubatse inzu yo gukoreramo ubucuruzi yari izwi ku izina rya SOFERWA[96], ubu abana be bahinduye Hotel Impala. Havugimana yahagarariye mu Rwanda uruganda rwakoraga amavuta ya Calitex ashyirwaga muri moteri z'imodoka, yinjira no mubwikorezi bw'ibicuruzwa abijyana kandi abivana mu mahanga. Jenoside yakorewe Abatutsi itangira, yari afite imodoka zikururana zirenga 15. Kubera ko yari muri bake bacuruza peterori mu Rwanda, yaje kugira igitekerezo cyo gushinga uruganda rwa plastic kugira ngo abashe kwikorera amajerikani yo gushyiramo peteroli abikoreye i Kigali. Igitekerezo yaje gushyira mu bikorwa ariko Jenoside yabaye uruganda rugiye gutangira[97].

Mu wa 1990 urugamba rwo kubohora u Rwanda rutangiye, mu gitondo cyo ku ya 5 Ukwakira nibwo yafashwe arafungwa we n'umugore we. Umugore yamaze ibyumweru bitatu afunzwe naho Havugimana aguma mo aza gufungurwa nyuma y'amezi atandatu. Akimara gufungurwa ntiyahatinze, kuko yongeye gufatwa asubizwa muri gereza afungwa igihe kigera kumezi

[96] Societe de la famille Emmanuel au Rwanda)
[97] Uruganda rwubatswe I Gikondo muri Quartier Industriel n'ibikoresho bikenewe byari byashyizwemo.

atandatu.

Jenoside itangira Havugimana yari iwe murugo ku Kacyiru[98]. Ku ya 7 Mata 1994 nibwo igitero cy'abasirikare cyaje mu rugo iwe cyica Havugimana n'uwo bashakanye, abana barahunga bajya kwihisha mu ngo z'abaturanyi babasha ndetse no kurokoka.

Havugimana Emmanuel, yakundaga umukino wa tennis yatangiye gukina kuva 1984. Yakiniraga ahantu henshi ariko cyanecyane muri club ya Remera Stade Amahoro no kuri" "*Hotel de Diplomates*". Niwe mukinnyi wambere w'umwirabura watangiye gukinira tennis muri CSK kuko icyo gihe hakiniraga abazungu gusa. Niho we n'umuryango we bakoreraga sporo kenshi kuva sa cyenda kugera saa kumi n'imwe. Yari inshuti y'abana batoraguraga imipira ku kibunga ndetse benshi muri bo baje kuvamo abakinnyi bakomeye ba tennis abigizemo uruhare. Havugimana Emmanuel yatwaye ibikombe byinshi mu marushanwa atandukanye yategurwaga mu gihugu cyangwa ayaberaga mubihugu duturanye. Umuryango we umwibukira cyane ukuntu yakundaga kandi akanitangira umukino wa Tenis. Iwe murugo wasangaga ibikombe ya twaye bipanze mu cyumba cy'uruganiriro. Abakiriho mubo bakinanaga nabo bamwibukira ku buhanga yari afite, urugwiro yahoranaga, gusabana, n'ibindi. Ifoto ye yabonetse ashyingurwa mu cyubahiro yatanzwe n'abo bakinanaga umukino wa tennis. Yaranzwe kandi no gufasha abantu, abana be bibuka ko ariwe washyize telephone mubiro bya Komini Masango yayoborwaga icyo gihe na Mpamo Esdras. Icyo gihe yamusabye ko azajya ayitiza abaturage bakavugana na bene wabo baba i Kigali. Imodoka ye kandi yakunze kujya ikora imirimo ya Komini mu rwego rwo guteza imbere aho avukaga. Yafashije kandi kubaka urusengero rw'abadiventiste rw' i Nyamirambo ndetse n'ururi ku Kacyiru hafi y'ishuli "La Colombière". Yigishije kandi benshi umwuga wo gucuruza, benshi bakorera muri Matheus bazi neza uruhare yagize mu itangira ry'ubucuruzi bwabo.

Abandi bakinnyi bazize Jenoside batabonewe imyirondoro ni aba bakurikira:

**Samuel Nyamunyura** **Gaston Kanyamahanga**

[98] Muri ya nzu bamuzizaga bavuga ko yayubakiraga Rwigema.




| CLUB DE TENNIS | |
|---|---|
| **CLUB DE BUTARE**<br>1. Gatera Vincent | **CLUB CSK**<br>1. Rubangura Francois<br>2. Kwitonda Théogène<br>3. Ruzindana |
| **CLUB HOTEL UMUBANO**<br>1. Rutahira Vedaste | **REMERA TENNIS CLUB**<br>1. Rutayisire Fidele<br>2. Bayingana Jean de Dieu<br>3. Ruzindana<br>4. Kanyamahanga Gaston |

### 4.5. Umukino w'amagare

Amateka y'amarushanwa yo gusiganwa ku magare yatangiye mu Rwanda ahagana 1977. Yatangiye bakora amarushanwa mu turere (zones) dutandukanye mu Rwanda mu ntera ngufi. Utwo duce amarushanwa yakorerwagamo ni utu dukurikira:

- Tour de Kigali
- Tour de l'Est (Rwamagana-Rusumo)
- Tour de Volcan (Ruhengeri-Cyanika-Gisenyi )
- Ascension de Milles Coline (Kigali- Butare-Kanyaru)

Guhera muri 1988, nibwo bwambere umukino wo gusiganwa ku magare wagutse utangira gukorerwa ku rwego rw'igihugu. Muri uwo mwaka, Abanyarwanda nibo bitabiriye iryo rushanwa. Muri 1989, nibwo bwa mbere amarushanwa yo gusigana ku magare yateguwe anitabirwa n'abakinnyi baje baturutse mu mahanga (Zaire, Burundi na Uganda). Abakinnyi

begukanye begukanye Tour du Rwanda ni aba bakurikira:

- 1988: Célestin Ndengeyingoma
- 1989: Omar Masumbuko
- 1990: Faustin Mparabanyi

Nyuma y'umwaka wa 1990 umukino wo gusiganwa ku magare wasubiye inyuma wongera kuzanzamuka nyuma ya 1994.

Nk'andi mashyirahamwe y'imikino mu Rwanda, Ishyirahamwe ry'Umukino wo Gusiganwa ku Magare mu Rwanda watakaje abakinnyi, abakunzi ndetse n'abayobozi baryo. Uwo twabashije kumenyera amakuru akaba yari n'umuterankunga n'umuyobozi wungirije w'Ishyirahamwe akaba ari Anselme Sakumi.

**Anselme Sakumi**

Sakumi Anselme yavukiye ahahoze ari Perefegitura ya Gitarama mu wa 1947. Yashakanye na Gasibirege Immaculée babyarana abana 6. Yabaye umukozi wa Leta igihe cy'imyaka igera ku icumi, nyuma ahitamo kujya kwikorera. Amaze guhagarika akazi ka Leta, imirimo ye yateye imbere ku buryo bushimishije. Yaje gushinga uruganda rw'amagare y'ubwoko bwose i Gikondo rwuzura mu wa 1990, amagare agacururizwa kuri "Etablissement Sakumi Anselme". Yahagarariye kandi uruganda rwakoraga imashini zidoda bitaga "Singer" mu Rwanda.



Inkotanyi zitangiye urugamba rwo kubohora u Rwanda, Sakumi yafashwe ku itariki ya 3 Ukwakira 1990 afatwa n'abasirikare bamusanze ku Muhima aho yakoreraga. Arafatwa arafungirwa muri gereza ya Kigali bitaga 1930. Hashize hafi ukwezi, Sakumi bamwimuriye gufungirwa muri gereza ya Ruhengeri, ahafungirwaga abanyaporitiki. Hashize amezi agera muri atanu n'imisago afunzwe, yaje gufungurwa agaruka i Kigali akomeza imirimo ye y'ubucuruzi uko bisanzwe ariko asanga byinshi byara dindiye. Akimara gufungurwa haciyemo iminsi itari myinshi inkotanyi zigarurira umugi wa Ruhengeri zifungura abo yari yasize muri iyo gereza.

Akimara gufungurwa, Sakumi ntiyacitse intege kuko yakomeje guharanira ukuri. We na bagenzi be bari baratangiye gutotezwa bashinze umuryango wari ugamije kuregera uburenganzira bw'ikiremwamuntu, bawita "Kanyarwanda". Mu ishingwa ryawo, Sakumi Anselme yatanze

ibiro ku Muhima byakoreragamo uwo muryango. Ibikorwa byo gushyigikira umuryango wa FPR-INkotanyi nabyo yabyongeyemo imbaraga n'ubwo byari bimaze kugaragara ko koko hari uburyo akorana n'abanyarwanda bari hanze y'Igihugu, by'umwihariko umuryango wa FPR-Inkotanyi[99].

Amashyaka menshi amaze guhabwa umwanya, Sakumi Anselme yari mu ishyaka PL. Ihohoterwa ryakorerwaga abatutsi cyangwa ababaga mu mashyaka atavugaga rumwe n'ubutegetsi wa Habyarimana nawe ryamugezeho kenshi. Bakunze kumutangira bakamutera amabuye nyuma aza gushaka uburyo bwo kujijisha ahinduranya imodoka mu rwego rwo kuyobya uburari ababaga bamushakisha.

Jenoside itangira, Sakumi Anselme yari iwe murugo n'umuryango we i Nyamirambo hafi yahahoze PETRORWANDA. Yari azi neza ko ari mu bashakishwa ngo bicwe. Yari amaze kumenya amakuru ya bamwe mu nshuti ze cyangwa aya abandi muri rusange. Kugera ku itariki ya 8 Mata 1994, umuryango we wari utarahura n'ikibazo na kimwe. Telephone zari zigikora akabasha kuvugana n'abo yabaga akeneye kubaza amakuru. Gusa yari ategereje kuko yumvaga ibyabaye kuri bagenzi be, bitaza musiga.

Sakumi Anselme yishwe saa kumi z'umugoroba[100]. Ku itariki ya 8 Mata 1994 saa kumi z'umugoroba iwe haje imodoka nyinshi z'abasirikare bahoze mu mutwe warindaga Perezida Habyarimana. Bageze ku irembo babwiye umuzamu ngo afungure, abanza kuza kubaza sebuja niba afungura. Hagati aho bahise burira urugo barifungurira binjira mu rugo ahari abantu bagera kuri 15. Bakimara kwinjira mu rugo, binjiye mu nzu basohora abarimo na nyira urugo. Babagejeje hanze babicaza hasi, nttibyatinda Sakumi baramurasa ahita yitaba apfa. Bakurikijeho Léonie wari umwisengeneza w'umugore wa Sakumi na Alain Gasali nabo baricwa. Abandi bahise bakwirwa imishwaro biruka bajya kwihisha mu baturanyi. Umugore we wari umaze kurokoka ubwo bwicanyi yahise ahungira kwa Karamira Froduard. Akihagera aho kugira ngo bamwakire, abasirikare barindaga Karamira bahise bamwica babitegetswe na Karamira[101]. Kuva uwo munsi w'itariki ya 8 Mata, Interahamwe z'inyamirambo zahise zigabiza urugo rwa Sakumi zirarusahura ari nako zihiga abana ba Sakumi ngo zibice. Hashize ukwezi n'iminsi icumi nibwo

[99] Gusura inkotanyi mu birindiro byazo no kwitabira ibikorwa bimwe nka za Fundrising.
[100]Habaye uruhurirane rw'izina Sakumi n'isaha yiciweho.
[101] Umugore wa Sakumi akigera kwa Karamira, umwe mu basirikare yagiye kubibwira Karamira agarutse nibwo bishe Gasibirege Immakulata, umugore wa Sakumi.

abana ba Sakumi bari barokotse bageze muri “*Hotel des Milles Collines*”.

Indangagaciro zaranze Sakumi Anselme harimo kuvugisha ukuri no kuguharanira. Afunguwe nk’icyitso cy’inkotanyi ntiyagize ubwoba, yakomeje ubutwari kuko yakomeje guharanira ukuri. Yafashe iyambere mugushinga umuryango “Kanyarwanda” uharanira uburenganzira bw’ikiremwamuntu. Yakomeje kandi gushaka uburyo yafatanya n’abari mu muryango FPR-Inkotanyi kubohora u Rwanda. Umurage yasigiye umuryango n’uwo gukunda abantu, kubana neza nabo ndetse no gukomeza ubucuti. Undi murage n’uwo gukunda umukino w’isiganwa ry’amagare. Serge Rusagara n’umwana wa nyakwigendera uko ashoboye atera inkunga uyu mukino nk’uko se yabikoraga. Ikindi kandi afatanya n’abandi kuyobora ishyirahamwe ry’umukino w’amagare mu Rwanda.

Umuryango wa Sakumi Anselme umwibukira cyane kubikorwa bye n’ukuntu yageragezaga kwinjiza umuryango we muri gahunda ze zose cyanecyane mu bijyanye n’imikino. Umwana we Serge Rusagara icyo yibukira kuri se cyane, n’ukuntu umuryango we yaba ari abana na nyina babigiragamo uruhare baamukurikira muri ayo marushanwa ndetse bakamufasha gutanga ibihembo bitaburagamo amagare cyangwa se imashini zidoda. Iyo bajyaga guhemba umuntu muto witabiriye amarushanwa ibihembo byatangwaga n’umuhungu we Serge. Umuryango we kandi wishimiye aho umukino w’isiganwa ry’amagare ugeze muri iki gihe, kuko babona imbaraga n’ibitekerezo umubyeyi wabo afatanyije n’abandi bitabaye imfabusa.

Abandi bakinnyi b’umukino w’isiganwa ry’amagare bazize Jenoside batabonewe umwirondoro ni aba bakurikira:

- Théophile Gahutu
- Gasatu
- Edouard Gasinzigwa
- Henriette
- Kayumba

### 4.6. Umukino w’Amasiganwa y’Imodoka

Uyu mukino watangiye mu myaka ya 1980. Mu Banyarwanda bamenyekanye cyane bawukinaga n’uwitwa Claude Gakwaya bitaga Bivove waje kwitaba imana azize impanuka yabereye i Butare mu igaraje rye. Abandi bari abanyamahanga ariko batuye mu Rwanda nka Mitraros n’abandi.

Amarushanwa uyu mukino wakunze gutegurwa kenshi ariko ukitabirwa cyane n'abanyamahanga. Uyu mukino na wo wagize Abatutsi benshi bishwe muri Jenoside yakorewe abatutsi. Muri bo twavuga:

| **Francois Kanamugire (Gitoki)** | **Innocent Gusenga (Kiringiti)** |
| --- | --- |
|  |  |

**Innocent Gusenga**

Innocent Gusenga yarashwe urufaya rw'amasasu n'agatsiko k'inkoramaraso (Escadron de la Mort) mu kwezi kwa 6. Amaze kworoherwa yatashye mu Rwanda, maze Jenoside ihita itangira. Yahise yicwa ku ikubitiro kuko yashinjwaga kwohereza abatutsi ku rugamba rwa FPR-Inkotanyi rwo kubohora u Rwanda.

## 4.7. Imikino njyarugamba

### 4.7.1. Amavu n'amavuko y'imikino njyarugamba

Imikino njyarugamba ntiyamenyekanye cyane mu Rwanda. Umukino wamenyekanye mu Rwanda ni Karate yatangijwe mu Rwanda mu wa 1982, uzanywe na François Nduwumwe wari warawumenyeye mu gihugu cy'u Busuwisi aho yari avuye kwiga. Akigera mu Rwanda, nubwo byari bitaremerwa gukora uwo mukino, yatangiye kuwutoreza abakinnyi muri JOC. Ubwoko bwa Karate yatozaga ni Wadoliyu. Nyuma gato uwitwa Laurien Ntezimana wari umuhanga muri Shotokan yatorezaga mu Seminari Nkuru i Nyakibanda guhera mu wa 1983. Muri uwo mwaka, uwitwa Faustin Musanganya Faustin wigishaga muri Kaminuza y'u Rwanda, ishami ry'i Nyakinama yahatangije uwo mukino. Nyuma yaje gukora muri Perezidansi ya Repubulika

ariko uwo mukino ukomeza gukinwa i Nyakinama. Tharcisse Sinzi, mu wa 1988 yatangije uwo mukino wa karate muri Kaminuza y'u Rwanda, ishami ry'i Butare. Ku itariki ya 10 Kamena 1986, nibwo Ishyirahamwe ry'Umukino Njyarugamba (ARAM-Association Rwandaise des Arts Martiaux) ryahawe ubuzima gatozi. Ryari rifite inshingano zikurikira:

- Guhuriza hamwe abantu bose bifuza gukora imyitozo yitwa "arts martiaux", kimwe no gutera amakofe n'indi mikino bifitanye isano;
- Guteza imbere imyitozo ya "arts martiaux";
- Guhamya no guteza imbere ubwumvikane n'ubufatanye mu banyamuryango;
- Gutera inkunga no gufasha abanyamuryango gushinga amatorero yigisha imyitozo ya "arts martiaux" ahantu babona ko ari ngombwa.

Icyo gihe iri shyirahamwe ryahagarariwe mu mategeko na Jean Bosco Barayagwiza, yungirijwe na François Nduwumve naho Faustin Musanganya akaba Umunyamabanga Mukuru. Kugeza mu wa1987, ARAM yari igizwe n'amakipi 6 akurikira:

- Karate Club de la JOC;
- SAMOURAI Karate Club de Kabusunzu;
- IAMSEA;
- TAEKWONDO Mont Kigali;
- UNR Nyakinama;
- UNR Butare.

Mu gihe cya Jenoside, hari abakinnyi n'abakunzi b'umukino wa Karate bazize Jenoside nk'uko bigaragazwa n'urutonde rukira.

### 4.7.2. Abakinnyi ba Karate bazize Jenoside

#### 1. Jean Marie Vianney Kalisa

Kalisa Jean Marie Vianney ni mwene Ruzige Pierre na Nyirabakiga Languida. Yavukiye i Gishaka, Komini Gikomero, Perefecture ya Kigali mu wa 1958. Mu wa1965 nibwo yatangiye amashuri abanza. Yayigiye mu ishuri rya Parroisse y'Umuryango Mutagatifu (Sainte Famille) arangiza mu wa 1971.

Mu wa 1972 nibwo yatangiye amashuri yisumbuye. Kubera impinduramatwara y'icyo gihe ntiyashoboye guhabwa umwanya mu mashuri ya Leta, noneho ajya i Goma muri Zaire kwiga

ibijyanye n'icungamari (Comptabilité), ahakura impamyabushobozi ya A2, mu wa 1976. Muri uwo mwaka nibwo yagiye muri kaminuza ya Lubumbashi nabwo yiga icungamari ahava mu 1978 ahakuye impamyabushobozi ya Licence mu icungamari. Akigaruka mu Rwanda, yakoze mu mushinga wari uhuriweho na Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye na Ambasade y'Ubufaransa (Coopération Franco-Rwandaise), mu byo bitaga «Mobilier scolaire», wari ushinzwe gukwirakwiza ibikoresho by'amashuri mu mashuri. Aka kazi yagakoze kuva icyo gihe kugera Jenoside yakorewe Abatutsi itangiye mu wa 1994. Mu wa 1978 Kalisa Jean Marie Vianney yashakanye na Muteteri Rose babyarana abana batandatu. Bari batuye ku Kimisagara ari na ho ubwicanyi bwababasanze. Mu wa 1990 intambara yo kubohora u Rwanda itangiye Kalisa bashatse kumufunga mu byitso hanyuma abayobozi be bamwohereza mu Bufaransa (France) agaruka mu wa 1992.

Ubwicanyi butangira ku ya 7 Mata ku Kimisagara, igitero cya mbere cyatewe kwa Kalisa kiyobowe na Karushara wari Konseye wa Segiteri Kimisagara. Mu muryango wa Kalisa ubwicanyi butangira yari kumwe n'umugore we n'abana be Kalisa Basile, Kalisa Luc, Ishimwe Adelaide, Karengera n'abandi bana bari bakiri bato cyane. Hari kandi umugabo bakoranaga siporo ku Kabusunzu witwaga Alfred alias «Karateka». Igitero cyavuye kuri Segiteri kije, Kalisa na Alfred batangiye birwanaho ari nako barinda umuryango wabo. Hashize iminsi itatu izo Nterahamwe ziza bakazinesha. Mu gitondo cyo kuya 10 Mata 1994, Konseye Karushara yahuruje abasirikare avuga ko kwa Kalisa hari Inkotanyi zirimo kurwanya abashinzwe umutekano. Ubwo ni nako radiyo RTLM yavugaga ko muri Mont Kigali hari Inkotanyi zirimo kurwana n'abajandarume. Hashize akanya haje igitero cy'abasirikare bafite burende, bari kumwe na Karushara. Iyo burende yarashe inzu ya Kalisa maze itangira kugwa, Kalisa na Alfred barasohoka ariko abasirikare bahita babarasa barapfa. Umugore we wari utwite muri icyo gihe na we yaje gusohoka ataka Interahamwe zihita zimusatura inda zimukuramo umwana na we wahise apfa. Bakomeje gushakisha abandi bari muri iyo nzu bagira ngo babasonge. Haje kuza umupasiteri wo ku rusengero rw' Inkuru Nziza witwa Elia, afata abana bato ba Kalisa ajijisha abo basirikare n'Interahamwe zari zimaze gukora ibyo, maze ashyira abo bana ku ngorofoni avuga ko agiye kubashyingura kuko bari bameze nk'abashizemo umwuka. Abo nibo barokotse mu muryango wa Kalisa.

Nyuma yo kwicwa kwa Kalisa, Karushara yategetse ko batamushyingura aguma aho we na Alfred kugira ngo abantu bose baze barebe Inyenzi yashatse guhangana n'Interahamwe. Kalisa

na Alfred bahamaze iminsi itatu hanyuma bahababakura bajya kubajugunya mu cyobo cyari hafi y'aho yari atuye bavuga ko batangiye kunukira abantu. We n'abo bari kumwe bashyinguye ubu ku rwibutso rwa Gisozi.


Kalisa yakoraga Karate yo mu bwoko bwa « Shotokan », yatangiye mu myaka ya 1978 yiga i Goma na Lubumbashi. Agarutse mu gihugu, yakomeje gukina aba muri club ya Kabusunzu. Kalisa yari afite umukandara w'umukara dani ya kabiri. Yaranzwe no gukunda abantu ndetse no kubitangira. Urugero nk'igihe yari ageze mu Bufaransa ubwo yari arekuwe mu bitaga ibyitso by'Inkotanyi, arangije amahugurwa bamusabye kugumayo agakora kubera ko abo bakoranaga babonaga Igihugu kirimo umutekano muke ariko ahitamo gutaha igihe Igihugu cyari gitangiye kubamo ubwicanyi. Kalisa yarangwaga kandi n'igitsure mu rwego rwo kubaka. Yakundaga abana cyane. Ababyeyi bamwohererezaga abana akabigishiriza mu rugo iwe ndetse n'abo bana bakuze bamukunda bakamwita «Maitre». Mbese icyamushimishaga kurusha ibindi cyari ugukina n'abana abigisha imikino njyarugamba[102].

Abandi bakinnyi ba Karate bazize Jenoside tutaboneye imyirondoro cyangwa ntitunamenye uko bishwe ni aba bakurikira:

**Leopold Gahamanyi** **Clément Kagabo**

[102] Ubuhamya twahawe na murumunawe Kayiranga Jean de Dieu, Kigali Kanama 2018.





**Aime Nduwumwe** **Ange Nduwumwe**





**Angelique Nduwumwe** **Joseph Nyamuvugwa**





**Emile Rurangira** **Aimable Rurangisa**





# UMUTWE WA GATANU: KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI NO KURWANYA INGENGABITEKEREZO YAYO MURI MINISPOC NA MINIYOUTH

## 5.1. Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, inzego zose z'ubuyobozi zashishikarije abaturage bose kongera kwiyubaka no gusana ibyangijwe, guharanira ko Jenoside itazongera ukundi no kubaka imibanire myiza hagati y'abaturarwanda. Ni yo mpamvu mu gika gikurikira hakubiyemo inshamake y'ibikorwa bijyanye no kwibuka muri rusange no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside muri MINISPOC na MINIYOUTH.

